Imvaho Nshya


Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-80 10 - 16 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw



AMAKURU
Twese dufite intego yo guteza imbere ubukungu- Perezida Kagame abwira Umwami Norodom

4

UBUKUNGU
Mu kwezi k'Ukwakira 2026 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 26,5%

8

UBUREZI
Miliyari 152 Frw zashowe muri gahunda yo kugaburira abana ku ishuri

11

MU NTARA
Gatsibo:Yeza ibilo 60 ku giti cy'umwumbati, akinjiza miliyoni 1,5 Frw ku mwaka

21

Louise Mushikiwabo yongerewe amezi 12 ku buyobozi bwa OIF

NTAWITONDA Jean Claude

Umukandida w'u Rwanda, Madamu Louise Mushikiwabo, yongerewe umwaka umwe, ku buyobozi bw'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango Mpuzamahanga w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF) nyuma y'uko Abakuru b'Ibihugu bigize uwo muryamgo bananiwe kumvikana mu matora. Iki gihe cyongerewe Mushikiwabo kije nyuma y'uko amaze kuyobora uyu Muryango kuva muri Mutarama 2019, ubwo yatangiraga manda ye ya mbere, akaba yarongeye gutorerwa manda ya kabiri mu 2022.

Mu gihe yari ahataniye kongera gutorerwa manda ya gatatu y'imyaka ine, Mushikiwabo yari ahanganye na Coumba Bâ wo muri Mauritania na Dacian Cioloș wahoze ari Minisitiri w'Intebe wa Romania, nyuma y'uko Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ikuyeho umukandida wayo, Juliana Amato Lumumba.

Icyemezo cyo kongera amezi 12 Louise Mushikiwabo ku buyobozi bwa OIF kijyanye n'ubwumvikane ku buryo inzibacyuho y'ubuyobozi bwa OIF izakorwa, mu gihe u Rwanda rutazongera gutanga umukandida ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru w'uyu muryango nyuma y'icyo gihe.

Mushikiwabo ni umwe mu Banyafurika bayoboye imiryango mpuzamahanga, akaba

KOMEZA KU RUP.3



Madamu Louise Mushikiwabo yahawe gukomeza kuyobora OIF umwaka umwe

Gicumbi: Abagore batowe biyemeje guhangana na kanyanga ziva muri Uganda

KAMALIZA Agnes

Bamwe mu bagore batorewe kujya muri Komite y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Gicumbi bagaragaje ko bimwe mu bibazo bibugarije ari kanyanga zambutswa zivuye muri Uganda, kandi biteguye guhangana no gushaka uburyo icyo kibazo cyarangira. Babigarutseho ku wa Gatandatu tariki ya 14 Ugushyingo 2026, ubwo hatorwaga abayobozi n'abagize Komite y'Inama y'Igihugu y'Abagore, Iy'Urubyuruko n'Iy'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere.

Dr. Genereuse Mukayisenga ufite impamyabushobozi y'ikirenga mu bijyanye n'ivuguruambereho,

KOMEZA KU RUP.3

Ubuhinzi bwita ku mihindagurikire y'ibihe bugiye kugezwa mu Rwanda hose



U Rwanda rugiye kuva ku mishinga y'icyitegererezo y'ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe

NTAWITONDA Jean Claude

Minisitiri w'Intebe, Dr. Justin Nsengiyumva, yatangaje ko u Rwanda rugiye kuva ku mishinga y'icyitegererezo y'ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, rukajya kuri gahunda nini izashyirwa mu bikorwa mu Gihugu hose, hagamijwe kongera umusaruro, guteza imbere ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi no kongera ubushobozi bw'abahinzi bwo guhangana n'ingaruka z'ikirere.

Yabitangaje ku wa 12 Ugushyingo 2026, mu nama nyunguranabitekerezo yo ku rwego rwo hejuru yiga ku buhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, yabereye i Antalya muri Türkiye.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze ko ubuhinzi ari inkingi ikomeye y'ubukungu bw'u Rwanda, kuko butunga ingo z'Abanyarwanda kandi bukaba isoko y'imibereho y'abaturage benshi batuye mu byaro.

Yagaragaje ko imvura itagwiriye igihe cyangwa iguye ari nyinshi mu gihe gito bigira ingaruka zikomeye ku bahinzi, ku musaruro w'ubuhinzi no ku mibereho y'ingo.

Yagize ati: "Uko tuzashora imari mu buhinzi muri iyi myaka icumi bizagena niba ibyo Igihugu kimaze kugeraho mu iterambere bizakomeza kuramba cyangwa niba bizasenywa n'umwuzure uzakurikiraho."

Yavuze ko intego u Rwanda rwihaye yo kugera ku rwego rw'ibihugu bifite ubukungu bucirirtse buri hejuru (high-income country) mu 2050, binyuze muri gahunda ya Vision 2050, igomba gushingira ku kongera ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Gahunda ya Green Gicumbi yatanze umusaruro

Dr. Nsengiyumva yagarutse ku mushinga wa Green Gicumbi, uterwa inkunga n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Ibihe (Green Climate Fund), ugamije kongerera abaturage ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Uyu mushinga wari ugamije gufasha abaturage bagera ku 249 000 bo mu Karere ka Gicumbi, bangana na hafi bibiri bya gatatu by'abaturage bako.

Mu bikorwa byakozwe harimo gutunganya amaterasi y'indinganire ku misozi, kurinda amasoko y'amazi no kwimura imiryango yari ituye ahantu hashobora kwibasirwa n'ibiza, ikajyanwa mu nzu zubatswe ku buryo ahangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko isuzuma ryigenga ry'uyu mushinga ryagaragaje ko uburyo bwo guhinga bwita ku bidukikije bwakwirakwiriye, umutekano w'ibiribwa ukaba warazamutse, ndetse n'ingo zikaba zarongereye ubushobozi bwo guhangana n'ihungabana rituruka ku mihindagurikire y'ibihe.

Icyakora, yavuze ko ubunararibonye bwavuye muri Gicumbi bwagaragaje ko kurwanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe byonyine bidahagije, kuko abahinzi bakeneye no kubona amasoko, igishoro n'uburyo bwo kongerera agaciro umusaruro wabo.

Yashimangiye ko hakenewe uburyo butuma abagore na bo bungukira mu bikorwa by'ubuhinzi ku rugero rungana n'abagabo.

U Rwanda rwihaye intego yo kongera umusaruro w'ubuhinzi

Minisitiri w'Intebe yavuze ko Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere (NST2) n'Ingamba zo Guhindura Ubuhinzi (PSTA5) bifite intego zikomeye zigomba kugerwaho bitarenze mu mwaka wa 2029.

Muri zo harimo kongera umusaruro w'imyaka y'ibanze mu biribwa ku kigero kirenga 50%, guteza imbere urwego rw'ubuhinzi ku kigero kirenga 6% buri mwaka, ndetse no gukuba kabiri ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ishoramari ry'abikorera muri uru rwego.

Yavuze ko nubwo ubuhinzi busanzwe bugira uruhare rungana na hafi kimwe cya gatanu cy'umusaruro mbumbe w'igihugu (GDP), intego ari ukubuhindura urwego rurangwa n'umusaruro mwinshi, ubucuruzi n'ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Yagaragaje ko imwe mu mbogamizi zikiriho ari uko abashoramari babona ubuhinzi bukorwa n'abahinzi bato nk'ubufite ibyago byinshi, mu gihe inzego z'ibanze na zo zikeneye kongererwa ubushobozi kugira ngo zishobore gushyira mu bikorwa no gukomeza ibikorwa by'ishoramari.

Ni yo mpamvu u Rwanda rugiye kuva ku mishinga imwe imwe, rukajya kuri gahunda ihuriweho izafasha gukwirakwiza ibikorwa byagaragaje umusaruro mwiza nka Green Gicumbi mu gihugu hose.

Harasabwa ubufatanye mu gushora imari mu buhinzi

Minisitiri w'Intebe yavuze ko kugira ngo iri hinduka rigerweho hakenewe ubufatanye bw'inzego zitandukanye mu gushora imari, kuko nta soko rimwe ry'imari ryonyine ryabasha kwikorera uyu mutwaro.

Yasobanuye ko inkunga zitangwa zitagomba kwishyurwa zizafasha gutegura imishinga no kugera ku baturage batishoboye, mu gihe inguzanyo zitangwa ku nyungu nto zizafasha kugabanya ibyago mu ntangiriro z'imishinga no kugaragaza ko ishobora gutanga umusaruro.

Yavuze ko amabanki yo mu gihugu, abikorera bakora mu buhinzi, amakoperative n'abashoramari mpuzamahanga na bo bakwiye kugira uruhare rukomeye uko ibyago by'ishoramari bigenda bigabanyuka.

Yongeyeho ko u Rwanda rufite politiki zihamye, inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa gahunda z'iterambere, ndetse n'uburyo buhuriweho bwo gukorana n'abafatanyabikorwa, ari na byo biruha ubushobozi bwo kwagura ibikorwa by'ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Yasoje avuga ko ubunararibonye u Rwanda ruzagira muri uru rwego bushobora no kubera urugero ibindi bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, cyane cyane ibifite ubutaka buto n'imiterere y'imisozi, bigaragaza ko bishoboka guteza imbere ubuhinzi butanga umusaruro, imirimo n'ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe.



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yabikomojeho mu nama yiga ku buhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, yabereye muri Turukiya

Louise Mushikiwabo yongerewe amezi 12 ku buyobozi bwa OIF

IBIKURIKIRA URUP.1

yaragaragaje ko ashyira imbere ubufatanye hagati y'ibihugu bikoresha Igifaransa, guteza imbere ururimi rw'Igifaransa n'uruhare rw'Afurika mu ruhando mpuzamahanga.

U Rwanda rwahagaze kuri Mushikiwabo

Mu biganiro byamuhuje na Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron byaranzwe n'impaka zikomeye ku kibazo cy'amatora y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF/ Francophonie), Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yashimangiye ko Louise Mushikiwabo agomba gukomeza kandidatire ye.

Ibi biganiro byabaye mu gitondo cyo ku Cyumweru tariki ya 15 Ugushyingo 2026, mu gihe i Phnom Penh muri Cambodia haberaga Inama ya 20 ya OIF, nk'uko byemejwe n'ikinyamakuru Jeune Afrique mu nkuru cyasohoye kigaragaza bimwe mu byaranze ibyo biganiro.

Jeune Afrique ivuga ko Perezida Kagame yabwiye mugenzi we w'u Bufaransa ko afite uruhare mu bwumvikane buke bwavutse muri iyi nama ku birebana n'ugomba kuyobora OIF, kubera ibyo ashaka kugeraho bihabanye n'inyungu z'uyu Muryango. Perezida Kagame yamubwiye ko ari we uri kuba "impamvu shingiro yihariye itera uko kutumvikana" muri iyi nama, amunenga kandi uburyo ashaka gutegeka ibindi bihugu uko bigomba gufata ibyemezo.

Perezida Macron yageraageje kwisobanura, ariko Jeune Afrique ivuga ko bitabashije gutuma ibiganiro bigaruka mu murongo mwiza. Nyuma y'ibi biganiro, u Rwanda rwakomeje gushimangira ko Louise Mushikiwabo akomeza kuba umukandida ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru wa OIF. Mu ijambo yavugiye mu muhango wo gutangiza Inama ya 20 ya OIF ku wa 15 Ugushyingo, Perezida Macron yongeye kugaruka ku kamaro ko kubanza kumvikana ku muntu uzayobora uyu muryango.

Yavuze ko kwaguka kwa OIF kuyisaba kubaka ubwumvikane kugira ngo ibungabunge ubumwe bwayo, ati: "Tugomba kurinda ikiyigira umuryango ukomeye, ari cyo ubumwe bwawo." Yongeyeho ko Francophonie bashaka atari iyihugiraho cyangwa irangwa n'amacakubiri imbere muri yo.

Ku rundi ruhande, Louise Mushikiwabo na we yagarutse ku kibazo cy'ubumwe, avuga ko kuba ibihugu bigize OIF bifite ibitekerezo n'imyanya bitandukanye bidakwiye gufatwa nk'ikibazo, ati: "Ubumwe bwa OIF ntibusaba ko ibitekerezo by'abanyamuryango biba bimwe."

Yagaragaje kandi ko OIF ari urubuga rukomeye rwa Politiki ruhuriza hamwe ibihugu bifite ingano zitandukanye kandi biri ku migabane itandukanye, ashimangira ko atari Umuryango wo guhangana, asaba buri wese kwirinda akayihayiho ko kuwuhindura politiki y'igihugu kimwe n'ikindi bishobora kuwucamo ibice.

Ijambo rya Mushikiwabo ryagaragaye nk'igisubizo ku mpaka zari zimaze iminsi zigaragara mu bihugu bigize uyu Muryango, aho hari ibishaka ko habaho ubwumvikane ku mukandida umwe, ibindi bigashimangira ko amategeko agomba kubahirizwa, harimo no gutora igihe ubwumvikane butabonetse.

U Rwanda rwanze icyifuzo cya Macron

Jeune Afrique ivuga ko mu ijoro ryo ku wa 12 rishyira ku wa 13 Ugushyingo 2026, Perezida Macron yari yasabye Perezida Kagame gukuraho kandidatire ya Louise Mushikiwabo, uri guhatanira manda ya gatatu ku buyobozi bwa OIF.

Macron yashakaga ko haboneka umukandida wumvikanwaho n'ibihugu byinshi, akaba yari ashyigikiye uwahoze ari Minisitiri w'Intebe wa Romania, Dacian Cioloș kugira ngo hatabaho amatora ashobora kurushaho gukurura amacakubiri muri uyu Muryango.

Icyakora, u Rwanda ntirwemeye icyo cyifuzo. Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Olivier Nduhungirehe, yagarutse kuri iki kibazo mu nama y'Abaminisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu bigize OIF yabaye ku wa 14 Ugushyingo.

Yavuze ko u Rwanda rudateganya gukuraho umukandida warwo, ashimangira ko rutabikora cyane cyane mu gihe rwaba rubisabwe mu buryo bwo kurushyirahoigitutu. Jeune Afrique ivuga ko iki cyemezo cy'u Rwanda cyatumye mu ntumwa zitabiriye iyo nama havuka impaka zikomeye.

Gicumbi: Abagore batowe biyemeje guhangana na kanyanga ziva muri Uganda

IBIKURIKIRA URUP.1

watorewe kuyobora Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Gicumbi, yagaragaje ko kanyanga zihangayikishije ku buryo ari byo azashyiramo imbaraga ngo zihashywe burundu. Yavuze ko zimwe mu nshingano z'ingenzi azibandaho ari ugukangurira abagore n'imiryango muri rusange kugira uruhare mu kurwanya ikoreshwa n'ikwirakwizwa ryazo.



Kayitesi Adeline yatorewe kuba Umunyamabanga mu Nama y'Igihugu y'Abagore muri Gicumbi

Yagize ati: "Akarere ka Gicumbi gakora ku mipaka y'u Rwanda na Uganda kandi inzoga za kanyanga zengerwa mu Bugande ku buryo byoroshye ko bazinjiza mu Rwanda bakazikoresha na bo zikabakoresha amakosa yavamo n'ibyaha. Dufatanyije tugomba kubegera tukabasobanurira ububi bw'izo nzoga kuko byagaragaye ko zizahaza abaturage."

Yongeyeho ko kuba yagiriwe icyizere byatumye yiyumvamo inshingano zikomeye zo kuvugira abadashoboye kugeza ijwi aho yarigeza, kandi akababafasha guhindura imitekerereze bakazibukira gushakira ubutunzi ahabashyira mu kaga.

Kayitesi Adeline na we watorewe kuba Umunyamabanga muri iyo Komite, yavuze ko bimwe mu bibazo byugarije Akarere n'izo Kanyanga zirimo, azaharanira ko bikemuka agira ati: "Nshishikajwe no kuba ijwi rya bagenzi banjye kandi nzababera ijwi koko."

Imibare ya Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyaruguru igaragaza ko ikibazo cya Kanyanga mu Karere ka Gicumbi gikomeje gufata indi intera, aho kuva ku wa 01 Kanama kugeza ku wa 11 Ukwakira 2026, hafatiwe litiro za Kanyanga zirenga 13 255, hafatwa n'abantu 99 bakekwaho kugira uruhare mu kuzinjiza mu Rwanda no kuzikwirakwiza.

Ariko nanone ku wa 27 Ukwakira 2026, mu gikorwa cyo kurwanya ibiyobyabwenge cyabereye mu Kagari ka Gisuna, Umurenge wa Byumba, hamenwe kanyanga zirenga litiro 900, ndetse no ku wa 10 Ugushyingo 2026, Polisi n'izindi nzego bafashe litiro za Kanyanga zirenga 1 000 zari zarakwirakwijwe mu baturage ndetse hanafatwa abantu batatu bakekwaho kuyitunda.

Ikibazo cy'inzoga zitujuje ubuziranenge zangiza ubuzima bw'abaturage gikomeje guhangayikisha u Rwanda cyane ko kitagarukira muri ako Karere gusa, kuko imibare ya Minisiteri y'Ubuzima igaragaza ko mu Rwanda hose abagera kuri 50 bapfuye hagati ya Mutarama na Kanama 2026, 100 barahuma, abarenga 500 bagira ibindi bibazo by'ubuzima bazize izo nzoga.

Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana yavuze ko hari abakora izi nzoga bakazongeramo ibinyabutabire byangiza ubuzima n'ibindi byangiza ubwonko n'izindi ngingo z'umubiri, ari yo mpamvu abantu bakwiye kuziranda ndetse zikarwanywa.

Twese dufite intego yo guteza imbere ubukungu- Perezida Kagame abwira Umwami Norodom



Perezida Kagame yavuze ko uru ruzinduko ari intangiriro y'urugendo rushimangira ubufatanye n'ubushuti hagati y'ibihugu byombi

SHEMA Ivan

Perezida Paul Kagame yagaragaje ko u Rwanda na Cambodia bihuriye ku cyerekezo cyo guteza imbere ubukungu no kwihutisha iterambere binyuze mu ishoramari. Yabigarutseho ubwo yakirwaga n'Umwami Norodom Sihamoni wa Cambodia, mu musangiro wabereye mu Ngoro y'Umwami ihereye i Phnom Penh ku mugoroba wo ku wa Gatanu, tariki ya 13 Ugushyingo 2026.

Uwo musangiro wanitabiriwe n'abandi bayobozi barimo Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Amb. Olivier Nduhungirehe, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Umutoni Sandrine n'abandi batandukanye.

Perezida Kagame yashimiye Umwami Norodom Sihamoni kubera uko yamwakiriye n'itsinda ry'abayobozi bari kumwe.

Ati: Nyiricyubahiro, turabashimira cyane icyubahiro mwaduhaye cyo gusura igihugu cya Cambodia. Kuva twahagera, twakiriwe neza cyane n'abaturage ba Cambodia, batugaragarije urugwiro n'ubwitange budasanzwe. Twumva tumeze nk'abari iwacu."

Yanashimiye urugendo rwa Cambodge mu kwiyubaka n'iterambere, avuga ko u Rwanda rwiteguye gukomeza kwigira ku bunararibonye bwayo.

Ati: "Nongeye kuboneraho kubashimira urugendo rw'impinduka zitangaje igihugu cyanyu cyanyuzemo. Cambodge yahindutse rimwe mu masoko yaguka ku muvuduko munini muri aka karere, kandi twiteguye gukomeza kwigira ku bunararibonye bwanyu."

Perezida Kagame yagaragaje ko u Rwanda na Cambodia bihuriye ku cyerekezo cyo guteza imbere ubukungu, binyuze mu kwagura amahirwe y'ishoramari no guteza imbere inzego zitandukanye z'ubukungu.

Ati: "Twese dufite intego rusange mu guteza imbere ubukungu bwacu binyuze mu kubwongerera amoko atandukanye y'ibikorwa by'ubukungu, no kwihutisha iterambere binyuze mu ishoramari.

Cambodia igaragara nk'imwe mu masoko y'ubukungu ari gutera imbere byihuse mu karere, kandi twishimiye gukomeza kungukira ku bunararibonye bwanyu".

Yongeyeho ko uru ruzinduko ruzagira uruhare mu kurushaho gutuma ibihugu byombi birushaho gufatanya.

Ati: "Uru ruzinduko ni intangiriro y'intambwe nshya izashimangira ubufatanye bwacu n'ubucuti."

Ku munsi wa kabiri w'uruzinduko, Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame basuye Urwibutso rw'Ubwigenge bwa Cambodia ruri i Phnom Penh, ndetse n'urwibutso rwa Norodom Sihanouk, wahoze ari Umwami wa Cambodiia akaba na se w'Umwami Norodom Sihamoni.

Norodom Sihanouk yayoboye Cambodge mu bihe bitandukanye, akaba umwe mu bagize uruhare rukomeye mu rugendo rw'iki gihugu rwo kubona ubwigenge mu 1953.

Ibihugu byombi byasinyanye amasezerano ane y'ubufatanye mu nzego zitandukanye zirimo, ishoramari, ubucuruzi, ubwikorezi bwo mu kirere n'ubukerarugendo.

Perezida Kagame kandi yagiranye ibiganiro n'abayobozi batandukaye b'iki gihugu barimo Perezida wa Sena, Hun Sen Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Samdech Khuon Sudary na Minisitiri w'Intebe, Samdech Moha Bovor Thipadei Hun Manet byibanze ku buryo bwo kurushaho gushimangira umubano w'ibihugu byombi no kwagura ubufatanye mu nzego zitandukanye.

Perezida Kagame na Madamu Jeannette Kagame bageze muri Cambodge ku wa 12 Ugushyingo 2026. Uretse uruzinduko rw'akazi Perezida Kagame azanitabira Inama ya 20 y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma bigize Umuryango Mpuzamahanga w'Ibihugu bikoresha Igifaransa, OIF, izabera i Phnom Penh kuva ku wa 15 kugeza ku wa 16 Ugushyingo 2026.

Uganda Airlines igiye gutangiza ingendo za buri munsi za Entebbe – Kigali



Sosiyete y'ubwikorezi bwo mu kirere, Uganda Airlines igiye gutangiza ingendo za buri munsi zihuza Entebbe na Kigali

KAYITARE Jean Paul

Sosiyete ya Uganda ikora ubwikorezi bwo mu kirere (Uganda Airlines) yatangaje ko igiye gutangiza ingendo za buri munsi zihuza Entebbe na Kigali, guhera ku wa 18 Ugushyingo 2026, mu rwego rwo koroshya ingendo hagati y'u Rwanda na Uganda no guteza imbere ubukerarugendo n'ubuhahirane.

Mu rwego rwo kwitegura gutangiza izo ngendo, Uganda Airlines iri kugirana inama nyunguranabitekerezo n'abakora mu rwego rw'ubukerarugendo n'ingendo mu Rwanda, igamije kubamenyesha serivisi zayo no kurebera hamwe amahirwe mashya azanwa n'iyo nzira.

Iyo nama yabereye i Kigali, tariki ya 12 Ugushyingo 2026, ku bufatanye bwa Uganda Airlines, Ambasade ya Uganda mu Rwanda n'Urwego rushinzwe guteza imbere ubukerarugendo muri Uganda (Uganda Tourism Board – UTB).

Yitabiriwe n'ibigo by'ubukerarugendo byo mu Rwanda, abakora umwuga wo gutegura ingendo n'ubukerarugendo (Tour Operators), abafatanyabikorwa batandukanye muri urwo rwego n'abandi bafitanye isano na rwo.

Abayitabiriye baganiriye ku mahirwe ashobora kuboneka mu rwego rw'ingendo n'ubukerarugendo, hashingiwe ku ngendo za buri munsi zigiye gutangizwa hagati y'imijyi ya Entebbe na Kigali.

Muri iyo nama, Uganda yanamuritse ibyiza nyaburanga byayo n'amahirwe ari mu bukerarugendo, hagamijwe kurushaho kuyimenyekanisha nk'Igihugu gishobora gukurura ba mukerarugendo baturutse mu Rwanda no mu bindi bihugu.

Michael Bulwaka, Umujyanama mu Biro bya Ambasaderi wa Uganda mu Rwanda, yagarutse kuri serivisi zitandukanye zitangwa na Uganda Airlines n'ibikorwa by'ubukerarugendo Uganda ifite, agaragaza ko iyi nama ari umwanya wo kumenyesha abafatanyabikorwa amahirwe azanwa n'izo ngendo nshya.

Itangizwa ry'izi ngendo rigiye kuba nyuma y'uko Uganda Airlines itangije ingendo zijya i Accra muri Ghana, rikaba ari igice cy'imbaraga z'iyi sosiyete zo kwagura ibikorwa byayo no kongera uburyo bwo guhuza ibihugu binyuranye.

Biteganyijwe ko ingendo za buri munsi za Entebbe-Kigali zizafasha koroshya ingendo z'abakora ubucuruzi, ba mukerarugendo n'abandi bagenzi, ndetse zikongera amahirwe y'ubufatanye mu bukungu n'ubukerarugendo hagati y'u Rwanda na Uganda.

U Rwanda rwiteguye kuyobora G77 n'u Bushinwa mu 2027

TWAGIIRA Wilson

Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ko u Rwanda rwiteguye gukorana n'ibindi bihugu mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, cyane cyane mu gihe ruzaba ruyoboye ihuriro ry'ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere (G77) hamwe n'u Bushinwa mu 2027.

Yavuze ko u Rwanda ruzakoresha ubwo buyobozi mu gukomeza ubufatanye n'ubumwe bw'ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, no gushyigikira ko ibibazo bitararangizwa mu biganiro mpuzamahanga ku mihindagurikire y'ikirere bibonerwa ibisubizo.

Muri ibyo bibazo harimo gushyiraho ibipimo bigaragaza amafaranga akenewe n'ayagenerwa ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, cyane cyane mu rwego rwo kugera ku ntego mpuzamahanga yo guhangana n'ingaruka zayo (Global Goal on Adaptation).

Yagize ati: "U Rwanda rwiteguye gukorana n'ibihugu byose. Nidutangira kuyobora G77 n'u Bushinwa mu 2027, turizeza gukomeza ukwiyemeza guharanira ubumwe mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere no gusoza imirimo isigaye mu biganiro ku ngingo z'imihindagurikire y'ibihe, harimo n'ibikubiye mu Ntego Mpuzamahanga yo guhangana n'ingaruka zayo hibandwa ku nkunga zikenewe n'aho zigomba guturuka."

Ibi Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yabitangaje ku wa 12 Ugushyingo 2026, mu ijambo yagejeje ku bitabiriye inama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma iri kubera i Antalya muri Turikiya, mu Nama Mpuzamahanga ya 31 y'Umuryango w'Abibumbye yiga ku Mihindagurikire y'Ibihe (COP31).

Yashimangiye ko COP31 idakwiye kwibukwa gusa ku myanzuro n'imihigo ibihugu bizafata, ahubwo ko ikwiye no kurangwa n'ibikorwa bifatika bizafatanyirizwa hamwe mu kurengera Isi.

Yasoje agaragaza ko u Rwanda rwiteguye gukomeza kugira uruhare mu gushakira Isi ibisubizo by'imihindagurikire y'ibihe, ariko ko kugira ngo ibyo bigerweho hakenewe ubufatanye mpuzamahanga n'inkunga y'amafaranga ihagije.



Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ko u Rwanda rwiteguye gukorana n'ibindi bihugu mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe

U Rwanda rukeneye tiriyali 17,9 Frw zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe

Dr. Nsengiyumva Justin, yatangaje ko u Rwanda ruzakenera tiriyali 17,95 z'amafaranga y'u Rwanda, angana na miliyari 12 z'amadolari ya Amerika, kugira ngo rugere ku ntego yo kugabanya imyuka ihumanya ikirere ku kigero cya 53% bitarenze mu 2035.

Yagaragaje ko 80% by'ayo mafaranga azaturuka ku nkunga mpuzamahanga, ashimangira ko hakenewe inkunga ihagije, iteganyijwe kandi yorohereza ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere kuyigeraho.

Yasobanuye ko muri ayo mafaranga yose akenewe, tiriyari 14,36 Frw, angana na 80%, azaturuka ku nkunga z'amahanga, mu gihe andi tiriyari 3,59 Frw azava mu bundi buryo bw'ishoramari.

Yavuze ko ayo mafaranga azafasha u Rwanda gushyira mu bikorwa ingamba zo kugabanya imyuka ihumanya ikirere no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire yacyo.

U Rwanda rwiyemeje kugabanya imyuka ihumanya ikirere ku kigero cya 53% bitarenze mu 2035, ugereranyije n'ingano y'iyo myuka yari kuba ihari hatagize ingamba zifatwa.

Iyo ntego iri muri gahunda ya gatatu y'u Rwanda y'ingamba z'igihugu zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, izwi nka Nationally Determined Contribution (NDC).

Harasabwa koroshya ishoramari mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yanagarutse ku mbogamizi ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bihura na zo mu kubona ishoramari, avuga ko hakwiye kuvaho imyumvire ivuga ko ishoramari rikorerwa mu bihugu byo mu Majyepfo y'Isi rifite ibyago byinshi kurusha irikorerwa mu bihugu byo mu Majyaruguru.



Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin ari kumwe na Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. Arakwiye Bernadette (iburyo)

Yibukije ko Perezida wa Repubulika, Paul Kagame aherutse kugaragaza iki kibazo mu nama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma zo mu Muryango wa Commonwealth, ashimangira ko ishoramari rikwiye gusuzumwa hashingiwe ku bushobozi n'umusaruro w'umushinga, aho gushingira ku gihugu uhereyemo.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko Guverinoma n'abikorera bakwiye gufatanya kugira ngo imishinga ifatika ibone abashoramari, amasoko y'imari akomeze kwaguka, ndetse ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bibone igishoro ku mabwiriza bishobora kwishyura, bitabaye ngombwa ko byongera umwenda udashobora kwishyurwa.

Kigali Amendment ishobora gufasha kugabanya ubushyuhe bw'Isi

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yanagarutse ku ruhare u Rwanda rukomeje kugira mu bikorwa mpuzamahanga byo kurengera ikirere.

Yibukije ko u Rwanda ruherutse kwakira Inama ya 38 y'ibihugu byashyize umukono ku masezerano ya Montreal (MoP 38), yabaye nyuma y'imyaka 10 ivugururwa ryiswe Kigali Amendment ryemejwe.

Yavuze ko ibihugu 175 mu 198 bimaze kwemeza iryo vugururwa, agaragaza ko riramutse rishyizwe mu bikorwa byuzuye ryafasha kwirinda izamuka ry'ubushyuhe bw'Isi rishobora kugera kuri dogere 0,5 Celsius bitarenze mu 2100.

Yongeyeho ko iyo rihujwe no kongera imikorere inoze y'ingufu, izo ngaruka zishobora kugera ku kugabanya izamuka ry'ubushyuhe ku rugero rwa dogere imwe.

Yasabye ibihugu bitararishyira mu bikorwa kubikora kugira ngo Isi irusheho kugera ku ntego zo kugabanya izamuka ry'ubushyuhe.

Amashuri 228 yaguriwe muvero zitangiza ibidukikije zatwaye miliyari 1 Frw

TWAGIRA Wilson

Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF), yashoye miliyari 1 na miliyoni 22 z'amafaranga y'u Rwanda mu kugurira amashuri 228 yo mu bice bitandukanye by'u Rwanda amashyiga agezweho (azwi nka Muvero) akoresha ingufu nke kandi atangiza ibidukikije.

Ibyo bikoresho byatanzwe binyuze muri gahunda igamije kuvugurura imikorere y'urwego rw'uburezi, by'umwihariko mu kunoza uburyo amashuri ateguramo amafunguro y'abanyeshuri. Iyo gahunda yakomojweho n'intumwa za MINEDUC ubwo zasuraga Urwunge rw'Amashuri (GS) rwa Mater Ecclesiae ya Gasaka mu Karere ka Nyamagabe, zireba uburyo iryo shuri rikoresha amashyiga ryahawe mu gikoni cyavuguruwe.

Iryo shuri rifite abanyeshuri 1 332, rikaba ribategurira amafunguro arimo n'imboga ryihingira mu mirima yaryo, hagamijwe kubafasha kubona indyo yuzuye, kugira ubuzima bwiza no gukomeza amasomo bafite imbaraga.

Umuyobozi wa Groupe Scolaire Mater Ecclesiae ya Gasaka, Hagenimana Martin, yabwiye abanyamakuru ko amashyiga agezweho yatumye habaho impinduka zifatika mu kugabanya amafaranga ishuri ryakoreshaga mu kugura inkwi, bityo anagabanya ibiti byatemwaga.

Yagize ati: "Aya mashyiga yagize akamaro cyane. Ndaguha urugero, mbere y'uko aza, buri gihembwe twakoreshaga amasiteri y'inkwi asaga 80, ariko ubu yaragabanyutse agera kuri 35. Mu mafaranga, mbere twakoreshaga arenga miliyoni 1,6 Frw, ariko ubu dukoresha ibihumbi 800 Frw gusa mu gihembwe, kandi tukarushaho kurengera ibidukikije."

Gahunda yo kugaburira abana ku ishuri yazamuye ireme ry'uburezi

Ku bijyanye na gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, Umuyobozi wa Groupe Scolaire Mater Ecclesiae ya Gasaka yavuze ko yagize uruhare mu kongera imyigire n'imitsindire y'abanyeshuri, kuko ibafasha kwitabira amasomo badahangayikishijwe no gushaka ibyo kurya.



Umwe mu bakora mu gikoni cy'ishuri asobanura uburyo muvero bahawe zirondereza ibicanwa

Yagize ati: "Iyo urebye usanga abana bitabira amasomo buri munsi, ntawe usiba kandi bashishikaye. N'ikibazo cy'abana bata ishuri (dropout) ntikikigaragara nk'uko byahoze. Igihe batangazaga bashaka ibyo kurya ubu bakimara mu masomo, kandi ibyo byagize uruhare mu kuzamura ireme ry'uburezi mu buryo bufatika."

Niyonshuti Dafani, ukora muri icyo kigo, yavuze ko amashyiga mashya yoroheje abakozi bo mu gikoni, agabanya igihe cyo guteka ndetse n'imyotsi yateraga ibibazo by'ubuzima. Yagize ati: "Urugero, guteka ibishyimbo byansabaga amasaha atatu, ariko ubu bitwara igihe kitageze ku isaha imwe. Ikindi, nta myotsi ikigaragara ishobora guteza indwara z'ubuhumekero, kuko byose bikorerwa mu gikoni gisukuye. Abanyeshuri na bo babona amafunguro ku gihe, bagahita basubira mu masomo badatakaje umwanya."

Groupe Scolaire Mater Ecclesiae ya Gasaka iherereye mu Karere ka Nyamagabe, ifite abanyeshuri 1 332 n'abarimu 63. Iri shuri kandi rihinga imboga zifashishwa mu gutegurira abanyeshuri amafunguro. Mu byo ribagaburira harimo n'ibihumyo, bifite intungamubiri kandi bishobora gusimbura inyama mu mafunguro amwe n'amwe.

Intumwa za MINEDUC zashimye uburyo iri shuri rikoresha neza Muvero zahawe mu gutegura amafunguro y'abanyeshuri ndetse no gutanga umusanzu waryo mu kurondereza ibicanwa habungabungwa ibidukikije.

Inyubako 5 zari zarafunzwe i Kigali kubera inkongi zemerewe kongera gukora

IMVAHO NSHYA

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwafunguriye inyubako eshanu zari zahagaritswe gukorerwamo ibikorwa bitandukanye kubera kutuzuza ibisabwa mu gukumira inkongi z'umuriro, nyuma yo gukosora ibibazo byari byagaragajwe n'ubugenzuzi.

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara ku wa Gatanu, tariki ya 13 Ugushyingo 2026, Umujyi wa Kigali watangaje ko izi nyubako zemerewe gusubukura ibikorwa byari bizikorerwamo guhera kuri uwo munsi.

Inyubako zafunguwe ni Catchup Building, Isoko rya Gahoromani riri i Masaka, Real Contractors Workshop i Gikondo, Ntaganzwa House na Eden Tower zo mu Karere ka Nyarugenge.

Umujyi wa Kigali wavuze ko izo nyubako zafunguwe nyuma yo kuzuza ibisabwa mu kwirinda inkongi z'umuriro, wari waragaragaje ko bitubahirizwa mu bugenzuzi bwakozwe.



Iyi ni imwe mu nyubako 5 zafunguwe nyuma yo kuzuza ibisabwa mu kwirinda inkongi z'umuriro

Itangazo ryagize riti: "Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali buramenyesha abantu bose ko izi nyubako eshanu zari zafunzwe kubera kutubahiriza ibisabwa mu kwirinda inkongi ubu zafunguwe guhera uyu munsi tariki 13 Ugushyingo 2026."

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwasabye ba nyir'izindi nyubako zitarafungurirwa kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ibisabwa kugira ngo na zo zemererwe kongera gukora.

Mu byo basabwe harimo gukosora ibibazo byagaragajwe mu igenzura, gushyira mu bikorwa ingamba zo kwirinda inkongi no kubahiriza ibisabwa mu bijyanye no gucunga amazi yanduye.

Itangazo rikomeza rigira riti: "Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali burasaba abasigaye batarafungurirwa ko na bo bakwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ibisabwa mu kwirinda inkongi no gufata amazi yanduye."

Umujyi wa Kigali wibukije ba nyir'inyubako n'abazicunga ko bafite inshingano zo guhora bazibungabunga, bagenzura ko ibikoresho n'uburyo bwo gukumira inkongi bihari kandi bikora neza.

Ibyo birimo kugira ibikoresho bizimya umuriro, uburyo bwo gutahura inkongi hakiri kare, inzira z'ubutabazi n'aho abantu banyura basohoka mu nyubako igihe habaye impanuka.

Ni igice cy'ubugenzuzi bukomeje gukorwa

Gufungura izi nyubako ni indi ntambwe mu bugenzuzi Umujyi wa Kigali umaze igihe ukora ku nyubako z'ubucuruzi n'izindi zikoreshwamo ibikorwa bitandukanye, hagamijwe kureba niba zujuje ibisabwa mu gukumira inkongi.

Mu mpera z'Ukwakira 2026, Umujyi wa Kigali wari watangaje ko inyubako eshanu zirimo Agakiriro ka Kabuga, Umukindo na Comejoga byo ku Gisozi, ASMMS Ltd i Kicukiro n'Isoko rya Gahoromani zizafungwa by'agateganyo kubera kutuzuza ibisabwa mu kwirinda inkongi.

Ku wa 4 Ugushyingo 2026, watangaje ko izindi nyubako n'ibikorwa by'ubucuruzi 10 na byo bigiye gufungwa, zirimo Catchup Building, Agakiriro ka Gatenga, Agakiriro ka Gahanga, Rwanda Foam Showroom, KAL Plaza, N&B Plaza, Eden Tower, Matheus House, Ntaganzwa House na Ndaru Arcade.

Icyo gihe Umujyi wa Kigali wasobanuye ko inyubako zizemererwa kongera gukora ari izizaba zakemuye ibibazo byagaragajwe n'ubugenzuzi, zikongera kugenzurwa zikemezwa ko zujuje ibisabwa.

Izi ngamba zigamije kurinda ubuzima bw'abakora muri izo nyubako, abazisura n'abahakorera ubucuruzi, ndetse no kurengera imitungo yabo ishobora kwangizwa n'inkongi.

Umujyi wa Kigali usaba ba nyir'inyubako n'abazicunga kudategereza ko habaho ubugenzuzi cyangwa impanuka kugira ngo bashyire mu bikorwa amabwiriza y'umutekano, ahubwo bakabigira inshingano zihoraho.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Ijambo ry'Ibanze

OIF ntikwiye gutezuka ku ntego zayo zo kwimakaza ubufatanye n'ubumwe

Umuryango Mpuzamahanga w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF) ufite inshingano zikomeye zo kwimakaza ubutwererane bushingiye ku iterambere ry'ururimi rw'Igifaransa, uburezi, umuco, demokarasi, uburenganzira bwa muntu n'ubufatanye mu iterambere. Kugira ngo umusaruro ubeho mu buryo burambye, ubwo bufatanye bukwiye kurangwa n'ubwubahane, uburinganire n'ubushake nyabwo bwo gukorera hamwe.

Inama ya 20 ya OIF ibereye i Phnom Penh muri Cambodia ni umwanya ukomeye wo kongera gusuzuma icyerekezo cy'uyu Muryango n'uruhare rwawo mu guhuza ibihugu biwugize. Izaba kandi mu gihe hari ibibazo bya politike muri bimwe mu bihugu bihuriye muri uyu muryango.

OIF ntikwiye kuba urubuga rwo guhangana kwa politiki hagati y'ibihugu cyangwa aho ibihugu bikomeye bikoresha ubushobozi bwabyo mu kugena abayobozi abandi bakwiye gushyigikira. Ahubwo, igomba kuba Umuryango urangwa n'ubwigenge, aho buri gihugu kigira ijambo ringana n'iry'ikindi, hatitawe ku bukungu cyangwa uburemere bwa politiki gifite.

Ikibazo cy'amatora y'Umunyamabanga Mukuru w'uyu muryango, aho Louise Mushikiwabo ahatanira kuyobora manda ya gatatu, gikwiye kureberwa mu rwego rw'amahame agenga OIF, aho kugirwa intandaro yo gucamo ibihugu ibice. Kuba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo itavuga rumwe n'u Rwanda kuri iyi kandidatire ntibikwiye gutuma Umuryango wose uva ku ihame ry'uko amatora aba mu kuri hubahirizwa amategeko awungenga kandi hagatorwa umukandida ushoboye.

Ni ngombwa kandi ko OIF itanga umwanya ungana ku bihugu byo muri Afurika, kuko ari byo bifite umubare munini w'abaturage bakoresha Igifaransa. Ibi bisaba ko Afurika itaba isoko y'abanyamuryango gusa, ahubwo igira uruhare rukomeye mu gufata ibyemezo n'icyerekezo cy'uyu muryango.

OIF ikwiye no kwagura ibikorwa byayo birenze guteza imbere ururimi rw'igifaransa, igashora imbaraga mu ikoranabuhanga, uburezi, guhanga imirimo, ubucuruzi n'iterambere ry'ibihugu bikoresha urwo rurimi.

Umuryango wa OIF ukeneye ubumwe bushingiye ku mahame, ubwigenge mu byemezo n'ubufatanye bufite umusaruro kuko ari byo bizatuma ukomeza kugira agaciro n'uruhare mu ruhando mpuzamahanga cyane cyane mu iterambere n'umubano mwiza wa politiki na dipolomasi w'ibihugu biwugize.

Ubwanditsi

MINEDUC yatashye igikoni kigezweho cyo gutekera abanyeshuri cya miliyoni 700 Frw



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette, mu muhango wo gutaha igikoni kigezweho

TWAGIRA Wilson

Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye mu burezi, yatashye igikoni cy'icyitegererezo giherereye mu Kagari ka Bujyujyu mu Murenge wa Muyumbu w'Akarere ka Rwamagana, gifite agaciro ka miliyoni 700 z'amafaranga y'u Rwanda.

Iki gikoni cyubatswe ku buryo bugezweho, gikoresha ikoranabuhanga ry'imirasire y'izuba (Solar Energy), kikaba kizajya gitegurirwamo amafunguro yamara gushya akagaburirwa abanyeshuri bo mu bigo bitanu by'amashuri byo mu Karere ka Rwamagana.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere, Claudette yavuze ko iki gikoni ari umushinga w'icyitegererezo ugamije kunoza gahunda yo kugaburira abanyeshuri ku ishuri, hibandwa ku buziranenge bw'amafunguro, isuku ndetse no kugabanya ikiguzi cy'ibicanwa.

Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru, yagize ati: "Iyi gahunda yo gutekera hamwe tuyitezeho gutanga umusaruro, kuko izongera ubwiza bw'amafunguro, inabungabunge ibidukikije kuko ikoresha ikoranabuhanga ry'ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba. Mu by'ukuri, turifuza ko uburyo nk'ubu bwagezwa hose mu gihugu, by'umwihariko mu bigo by'amashuri byegeranye bikorera mu turere dutandukanye."

Umuyobozi Mukuru wa Rockefeller Foundation, umuryango wagize uruhare mu gutera inkunga iyubakwa ry'iki gikoni, Nasiri Katuramu, yagarutse ku bunararibonye bw'ibindi bihugu birimo Brazil byamaze gushyira mu bikorwa uburyo nk'ubu, agaragaza ko bwatanze umusaruro ufatika.

Yavuze ko u Rwanda na rwo rumaze kubona inyungu zituruka ku gukoresha ikoranabuhanga nk'iri mu gutegura amafunguro, by'umwihariko mu kubungabunga ibidukikije.

Yagize ati: "Mu bihugu byatangiye kwifashisha iri koranabuhanga, byatanze umusaruro ufatika. Kuva mu mwaka wa 2010, u Rwanda rwashoboye kuzigama ibiti ibihumbi 14 buri mwaka, bityo hakabaho no kubungabunga umutungo kamere wari kuba wangirika."

Minisiteri y'Uburezi ivuga ko iyi gahunda yo kubaka ibikoni bikoresha ikoranabuhanga rigezweho ari imwe mu ngamba zigamije kunoza imitangire y'amafunguro ku banyeshuri, kugabanya ikoreshwa ry'ibicanwa gakondo no kubungabunga ibidukikije.

Iyo Minisiteri ivuga kandi ko uwo mushinga uzagirira akamaro abanyeshuri basaga ibihumbi 15 biga mu bigo bitandukanye byo mu Karere ka Rwamagana, bazajya bahabwa amafunguro ategurirwa muri iki gikoni.

Iki gikoni gifite ubushobozi bwo kwakira no gutegurira amafunguro mu buryo bugezweho, kikaba gifite muvero nini ifite ubushobozi bwa metero kibe 3 000, ndetse n'ibikoresho byihariye bifite ikoranabuhanga ryo gushyushya no kubika amafunguro ku bushyuhe bwa dogere selisuyusi 98°C. Iri koranabuhanga rituma amafunguro ashobora kugumana ubushyuhe mu gihe cy'amasaha asaga icyenda.

Nyuma yo gutegurwa, amafunguro ahita ashyirwa mu modoka zikoresha amashanyarazi zagenewe kuyatwara, zikayageza ku bigo by'amashuri biyagenewe mu gihe gito, kugira ngo abanyeshuri bayahabwe agishyushye kandi yujuje ibisabwa mu bijyanye n'isuku n'ubuziranenge.

Umuryango Solid Africa usanzwe ukora ibikorwa byo kugaburira abarwayi kwa muganga, ni na wo wagize uruhare mu gushyira mu bikorwa uyu mushinga, ukaba ari na wo washinzwe kubaka iki gikoni no kugishyiramo ibikoresho n'ibindi bikenewe kugira ngo gitange serivisi zinoze.

Solid Africa ni umuryango watangiye ibikorwa byawo mu mwaka wa 2010, ufite icyicaro gikuru mu Murenge wa Rusororo, mu Karere ka Gasabo.

Mu ntangiriro zawo, uyu muryango wibanze ku gufasha abarwayi bari mu bitaro, cyane cyane abatagira abantu babitaho, ubagemurira amafunguro. Mu bikorwa byawo bya mbere harimo gusura no kugeza amafunguro ku barwayi bari mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza bya Kigali (CHUK).



Mu Karere ka Rwamagana, hatashywe igikoni kizajya gitekera abanyeshuri bo mu bigo 5

Mu kwezi k'Ukwakira 2026 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 26,5%

KAMALIZA Agnes

Ku wa 10 Ugushyingo 2026, Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje ko ibiciro mu Rwanda haba mu mijyi no mu byaro mu kwezi kw'Ukwakira 2026, byiyongereyeho 26,5% ugereranyije n'Ukwakira 2025.

NISR yagaragaje ko bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi k'Ukwakira 2026, ari ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 39,1%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 17,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 25,9% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,1%.

Ugereranyije Ukwakira 2026 na Nzeri 2026, ibiciro byiyongereyeho 6,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 11,9%, mu gihe ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2026, byari byiyongereyeho 20%.



Ibiciro ku masoko bikomeje kuzamuka

Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi mu kwezi kw'Ukwakira 2026, byiyongereyeho 19,5% ugereranyije n'Ukwakira 2025, mu gihe muri Nzeri 2026 byari byiyongereyeho 17,2%.

Mu kwezi k'Ukwakira 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 28,9%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 14,2%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 22,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 20,6%.

Ugereranyije Ukwakira 2026 na Nzeri 2026, ibiciro byiyongereyeho 3,3%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 7,8%. Ugereranyije Ukwakira 2026 n'Ukwakira 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 11,5%.

Ibiciro byo mu cyaro

NISR ivuga ko ibiciro mu cyaro mu kwezi kw'Ukwakira 2026, byiyongereyeho 31,3% ugereranyije n'Ukwakira 2025, mu gihe ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2026 byari byiyongereyeho 22%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukwakira 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 43,5%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 20,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 37,9%.

NISR ivuga ko ugereranyije Ukwakira 2026 na Nzeri 2026, ibiciro byiyongereyeho 8,6%; iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 13,6%.

TWAGIRA Wilson

Ubucuruzi bw'u Rwanda n'u Bushinwa bwiyongereyeho 89% mu 2025

Ibicuruzwa u Rwanda rwohereza mu Bushinwa byiyongereyeho 89% mu mwaka wa 2025, bigera ku gaciro ka miliyoni 160 z'amadolari ya Amerika, asaga miliyari 235,6 Frw. Ibi bigaragaza ubwiyongere bw'ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi, ndetse n'amahirwe ari mu isoko ry'u Bushinwa ku bicuruzwa bikomoka mu Rwanda.

Ibi byatangajwe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB), Muganza Kangeli Juliana, mu kiganiro yagiranye na Televiziyo y'u Bushinwa (CGTN), ubwo yari mu ruzinduko muri icyo Gihugu.

Uru ruzinduko rwabaye mu gihe mu Bushinwa hari kubera imurikagurisha mpuzamahanga ry'ibicuruzwa bitumizwa muri icyo gihugu, rizwi nka China International Import Expo (CIIE), rihuza ibigo by'ubucuruzi n'abashoramari baturutse mu bice bitandukanye by'Isi.

Muganza yavuze ko u Bushinwa ari umwe mu bafatanyabikorwa bakomeye b'u Rwanda mu bucuruzi, haba mu bicuruzwa rutumiza muri icyo gihugu ndetse n'ibyo rwoherezayo.

Yagize ati: "Tubona u Bushinwa nk'umufatanyabikorwa ukomeye cyane w'u Rwanda.



U Rwanda n'u Bushinwa bikomeje guteza imbere ubucuruzi

Nk'uko bisanzwe bizwi, dutumiza ibicuruzwa byinshi biturutse mu Bushinwa, ariko ikintu cyihariye ni uko na none dukomeje kongera ibicuruzwa twoherezayo."

Yasobanuye ko mu 2025, u Rwanda rwohereje mu Bushinwa ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyoni 160 z'amadolari ya Amerika, bikaba byariyongereyeho 89% ugereranyije n'umwaka wa 2024.

RDB igaragaza ko ubucuruzi bw'ibihugu byombi muri rusange bugeze ku gaciro ka miliyari 1,4 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga asaga tiriyari ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda.

Muganza yavuze ko umubano w'u Rwanda n'u Bushinwa utagarukira ku bucuruzi gusa, ahubwo unagaragarira mu bufatanye mu mishinga itandukanye igamije guteza imbere Igihugu.

Yavuze ko ubwo bufatanye bunatanga amahirwe yo gukurura ishoramari rituruka mu Bushinwa, aho abashoramari benshi bamaze gushora imari mu Rwanda.

Mu nzego zigaragaramo ishoramari ry'Abashinwa harimo gutunganya umusaruro w'ubuhinzi, gukora ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi, ubwubatsi no gukora ibikoresho byifashishwa muri urwo rwego.

Muganza yashimangiye ko u Rwanda rushishikajwe no kurushaho guteza imbere umubano w'ubukungu n'ubufatanye hagati y'abikorera bo mu bihugu byombi.

U Rwanda rushaka kongera ba mukerarugendo b'Abashinwa

Uretse ubucuruzi n'ishoramari, Muganza yanagarutse ku mahirwe u Rwanda rufite mu bukerarugendo, agaragaza ko Igihugu gifite ibyiza nyaburanga bishobora gukurura ba mukerarugendo benshi b'Abashinwa.

Mu kiganiro yagiranye na CGTN, yavuze ko u Rwanda ruzwi nk'Igihugu cy'Imisozi Igihumbi, kubera imiterere yarwo irimo imisozi myinshi n'ahantu nyaburanga.

Mu hantu yagarutseho ashishikariza Abashinwa gusura harimo Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, izwiho kuba ubuturo bw'ingagi zo mu misozi miremire, zikurura ba mukerarugendo baturutse mu bihugu bitandukanye.

Yavuze ko ingagi ari zimwe mu nyamaswa zugarijwe n'icyago cyo kuzimira, ariko ko u Rwanda rukomeje gushyira imbaraga mu kuzirinda no kuzibungabunga, ku buryo umubare wazo ukomeje kwiyongera.

Yashishikarije ba mukerarugendo b'Abashinwa kuzasura izi ngagi, avuga ko ari kimwe mu bikorwa umuntu yakwifuza gukora nibura rimwe mu buzima bwe.

Yanagarutse kuri Pariki y'Igihugu y'Akagera, iri mu byiza nyaburanga u Rwanda rufite bishobora gukurura ba mukerarugendo, cyane cyane abakunda gusura inyamaswa zo mu gasozi.

Ibi bigaragaza ko u Rwanda rukomeje kwifashisha ubufatanye n'u Bushinwa mu guteza imbere inzego zitandukanye zirimo ubucuruzi, ishoramari n'ubukerarugendo, hagamijwe kwagura amahirwe y'ubukungu no kongera ibikorwa by'abikorera.

COP31: U Rwanda rwifashisha amakuru y'ikirere mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe



Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye Bernadette

NTAWITONDA Jean Claude

U Rwanda rwagaragaje ibikorwa rurimo mu kunoza ikusanyamakuru ry'ikirere, iteganyagihe ritanga impuruza ku biza no gusangiza amahanga amakuru yizewe afasha mu gufata ibyemezo bigamije kurengera ubuzima bw'abaturage no guteza imbere ishoramari rirengera ibidukikije.

Ibi byagarutsweho mu nama mpuzamahanga yiga ku mihindagurikire y'ibihe, COP31, iri kubera i Antalya muri Turikiya, aho Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. Bernadette Arakwiye n'Umuyobozi Mukuru wa Meteo Rwanda, Aimable Gahigi bitabiriye ibiganiro byateguwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bumenyi bw'Ikirere (WMO).

Ibyo biganiro byari bifite insanganyamatsiko igira iti: "Gushora imari mu makuru arengera abantu akanafasha mu gufata ibyemezo by'ishoramari", byibanze ku kamaro ko kubona amakuru ahagije kandi yizewe ajyanye n'ikirere, kugira ngo ibihugu bibashe gutegura ingamba zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

U Rwanda rwagaragaje intambwe rumaze gutera mu gukurikirana uko ikirere gihagaze, kunoza iteganyagihe no kugeza amakuru y'ingenzi ku zindi nzego mpuzamahanga, kugira ngo afashe mu kunoza ubushobozi bwo guteganya ibiza no kubikumira.

Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye yagize ati: "Amakuru y'ikirere ni ingenzi mu guteganya no kwitegura ibihe bikomeye biterwa n'imihindagurikire y'ibihe."

Imihindagurikire y'ibihe ikomeje gutuma ibihugu byinshi bihura n'ibiza birimo imvura nyinshi, imyuzure, amapfa n'ubushyuhe bukabije. Ibi bituma amakuru y'ikirere aba ingenzi mu gufasha inzego zishinzwe imicungire y'ibiza gutanga ubutabazi no gufata ingamba hakiri kare.

Ku ruhande rw'ubuhinzi, amakuru y'iteganyagihe afasha abahinzi kumenya igihe gikwiye cyo gutera no gusarura, mu gihe mu igenamigambi ry'ibikorwa remezo afasha mu kubaka imihanda, ibiraro n'inyubako byita ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Mu Rwanda, Ikigo cy'Igihugu cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gifite uruhare rukomeye mu gukusanya no gutanga amakuru y'iteganyagihe afasha inzego zitandukanye mu gufata ibyemezo.

U Rwanda kandi ruri mu bihugu byashyize imbaraga mu kunoza ubushobozi bwo gukusanya amakuru y'ikirere binyuze mu bufatanye n'imiryango mpuzamahanga.

Umushinga wo guteza imbere ubushobozi bwo gukusanya amakuru y'ikirere mu Rwanda, ushyigikiwe n'Ikigega SOFF, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bumenyi bw'Ikirere (WMO) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP).

Ni umushinga ufite inkunga ya miliyoni 3,5 z'amadolari ya Amerika (ni ukuvuga miliyari zisaga 5.2 z'amafaranga y'u Rwanda) mu gihe cy'imyaka ine, kuva mu 2024 kugeza mu 2028.

Uwo mushinga ugamije kongera ubushobozi bw'u Rwanda mu gukusanya amakuru y'ikirere no kuyasangiza ibindi bihugu binyuze mu muyoboro mpuzamahanga wo guhanahana amakuru y'ikirere.

Ibi bigaragaza ko gushora imari mu bumenyi bw'ikirere bidafasha gusa mu guteganya ibiza, ahubwo binagira uruhare mu kurengera ubuzima bw'abaturage, ibikorwa by'ubukungu n'ishoramari.

COP31 yatangiye ku wa 9 Ugushyingo 2026, ikazageza ku wa 20 Ugushyingo i Antalya muri Türkiye, ihurije ibihugu hamwe mu gushaka ibisubizo bifatika ku mihindagurikire y'ibihe.

Urwego rw'imitangire ya serivisi rwagabanyutseho 2,9%- RGB



RGB yagaragarije Abasenateri n'Abadepite ishusho y'uburyo abaturage bishimira imiyoborere n'itangwa rya serivisi

NYIRANEZA Judith

Ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) bwa 2026 bwagaragaje ko urwego rwa serivisi zegerejwe abaturage rwagabanyutseho 2,9% ugereranyije ibipimo by'uyu mwaka n'ushize.

Imibare y'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, RGB, iri muri raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2026 igaragaza ko abaturage bishimiye imiyoborere n'imitangire ya serivisi ku mpuzandengo ya 73,8%, ivuye kuri 76,7% mu 2025.

Ibi byagaragajwe ku wa Gatatu, tariki ya 11 Ugushyingo 2026 ubwo Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), Dr. Doris Uwicyeza Picard yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi raporo y'ibikorwa bya RGB by'umwaka wa 2025/2026 n'igenamigambi ry'ibikorwa by'umwaka wa 2026/2027.

Depite Mukabunani Christine yabajije impamvu yaba yaratumye icyo gipimo kigabanyuka, asubizwa ko abaturage badahabwa serivisi ku gihe, bagasiragira kimwe no kudasobanukirwa aho basaba serivisi.

Dr. Uwicyeza yagize ati: "Hari aho usanga abaturage badakemurirwa ibibazo ku gihe, ahandi bagasiragizwa, ikindi hakaba hari abaturage baba batazi aho basabira serivisi runaka baba bakeneye."

Mu gushakira igisubizo icyo kibazo cy'uburyo abaturage bashima imitangire ya serivisi, Dr. Uwicyeza yavuze ko abatanga serivisi mu nzego zitandukanye cyane cyane mu Nzego z'ibanze bagomba kongeramo imbaraga.

Yagize ati: "Serivisi zihabwa abaturage ndetse no kugira uruhare mu bibakorerwa byagabanyutseho amanota 2.9%. Birakwiye ko abayobozi b'Inzego z'ibanze ndetse n'izindi nzego zishinzwe guha serivisi umuturage bashyiramo imbaraga ngo icyo gipimo kizamuke."

Yakomeje agaragaza ko ibipimo nk'ibi biba bigamije gutuma ahagaragaye icyuho cyangwa intege nke bifasha inzego kwikubita agashyi,hakanozwa imikorere bigashakirwa ibisubizo.

Mu zindi nzego, umutekano ukomeje kuza ku isonga, nubwo igipimo cyawo cyagabanyutseho 0,6%, kuko cyavuye kuri 92,1% mu mwaka ushize kigera kuri 91,5%.

Urwego rw'ubuhinzi ruri ku mwanya wa nyuma, rwagabanyutseho 8,6% kuko bwagize amanota 62%, buvuye kuri 70,6%.

RDC: Kayikwamba yasabiye u Rwanda ibihano ari hafi y'aho ingo z'umuryango wa Tshisekedi zasakiwe



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga AMb. Nduhungirehe Olivier yavuze ko Thérèse Kayikwamba Wagner nta shingiro afite ryo gusabira u Rwanda ibihano

NTAWITONDA Jean Claude

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, asanga bitangaje kuba Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Thérèse Kayikwamba Wagner yatinyutse gusabira u Rwanda ibihano ari hafi y'ahari ingo z'abo mu muryango wa Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo ziheruka gusakwa n'ubutabera bw'u Bubiligi kubera ibyaha bakurikiranyweho birmo iyezandonke, ruswa no gusahura imitungo ya Congo.

Yakomoje ku buryo ubwo busabe butangaje kuko bimwe mu birego RDC ishingiraho isabira u Rwanda ibihano ari uko irushinja ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yo mu Burasirazuba bwa DRC, ahahererey ibirombe byagaragajwe n'imiryango itegamiye kuri Leta ko ari na byo abo mu muryango wa Tshisekedi bagiye bakuramo imituno bigwijeho mu bihe bitandukanye.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yasubizaga inkuru yanditswe n'ikinyamakuru BETO, yagarutse ku byo Minisitiri Kayikwamba yatangarije imbere y'Inteko Zishinga Amategeko z'Umuryango w'Ibihugu bya Afurika, Karayibe na Pasifika (OEACP) n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU), aho yasabye abafatanyabikorwa b'igihugu cye gufatira ibihano u Rwanda ashinja guteza umutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo.

Mu butumwa bwe, Amb. Nduhungirehe yavuze ko kuba Kayikwamba yaratangiye ubwo butumwa i Buruseli, hafi y'ingo z'umuryango wa Perezida Tshisekedi ziherutse gusakwa n'inzego z'ubutabera bw'u Bubiligi, bituma ibintu bigira isura idasanzwe.

Yagize ati: "Kuba aya magambo yatangiwe i Buruseli, mu ntera ngufi cyane uvuye ku ngo z'umuryango wa Perezida Tshisekedi ziherutse gusakwa n'inzego z'ubutabera z'u Bubiligi mu iperereza ku byaha bakekwa bya ruswa, iyezandonke no kunyereza umutungo kamere w'amabuye y'agaciro, bituma ibintu bisa n'urwenya…"

Muri iyo nama yabereye i Buruseli ku wa Kabiri tariki ya 10 Ugushyingo, Kayikwamba yasabye ibihugu by'i Burayi gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya 2773 na 2808 y'Akanama ka Loni gashinzwe umutekano, asaba ko u Rwanda rukura ingabo ku butaka bwa Congo, urwitwazo rutangwa mu gusiga icyuhagiro ingaruka z'imiyoborere iteje inkenke ya Guverinoma ya Congo.

Yashinje kandi u Rwanda kugira uruhare mu bibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo, avuga ko ubucuruzi butemewe bw'amabuye y'agaciro, cyane cyane coltan yo mu kirombe cya Rubaya muri Kivu ya Ruguru, bugira uruhare mu gukomeza intambara.

Yasabye kandi Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi gukaza igenzura ku nkomoko y'amabuye y'agaciro acuruzwa ku isoko mpuzamahanga, kugira ngo hirindwe ko akomoka mu bice birangwamo amakimbirane yinjira mu masoko yawo.

Ibi birego u Rwanda rushinjwa mu myaka irenga 30 ishize bifatwa nko kuyobya uburari ku mpamvu shingiro z'ibibazo by'umutekano muke byabaye akarande mu Burasirazuba bwa RDC ahabarizwa imitwe yitwaje intwaro irenga 130 irimo n'uwa FDLR wagejeje muri icyo gihugu ingengabitekerezo ya Jenoside nyuma yo gushingwa n'abarimo abunamuwe kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iperereza ry'ubutabera bw'u Bubiligi ku muryango wa Tshisekedi

Igitekerezo cya Minisitiri Nduhungirehe cyashingiye ku iperereza ry'ubutabera bw'u Bubiligi ryatumye ku wa 14 Ukwakira 2026 hakorwa ibikorwa byo gusaka ingo z'abantu bo mu muryango wa Perezida Félix Tshisekedi n'abo bafitanye isano, i Buruseli no mu tundi duce two mu Bubiligi.

Iryo perereza ryatangiye nyuma y'ikirego cyatanzwe muri Nyakanga 2025 n'imiryango itegamiye kuri Leta yo mu Karere ka Katanga, hamwe n'abahoze ari abayobozi b'ikigo cya Leta cya Gécamines gishinzwe ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Abaregwa bakekwaho ibyaha birimo ruswa, kunyereza amafaranga no kugira uruhare mu bikorwa bitemewe bifitanye isano n'umutungo kamere w'amabuye y'agaciro.

Iperereza rireba abantu icyenda bo mu muryango wa Perezida Tshisekedi n'abo bafitanye isano, barimo umugore we Denise Nyakeru Tshisekedi, abavandimwe be n'abandi bantu ba hafi.

Ibyo byatumye amagambo ya Kayikwamba yasabaga u Burayi kugira uruhare mu gukemura ibibazo by'umutekano no kugenzura imicungire y'umutungo kamere wa Congo, ahurirana n'iperereza riri gukorwa n'ubutabera bw'igihugu cyakiriye iyo nama, bikabonwa nk'ibirimo kuvuguruzanya.

Abanyeshuri 68 ba Rwanda Coding Academy batangiye Itorero Intagamburuzwa

SHEMA Ivan

Abanyeshuri 68 basoje amasomo muri Rwanda Coding Academy, bagiye gukomereza muri Rwanda Institute of Computing, batangiye Itorero Intagamburuzwa rigamije kubatoza indangagaciro z'umuco nyarwanda, gukomeza gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda no kubafasha gusobanukirwa uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu.



Abanyeshuri 68 bamaze igihe basoje amasomo muri Rwanda Coding Academy, batangiye icyiciro cya Mbere cy'Itorero Intagamburuzwa

Iri torero ryatangijwe ku wa Gatanu, tariki ya 13 Ugushyingo 2026, mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba giherereye mu Karere ka Burera, rikaba rizamara ibyumweru bibiri.

Rizibanda ku kubakangurira gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda, kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda, kurangwa n'imico mbonera no kumva neza inshingano bafite mu kubaka Igihugu.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Itorero n'Umuco, Dr. Nelson Mbarushimana, yasabye aba banyeshuri gukoresha neza amasomo bazahabwa mu Itorero, kugira ngo bazavemo Abanyarwanda buzuye, bahuje ubumenyi bw'ikoranabuhanga n'indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Yashimangiye ko ubumenyi bakuye muri Rwanda Coding Academy ari intangiriro y'urugendo rwabo, bityo bakwiye no kungukira mu Itorero ubumenyi buzabafasha gukoresha neza impano n'ubumenyi bafite mu guteza imbere igihugu.

Yagize ati: "Ntore mwitabiriye iri Torero, ndabashimira cyane kuko mwongeye guhamya ko mwifuza gukomeza mu murongo mwatangiye wo kuba ku ruhembe rw'indashyikirwa n'inzobere mu ikoranabuhanga, nk'uko umubyeyi wacu ari we Gihugu ari byo abitezeho.

"Ndongera kubibutsa ko ubumenyi mwakuye muri Rwanda Coding Academy butari buhagije, ahubwo mu Itorero muzahavoma ubundi bumenyi buzabafasha kuba Abanyarwanda buzuye bazagira uruhare mu kubaka igihugu, nk'uko Nyakubahwa Perezida Paul Kagame yabigarutseho ubwo yasozaga Itorero Indangamirwa icyiciro cya 13."

Dr. Mbarushimana yabasabye kurangwa n'indangagaciro zirimo kwiyoroshya, kubahiriza igihe, gukorana umwete n'ubwitange, kwihesha agaciro no guha agaciro ibyo bakora byose.

Ati: "Ndabasaba kuzarangwa n'indangagaciro zo kwiyoroshya, gukorera ku gihe, gukorana umwete n'ubwitange, kwihesha agaciro mu byo mukora byose, gutega amatwi no kumva neza mwirinda icyatuma mutatira igihango gitumye muri hano, kuko ni mwe mizero y'Igihugu mu ikoranabuhanga rizafasha kugeza Igihugu mu cyerekezo cyifuzwa na buri wese."

Yongeyrho ati: "Iyi minsi muzamara hano mu Itorero muzakora cyane kugira ngo muzasohoke muri abantu bazima kandi bashoboye ku isoko ry'umurimo, muvome ubumenyi bwiza ndetse ntihagire n'umwe uzasigara inyuma cyangwa ngo avomere mu rutete."

Itorero Intagamburuzwa rizasozwa ku wa 20 Ugushyingo 2026, nyuma y'ibyumweru bibiri byahariwe guhugura aba banyeshuri ku ndangagaciro, umuco n'inshingano zabo nk'abafite ubumenyi bwihariye mu ikoranabuhanga.

Rwanda Institute of Computing ni ikigo cyashyizweho na Leta y'u Rwanda muri Nyakanga 2026, kigamije gutanga amasomo yo ku rwego rwa kaminuza mu bijyanye n'ikoranabuhanga, by'umwihariko ubwenge buhangano (Artificial Intelligence).

Abanyeshuri bagiye kwiga muri iki kigo ni bamwe mu bagiye gukomeza urugendo rwo kongera ubumenyi mu ikoranabuhanga, mu gihe u Rwanda rukomeje gushyira imbaraga mu guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi mu ikoranabuhanga buzatuma rugira uruhare mu guhanga ibisubizo by'ibibazo by'iterambere.

Miliyari 152 Frw zashowe muri gahunda yo kugaburira abana ku ishuri

TWAGIRA Wilson

Leta y'u Rwanda yongereye ingengo y'imari igenerwa gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, iva kuri miliyari 35 z'amafaranga y'u Rwanda igera kuri miliyari 152 Frw. Ni gahunda igamije guteza imbere ireme ry'uburezi, kunoza imirire y'abanyeshuri no kugabanya umubare w'abana bata ishuri.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abanyeshuri mu Mashuri muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Nsengiyumva Jean Damascène, yabikomojeho ubwo yari mu kigo cy'ishuri cya École Notre-Dame de la Providence giherereye ku Karubanda mu Karere ka Huye, ku wa Kabiri tariki 10 Ugushyingo 2026.

Iri shuri ryasuwe mu rugendo intumwa za MINEDUC zirimo mu Gihugu hose, rugamije kureba ibikorwa bitandukanye byagezweho mu guteza imbere uburezi mu Rwanda.

Ku munsi wa kabiri w'urwo rugendo, ni bwo hasuwe École Notre-Dame de la Providence ya Karubanda, ikigo cyihariye mu bikorwa byo kugaburira abanyeshuri ku ishuri, aho cyifashisha ubuhinzi n'ubworozi mu kwihaza mu biribwa.

Iki kigo gihinga imboga z'amoko atandukanye, imbuto ndetse kikaba kinorora amatungo magufi n'inka z'indobanure, ibikorwa byose bikorerwa ku buso bwa hegitari 10.

Mu kiganiro n'itangazamakuru, Nsengiyumva yavuze ko gahunda yo kugaburira abana ku ishuri yagize uruhare mu kugabanya umubare w'abana bata ishuri.

Imbogamizi zigihari

Ku bijyanye n'imbogamizi zikigaragara mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, Nsengiyumva yavuze ku izamuka ry'ibiciro ku masoko



Nsengiyumva Jean Damascène yasuye ishuri rya La Providence hagamijwe kureba ibyagezweho mu guteza imbere uburezi

ndetse n'imisanzu y'ababyeyi itabonekera ku gihe.

Yavuze ko MINEDUC idashobora gukemura izo mbogamizi yonyine, ahubwo ko izakomeza gukorana n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo haboneke ibisubizo birambye.

Sr. Clothilde Ayimana, Umuyobozi wa École Notre-Dame de la Providence ya Karubanda, yashimiye inzego zitandukanye zirimo MINEDUC ku ruhare zikomeje kugira mu gushyigikira ibikorwa by'iki kigo, by'umwihariko kuvugurura uburyo bwo kugaburira abanyeshuri ku ishuri.

Yavuze ko ubufatanye bw'izo nzego bwafashije ikigo gutera intambwe mu kunoza imirire y'abanyeshuri, bityo bikagira uruhare mu guteza imbere ireme ry'uburezi.

Ati: "Intambwe twagezeho mu birebana no kugaburira abana ku ishuri ntitwari kuyigeraho tudafite abafatanyabikorwa nka MINEDUC. Mbere y'uko dutangira iyi gahunda, abana benshi barara-waragurikaga, ariko ubu bamaze kubona indyo nziza kandi yuzuye, ikibazo cy'abarwaraga cyagabanyutseho 98%. Ibi tubikesha imibereho myiza bafite, ishingiye ku biribwa twihingira."

École Notre-Dame de la Providence ni ishuri ryigamo abakobwa gusa ryatangiye mu mwaka wa 1954, uyu munsi rikaba rifite abanyeshuri 685.


Mu rwego rwo kwihaza mu biribwa, iki kigo gihinga imboga zitandukanye zirimo amashu, karoti, dodo, sukuma wiki, inyanya, kokombure, intoryi na puwavuro, kikanagira imirima y'ibiti by'imbuto birimo avoka n'ibindi.

Mu bworozi, iri shuri ryorora inkwavu, ingurube n'inkoko zitanga amagi ndetse n'izororerwa inyama. Ibyo bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bifasha ikigo kubona ifumbire n'ibiribwa bikenerwa mu guteguriramo abanyeshuri amafunguro yuzuye.

U Rwanda na Cambodia basinyanye amasezerano atatu y'ubufatanye

SHEMA Ivan

Guverinoma y'u Rwanda n'iya Cambodia byasinyanye amasezerano atatu y'ubufatanye agamije guteza imbere imikoranire mu nzego zirimo ishoramari, ubwikorezi bwo mu kirere n'ubukerarugendo, mu rwego rwo gufungura amahirwe mashya y'ubucuruzi n'iterambere hagati y'ibihugu byombi.



Amasezerano yitezweho gufungura andi mahirwe y'imikoranire ifitiye inyungu impande zombi

Aya masezerano yashyizweho umukono i Phnom Penh, Umurwa Mukuru wa Cambodia, ku wa Gatanu tariki ya 13 Ugushyingo 2026, mu muhango wayobowe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, na Minisitiri w'Intebe wa Cambodia, Hun Manet.

Gusinya aya masezerano byakurikiye ibiganiro byahuje aba bayobozi bombi, byibanze ku gushimangira umubano usanzwe hagati y'ibihugu byombi no kwagura ubufatanye mu nzego zitandukanye zishobora kubyara inyungu ku mpande zombi.

Amasezerano yasinywe akubiyemo ubufatanye mu bijyanye n'ishoramari, ubwikorezi bwo mu kirere n'ubukerarugendo. Izi nzego zitezweho kugira uruhare mu kongera amahirwe y'ubucuruzi, koroshya ingendo no guteza imbere urujya n'uruza rw'abashoramari n'abakerarugendo hagati y'ibihugu byombi.

Amateka y'umubano w'u Rwanda na Cambodia

U Rwanda na Cambodia bifitanye umubano wa dipolomasi watangiye mu 2005. Nubwo ibi bihugu byombi bitandukanyijwe n'intera ndende kuko kimwe gihereereye muri Afurika y'Iburasirazuba ikindi kikaba muri Aziya y'Amajyepfo y'Uburasirazuba, byagiye bishakisha uburyo bwo kwagura imikoranire mu nzego za dipolomasi, ubukungu n'iterambere.

Mu myaka yakurikiyeho, ibihugu byombi byagiye byongera imikoranire binyuze mu biganiro no gusangira ubunararibonye. Mu 2024, Ambasaderi w'u Rwanda ufite icyicaro i Seoul muri Koreya y'Epfo, Nkubito Manzi Bakuramutsa, yagiranye ibiganiro n'Urugaga rw'Abikorera rwa Cambodia, byibanze ku gushaka uburyo bwo kongera ubucuruzi n'ishoramari hagati y'ibihugu byombi.

Uruzinduko rwa Perezida Kagame n'amasezerano mashya yasinywe muri uru ruzinduko bigaragaza indi ntambwe mu gushaka kwimura umubano w'ibihugu byombi ukava ku rwego rwa dipolomasi ukagera no ku bufatanye bufatika mu bukungu.

Perezida Kagame kandi yagiranye ibiganiro na Perezida wa Sena ya Cambodia, Hun Sen, byibanze ku mubano w'ibihugu byombi n'uburyo wakomeza kwagurwa binyuze mu bufatanye mu nzego zinyuranye.

Cambodia ni igihugu gifite amahirwe akomeye mu bukerarugendo ashingiye ku mateka, umuco, ibyiza nyaburanga n'ibinyabuzima bitandukanye. Ibyo bishobora gutuma ubufatanye bw'ibihugu byombi muri uru rwego bufungura amahirwe mashya yo kunguranya ubunararibonye no guteza imbere ubukerarugendo.

Kugeza ubu, Ambasaderi w'u Rwanda muri Koreya y'Epfo, Nkubito Manzi Bakuramutsa, ufite icyicaro i Seoul, ni na we uhagarariye inyungu z'u Rwanda muri Cambodia.

U Rwanda na Liberia basinyanye amasezerano y'ubufatanye

NYIRANEZA Judith

U Rwanda na Liberia basinyanye amasezerano y'ubufatanye agamije guteza imbere inzego z'imitegekere n'uburyo bwo gushyira mu bikorwa gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage bo muri Liberia.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe kumenyekanisha ibisubizo n'udushya u Rwanda rwishatsemo (RCI), Richard Niwenshuti yavuze ko Liberia isanzwe ifitanye umubano n'u Rwanda. Yagaragaje icyerekezo nyacyo cya Afurika mu gushaka ibisubizo nyabyo mu bufatanye bw'ibihugu by'Afurika ubwabyo.

Ayo masezerano yasinywe ku ya 10 Ugushyingo 2026 yibanze ku nzego enye z'ingenzi zirimo impinduka mu ikoranabuhanga no kuvugurura serivisi za leta; kongera agaciro k'umutungo kamere n'iterambere ry'ubukungu, ubufatanye hagati y'ibihugu bikiri mu nzira n'Ubutwererane bw'inzego no kwegereza ubuyobozi abaturage no gukusanya umutungo w'imbere mu gihugu.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu no Kwegereza Ubuyobozi Abaturage muri Liberia Edward Mulbah yavuze ko hari byinshi mu miyoborere igihugu cye kimaze kwigira ku Rwanda. Ati: Hari byinshi igihugu cyanjye kimaze kwigira ku Rwanda mu bijyanye n'imikoreshereze ya serivisi z'ikoranabuhanga zirimo Irembo, kandi byadufashije kumenya uburyo u Rwanda rwashoboye gushyira mu bikorwa ubuyobozi bwegerejwe abaturage mu nyungu z'abaturage."

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique



U Rwanda na Libera ni ibihugu bikomeje gushimangira umubano


yavuze ko ayo masezerano ashimangira intambwe y'umubano n'ubufatanye bisanzwe hagati y'ibihugu byombi, bigasangira ubunararibonye bigatanga umurongo ngenderwaho w'ubufatanye burambye.

Yagize ati: "Binyuze muri ubu bufatanye, u Rwanda na Liberiya bizagira amahirwe yo kongera guhanahana amakuru mu nzego, gusangira ubunararibonye no kwigiranaho mu bijyanye n'imiyoborere n'inzego z'imitegekere y'igihugu ziteguye gutanga serivisi za Leta zinoze kandi zihuse, iterambere ry'ubukungu no guteza imbere ubushobozi bw'inzego.

Intego yacu rusange ni ukubaka inzego z'ibanze zishoboye, zitanga serivisi nziza kandi zikora neza, zegereye abaturage, zigatanga serivisi nziza kandi zigateza imbere iterambere mu miryango yazo."

U Rwanda na Liberia ni ibihugu bisanganywe umubano mwiza mu nzego zitandukanye, mu bijyanye na politiki cyane cyane mu bufatanye hagati y'Inteko zishinga Amategeko z'ibihugu byombi, uburezi aho amashuri makuru na za Kaminuza mu Rwanda usangamo abanyeshuri baturutse muri Liberia n'ibindi.

Togo yanze ubusabe bwa Tshisekedi bwo kwakira abarwanyi ba FDLR



Togo yashwishurije Perezida Tshisekkedi kwakira abarwanyi ba FDLR

NTAWITONDA Jean Claude

Mu kinyabupfura cyinshi, Igihugu cya Togo cyanze kwakira abarwanyi b'umutwe wa FDLR, nyuma y'uko Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Félix Antoine Tshisekedi Tsilombo, yegereye Perezida wa Togo Faure Essozimna Gnassingbé amusaba kwakira abo barwanyi badashaka gutahuka mu Rwanda.

Nk'uko byatangajwe na Jeune Afrique, Togo ni cyo gihugu cyari cyatekerejweho na Leta ya RDC kugira ngo cyakire bamwe mu barwanyi ba FDLR batifuza gusubira mu Rwanda, ariko ubuyobozi bwacyo bwaje kwanga ubwo busabe mu kinyabupfura kuko buzi neza ko u Rwanda rutigeze bwanga kubakira nk'uko biteganywa n'umurongo w'ubuhuza.

Uwo mugambi wo kohereza abagize umutwe wa FDLR mu kindi gihugu watangijwe na Congo mu gihe hari umurongo ufatika washyizweho kandi wemejwe mu masezerano y'amahoro yashyiriweho umukono i Washington ku wa 4 Ukuboza 2025 hagati y'u Rwanda na RDC.

Impuguke mu bya Politiki zitangaza ko icyo cyemezo cyo kubashakira igihugu kibakira gikubiye muri gahunda yagutse yo gukingira ikibaba abarwanyi ba FDLR bamaze imyaka isaba 30 bateza umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC no mu Karere k'Ibiyaga Bigari muri rusange, barimo n'abakurikiranyweho ibyaha bakoze muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku wa 29 Nyakanga 2026, Minisitiri w'Ubutegetsi n'Ububanyi n'Amahanga ushinzwe Kwishyira hamwe kw'Akarere muri RDC, Floribert Anzuluni yari yatangaje gahunda yo gushyira mu bikorwa igikorwa cyo kwambura intwaro abarwanyi ba FDLR, kubakoranyiriza ahantu hamwe no gusenya uwo mutwe.

Iyo gahunda yanateganyaga ko abarwanyi ba FDLR batazifuza gusubira mu Rwanda bashakirwa ikindi gihugu cyo muri Afurika cyabakira. Perezida wa RDC, Félix Tshisekedi yavuze ko igihugu cye cyari cyatangiye gukoranyiriza bamwe muri abo barwanyi mu kigo cya gisirikare cya Kitona, gihereyeye mu burengerazuba bwa RDC.

Tshisekedi yabigeretse ku Rwanda nyuma yo guterwa utwatsi

Ku wa 30 Ukwakira 2026, ubwo Félix Tshisekedi yari mu kiganiro n'Abanyekongo baba mu Burusiya cyabereye i Moscou, yavuze ko hari Umukuru w'Igihugu cyo muri Afurika wari wabanje kwemera kwakira abo barwanyi, ariko nyuma akisubiraho.

Yavuze ko yari yabwiye Abanyamerika ko hari igihugu kitari u Rwanda cyemeye kwakira abarwanyi ba FDLR, ariko ngo amakuru akigera kuri Perezida w'u Rwanda Paul Kagame yaje kuganiriza uwo muyobozi w'icyo gihugu atahise atangaza, amubwira ko kubakira bishobora gufatwa nko kugira uruhande abogamiyeho mu bibazo biri hagati y'u Rwanda na RDC.

Perezida Tshisekedi yabwiye aho baturage be ko uwo Mukuru w'Igihugu amaze kumva ibisobanuro yahawe yahise ahindura icyemezo yari yafashe.

Gusa, amakuru Jeune Afrique yakusanyije agaragaza ko icyo gihugu ari Togo, ariko abayobozi bakomeye muri iki kinyamakuru cyaganiriye na bo bahakana ko kwanga kwakira abo barwanyi byaba byaratewe n'igitutu cy'u Rwanda.

Togo yavuze ko itagomba kubogama

Togo ifite umwihariko muri iki kibazo kuko Perezida wayo, Faure Essozimna Gnassingbé ari we Muhuzabikorwa w'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe mu biganiro bigamije gushakira umuti amakimbirane n'umutekano muke mu burasirazuba bwa RDC.

Icyo gihugu cyagaragaje ko kigomba gukomeza kubahiriza inshingano zacyo zo guhuza impande zombi, aho kugira uruhare mu cyemezo gishobora gufatwa nk'icyo gushyigikira uruhande rumwe.

Umwe mu bantu babarizwa mu itsinda ry'ubuhuza rya Togo yabwiye Jeune Afrique ko isuzuma ry'iyo gahunda ndetse n'izindi gahunda zigamije guhagarika ibikorwa bya FDLR bigomba gukorwa n'impande zirebwa na byo, hashingiwe ku mabwiriza n'igenamigambi ry'ibikorwa bumvikanyeho.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, na we yavuze Togo itigeze ibagezaho amakuru y'uko RDC yaba yarabasabye kwakira abarwanyi ba FDLR.

Gahunda ya RDC yo kurandura FDLR irakemangwa

Gahunda ya RDC yo kwambura intwaro no kurandura burundu abarwanyi ba FDLR irakemangwa kuko abo barwanyi babaye inkingi ya mwamba y'igisirikare cya Leta (FARDC), by'umwihariko mu rugamba rwo guhangana n'Abanyekongo bakomeje kurwanya imiyoborere ishingiye ku ivangura, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Kuri Guverinoma y'u Rwanda, ibyo Leta ya Congo ibwira amahanga ni ikinamico ridafite aho rihuriye n'ubushake nyakuri bwa Politiki bwo kurandura uwo mutwe, kuko ibikorwa byose ari uburyo bwo kuyobya uburari cyane ko bigoye kwiuraho abo barwanyi bagizwe nk'abajyanama b'Igihugu mu bya gisirikare na Politiki mpuzamahanga.

Gusa Jeune Afrique ivuga ko umushinga w'agakingingirizo wa RDC ushyigikiwe n'ibihugu byo mu Burengerazuba bw'Isi birimo na Leta Zunze Ubumwe za Amerika zihamya ko iyo gahunda ishobora kuba intambwe ishimishije mu rugendo rw'amahoro.

Gusa binavugwa kandi ko Amerika yasabye RDC gutanga ibisobanuro birambuye ku buryo iyo gahunda izashyirwa mu bikorwa no kuyitangiza bidatinze.

Mu nama y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Amahoro n'Umutekano ku Isi, yabaye ku wa 13 Ukwakira 2026, uhagarariye Amerika ushinzwe imicungire n'ivugurura ry'Umuryango w'Abibumbye, Jeffrey Bartos ni we wasabye RDC gusobanura neza uko izashyira mu bikorwa iyo gahunda.

Ku wa 30 Ukwakira 2026, Itsinda Mpuzamahanga rishinzwe gukurikirana ibibazo byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari na ryo ryasabye ko hashyirwaho gahunda y'ibikorwa isobanutse n'ingengabihe yo kuyishyira mu bikorwa.

FDLR ni umutwe witwaje intwaro ugizwe ahanini n'abarwanyi b'Abanyarwanda, urimo abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ababakomokaho, umaze imyaka isaga 30 ukorera mu burasirazuba bwa RDC.

Guhagarika ibikorwa byawo no kuwambura intwaro ni kimwe mu bibazo bikomeye bikomeje kubangamira urugendo rwo kubaka amahoro n'umutekano mu Karere k'Ibiyaga Bigari, guhembera politiki y'urwango mu Karere n'ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse no kudindiza umubano hagati y'u Rwanda na RDC.

Teganya yibagiwe igisobanuro cy'izina rye, yibwira ko azahunga ubutabera ubuziraherezo



Teganya yagejejwe mu Rwanda ngo hatangwe ubutabera ku byaha akekwaho gukora muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Imvaho Nshya

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène yavuze ko Teganya Jean Léonard, ukekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yibwiraga ko azahunga ubutabera ubuziraherezo, ariko ko amaherezo ibyo yakoze byamugarutseho, agashyikirizwa ubutabera.

Teganya yageze ku Kibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Kigali ku wa Mbere, tariki ya 9 Ugushyingo 2026, yoherejwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika kubera uruhare akekwaho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyane cyane mu cyahoze ari Perefegitura ya Butare.

Mu butumwa yatanze kuri uwo munsi, Dr Bizimana yagaragaje ko Teganya yari umunyeshuri mu mwaka wa nyuma w'ubuvuzi mu 1994, ariko ko aho gukoresha ubumenyi yari afite mu gukiza abantu, akekwaho kugira uruhare mu kwica no gufata ku ngufu Abatutsikazi, abikorana ubugome n'urwango.

Yavuze ko uburyo Teganya yakoragamo ubwicanyi bwari buteye ubwoba, kandi ko ubuhamya bw'abarokotse Jenoside ku bikorwa bye ari ibimushinja bikomeye. Dr. Bizimana yagarutse no ku gisobanuro cy'izina rya Teganya, avuga ko risobanura kuzigama ibizakoreshwa mu gihe kizaza, gutegura ibizaza no kugira ubushishozi mu bikorwa byose umuntu akora.

Yavuze ko Teganya asa n'uwibagiwe icyo izina rye risobanura, kuko atigeze atekereza ko umunsi umwe ibikorwa bye bizamugaruka, akabazwa uruhare akekwaho muri Jenoside.

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko Teganya amaze guhungira muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, yatekerezaga ko yahunze ubutabera, ariko amaherezo yaje koherezwa mu Rwanda aho yageze ku wa Mbere tariki ya 09 Ugushyingo 2026.

Yagaragaje ko koherezwa kwe gukurikira abandi bantu bakekwaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'ibindi bihugu byagiye bisubiza mu Rwanda kugira ngo bakurikiranwe n'ubutabera.

Aboherejwe mu Rwanda na Leta Zunze Ubumwe za Amerika

Dr. Bizimana yagaragaje ko hari abandi bantu batandukanye bakekwaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, boherejwe mu Rwanda bavuye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Muri bo harimo:

1. Enos Kagaba, woherejwe ku wa 26 Mata 2005.
2. Jean Marie Vianney Mudahinyuka uzwi nka Zuzu, woherejwe ku wa 28 Mutarama 2011.
3. Prof. Munyakazi Léopold, woherejwe muri Nzeri 2016.
4. Mukeshimana Marie Claire, woherejwe ku wa 21 Ukuboza 2011.
5. Munyenyezi Béatrice, woherejwe ku wa 18 Mata 2021.
6. Rurangwa Oswald uzwi nka Rukemuye Oswald, woherejwe ku wa 7 Ukwakira 2021.
7. Ahmed Napoléon Mbonyunkiza, woherejwe ku wa 10 Werurwe 2025.

Ibindi bihugu byoherejwe mu Rwanda abakekwaho uruhare muri Jenoside

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko ibindi bihugu, by'umwihariko ibyo ku Mugabane w'u Burayi, Canada na Uganda, na byo byagiye byoherezwa cyangwa bishyikiriza u Rwanda abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu bo ibyo bihugu byoherejwe harimo:

1. Dr Léon Mugesera, woherejwe na Canada ku wa 24 Mutarama 2012.
2. Jean de Dieu Munyaneza uzwi nka Mutzig, woherejwe n'u Buholandi ku wa 21 Werurwe 2015.
3. Jean-Claude Seyoboka, woherejwe na Canada ku wa 18 Ugushyingo 2016.
4. Charles Bandora, woherejwe na Noruveje ku wa 10 Werurwe 2013.
5. Emmanuel Mbarushimana, woherejwe na Danemark ku wa 3 Nyakanga 2014.
6. Wenceslas Twagirayezu, woherejwe na Danemark ku wa 14 Ukuboza 2018.
7. Jean Baptiste Mugimba na Jean Claude Iyamuremye, bombi boherejwe n'u Buholandi ku wa 12 Ugushyingo 2016.
8. Venant Rutunga, woherejwe n'u Buholandi ku wa 26 Nyakanga 2021.
9. Jean Twagiramungu, woherejwe n'u Budage ku wa 18 Kanama 2017.
10. Augustin Nkundabazungu, woherejwe na Uganda ku wa 4 Kanama 2010.
11. Jean Pierre Kwitonda uzwi nka Kapalata, woherejwe na Uganda mu Gushyingo 2010.
12. Jean-Paul Birindabagabo uzwi nka Daniel Bagabo, woherejwe na Uganda ku wa 15 Mutarama 2015.

Inzego z'ubutabera zo mu mahanga zakatiye abakoze Jenoside

Dr. Bizimana yanagarutse ku manza nyinshi z'abantu bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zabereye mu bihugu by'i Burengerazuba bw'Isi. Yavuze ko izo manza zatumye abantu benshi bahamwa n'ibyaha bakatirwa ibihano, uretse urubanza rwa Jacques Mungwarere waburanye muri Canada akagirwa umwere.

Mu manza zikomeye zagiye zibera mu mahanga harimo urwa:

1. Fulgence Niyonteze: Yahoze ari Burugumesitiri wa

KOMEZA KU RUP.15

Teganya yibagiwe igisobanuro cy'izina rye, yibwira ko azahunga ubutabera ubuziraherezo

IBIKURIKIRA URUP.14

Mushubati mu cyahoze ari Gitarama. Yakatiwe mu Busuwisi ku wa 25 Gicurasi 2000, ahanishwa igifungo cy'imyaka 14.

2. Alphonse Higaniro: Yahoze ari Umuyobozi Mukuru w'uruganda rwa SORWAL rukora ibibiriti i Butare. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2001, ahanishwa igifungo cy'imyaka 20.
3. Mushikiwabo Consolata MukangagouzwinkaMushikiwabo Gertrude: Yahoze ari umuyobozi w'ababikira b'Ababenedigito bo mu kigo cy'abihayimana cya Sovu. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2001, ahanishwa igifungo cy'imyaka 15.
4. Mushikiwabo Julienne Mukabutera uzwi nka Mushikiwabo Kizito: Yari umubikira mu muryango w'Ababenedigito i Sovu. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2001, ahanishwa igifungo cy'imyaka 12.
5. Dr. Vincent Ntezimana: Yari Porofeseri wigishaga ibijyanye na Fiziki muri Kaminuza y'u Rwanda. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2001, ahanishwa igifungo cy'imyaka 12.
6. Etienne Nzabonimana: Yari umucuruzi wakoreraga i Kigali no mu cyahoze ari Perefegitura ya Kibungo. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2005, ahanishwa igifungo cy'imyaka 12.
7. Samüel Ndashyikirwa: Yari umucuruzi wakoreraga i Kigali no muri Kibungo. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2005, ahanishwa igifungo cy'imyaka 10.
8. Majoro Bernard Ntuyahaga: Yari umusirikare mu ngabo za Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2007, ahanishwa igifungo cy'imyaka 20. Amaze kurangiza igihano cye yasubijwe mu Rwanda, ubu akaba atuye i Kigali.



Teganya yibeshyaga ko ashobora kwihisha ubutabera ubuziraherezo

9. Désiré Munyaneza: Yahoze ari umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda, akaba n'umwe mu bari bagize Interahamwe i Butare. Yakatiwe muri Canada mu 2009, ahanishwa igifungo cya burundu.
10. Ephrem Nkezabera: Yahoze ari umuyobozi muri Banki y'Ubucuruzi y'u Rwanda, akaba n'umwe mu bari bagize Komite y'Igihugu y'Interahamwe. Yakatiwe mu Bubiligi mu 2009, ahanishwa igifungo cy'imyaka 30.
11. Fabien Neretse: Yahoze ari Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ikawa. Yakatiwe mu Bubiligi mu Ukuboza 2019, ahanishwa igifungo cy'imyaka 25.
12. Séraphin Twahirwa: Yahoze ari umwe mu bayobozi b'Interahamwe mu Mujyi wa Kigali. Yakatiwe mu Bubiligi ku wa 21 Ukuboza 2023, ahanishwa igifungo cya burundu.
13. Pierre Basabose: Yahoze ari umucuruzi n'umuyobozi w'imitwe yitwaje intwaro i Kigali. Yahamijwe icyaha cya Jenoside mu Bubiligi ku wa 21 Ukuboza 2023, ahanishwa igihano cyo gufungirwa ahantu hihariye.
14. Emmanuel Nkunduwimye uzwi nka Bomboko: Yahoze ari umwe mu bayobozi b'imitwe yitwaje intwaro i Kigali. Yakatiwe mu Bubiligi ku wa 11 Kamena 2024.
15. François Bazaramba: Yari umupasiteri mu Itorero ry'Ababatisita mu Rwanda. Yakatiwe muri Finlande mu 2012, ahanishwa igifungo cya burundu.
16. Sadi Bugingo: Yahoze ari umucuruzi muri Kibungo. Yakatiwe muri Noruveje muri Gashyantare 2013, ahanishwa igifungo cy'imyaka 21.
17. Jacques Mungwarere: Yahoze ari umwarimu mu Ishuri ry'Imyuga rya Kibuye. Yaburanishijwe muri Canada mu 2013, agirwa umwere.
18. Kapiteni Pascal Simbikangwa: Yahoze ari umusirikare mu ngabo za Leta yariho mbere ya Jenoside. Yakatiwe mu Bufaransa mu 2014, ahanishwa igifungo cy'imyaka 24.
19. Stanislas Mbanenande: Yakatiwe muri Suwede ku wa 19 Kamena 2014, ahanishwa igifungo cya burundu kubera ibyaha yakoreye i Kibuye.
20. Onesphore Rwabukombe: Yahoze ari Burugumesitiri wa Muvumba mu cyahoze ari Perefegitura ya Byumba, ubu ni mu Karere ka Nyagatare. Yakatiwe mu Budage ku wa 29 Ukuboza 2015, ahanishwa igifungo cya burundu.
21. Yvonne Basebya Ntacyobatabara: Yakatiwe mu Buholandi mu 2013, ahanishwa igifungo cy'imyaka itandatu n'amezi umunani.
22. Joseph Mpambara: Yakatiwe mu Buholandi mu 2010, ahanishwa igifungo cya burundu.
23. Claver Berinkindi: Yahoze ari umucuruzi i Nyanza. Yakatiwe muri Suwede ku wa 15 Gashyantare 2017, ahanishwa igifungo cya burundu.
24. Octavien Ngenzi: Yahoze ari Burugumesitiri wa Kabarondo. Yakatiwe mu Bufaransa muri Nyakanga 2018, ahanishwa igifungo cya burundu.
25. Tito Barahira: Na we yahoze ari Burugumesitiri wa Kabarondo. Yakatiwe mu Bufaransa muri Nyakanga 2018, ahanishwa igifungo cya burundu.
26. Théodore Rukeratabaro: Yahoze ari umujandarume mu cyahoze ari Perefegitura ya Cyangugu. Yakatiwe muri Suwede ku wa 27 Kamena 2018, ahanishwa igifungo cya burundu. Icyo gihano cyemejwe n'urukiko rw'ubujurire ku wa 22 Mata 2019.
27. Claude Muhayimana: Yahoze ari umwe mu bari bagize imitwe yitwaje intwaro i Kibuye. Yakatiwe mu Bufaransa ku wa 17 Ukuboza 2021, ahanishwa igifungo cy'imyaka 14.
28. Laurent Bucyibaruta: Yahoze ari Perefe wa Gikongoro. Yakatiwe mu Bufaransa ku wa 12 Nyakanga 2022, ahanishwa igifungo cy'imyaka 20.
29. Philippe Hategekimana uzwi nka Philippe Manier: Yahoze ari Umuyobozi wungirije wa Jandarumori i Nyanza. Yakatiwe mu Bufaransa ku wa 18 Ukuboza 2024, ahanishwa igifungo cya burundu.
30. Dr Sosthène Munyemana: Yahoze ari umuganga i Butare. Yakatiwe mu Bufaransa ku wa 20 Ukuboza 2023, ahanishwa igifungo cy'imyaka 24.
31. Dr Eugène Rwamucyo: Yahoze ari umuganga i Butare. Yakatiwe mu Bufaransa ku wa 9 Kamena 2026, ahanishwa igifungo cy'imyaka 27.
32. Eugène Ntambara: Yahoze ari umujyanama mu rwego rw'Umurenge n'umuyobozi w'imitwe yitwaje intwaro i Mbazi mu cyahoze ari Butare. Yakatiwe mu Buholandi ku wa 28 Kanama 2026, ahanishwa igifungo cya burundu.

Ubutabera ntibugira imipaka

Minisitiri Dr. Bizimana yagaragaje ko abo bose bakoze Jenoside cyangwa bakekwaho kuyigira uruhare bibwiraga ko guhungira kure y'u Rwanda bizatuma badakurikiranwa, ariko ko nyuma bamenye ko icyaha cya Jenoside gihanwa n'amategeko mpuzamahanga, aho cyaba cyarakorewe hose.

Yavuze ko ibyemezo byafashwe binyuze mu kohereza abakekwaho ibyaha, kubohereza mu bihugu byabo, kubaburanisha no kubakatira bihesha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Yongeyeho ko ibyo bifasha guhumuriza abarokotse Jenoside, bikagarura icyizere mu Banyarwanda kandi bikagira uruhare mu gukomeza kwiyubaka kw'igihugu.

Yanavuze ko ibyo bikorwa bituma n'abandi bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside bakomeje kuba mu buhungiro mu bihugu byo mu Burengerazuba bw'Isi bumva ko na bo bashobora kugezwa imbere y'ubutabera.

Yasoje ubutumwa bwe ashimangira ko ubutabera bugomba gushyirwa mu bikorwa, aho umuntu yaba ari hose ku Isi, kandi ko ntawe ukwiye gutekereza ko ashobora guhunga ubutabera iteka.

U Rwanda rukeneye hafi Tiriyali 2 Frw zo kongera ibikorwa remezo by'amashanyarazi



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ko u Rwanda rwiteguye kwagura ibikorwa remezo by'amashanyarazi

NTAWITONDA Jean Claude

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yatangaje ko u Rwanda rukeneye miliyari 1,3 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga hafi tiriyali ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda, yo gushora mu kuvugurura no kwagura ibikorwa remezo bitanga kandi bikwirakwiza amashanyarazi, mu rwego rwo kugera ku ntego z'iterambere ry'ingufu ziteganyijwe bitarenze mu 2030.

Yabigarutseho ku wa 12 Ugushyingo 2026, mu Nama Mpuzamahanga yabereye i Antalya muri Turikiya, yiga ku kwihutisha ishoramari mu miyoboro y'amashanyarazi ku Isi (Global Grids Accelerator), ifite insanganyamatsiko igira iti: "Gucanira ahazaza - Kongera Imiyoboro mu kwimakaza Umutekano n'Uburumbuke"

Dr. Nsengiyumva yavuze ko u Rwanda rwiyemeje gukomeza kwagura ubushobozi bwo kugeza amashanyarazi ku baturage no ku bikorwa by'ubukungu, ariko ko kubigeraho bisaba ubufatanye n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga, ibigo by'imari n'abashoramari bigenga.

Yasobanuye ko amashanyarazi adakwiye kugarukira ku gucanira abaturage gusa, ahubwo akwiye no kuba umusingi w'iterambere ry'inganda, ubucuruzi, guhanga imirimo no kwagura amasoko hagati y'ibihugu byo mu Karere.

Mu ntego zashyizweho muri gahunda y'u Rwanda yiswe "Mission 300 National Energy Compact", harimo kongera ubushobozi bw'imiyoboro minini y'amashanyarazi ho hafi 70%, gukuba kabiri ingano y'amashanyarazi u Rwanda rucuruza n'ibihugu byo mu Karere, ikava kuri Megawati 100 ikagera kuri Megawati 200.

Hari kandi intego yo kugeza amashanyarazi kuri buri wese bitarenze mu 2030, aho 75% by'ingo n'ibikorwa bizaba bifite amashanyarazi bizaba biyahabwa binyuze mu muyoboro mugari w'Igihugu.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko kugira ngo izo ntego zigerweho, hakenewe ishoramari rya miliyari 3,05 z'amadolari ya Amerika kugeza mu 2030, muri ayo miliyari 1,3 akazakoreshwa mu bikorwa remezo by'imiyoboro y'amashanyarazi.

Yagaragaje ko kugeza ubu ayo mafaranga ateganyijwe ahanini guturuka mu ngengo y'imari ya Leta, mu gihe ubushobozi bw'amafaranga Leta ishobora gukoresha mu ishoramari (fiscal space) bugenda bugabanyuka, ndetse n'igiciro cyo kubona inguzanyo kikiri hejuru.

Yavuze ko bidakwiye ko Leta zonyine ari zo zakwiewgwaho gushora amafaranga mu kwagura imiyoboro y'amashanyarazi muri Afurika, asaba ko n'abikorera n'ibigo mpuzamahanga by'imari bigira uruhare muri ibyo bikorwa.

Yagize ati: "Kugeza ubu, iri shoramari ryitezweho kwishingikiriza ku nkunga ya Leta, muri iki gihe ubushobozi bwayo bwo kuryongera buzitiwe na byinshi ndetse n'ikiguzi cy'inguzanyo kikaba kiri hejuru. Ntidushobora kandi ntidukwiye gutegereza ishoramari rya Leta gusa mu kwagura imiyoboro y'amashanyarazi ya Afurika."

Yasobanuye ko u Rwanda na rwo rurimo gushyira mu bikorwa ingamba zo kugabanya amashanyarazi apfira ubusa mu miyoboro, kunoza imikorere y'ibigo bitanga serivisi z'amashanyarazi, gukoresha ikoranabuhanga mu gukurikirana imikorere y'iyo miyoboro no kunoza uburyo ibiciro by'amashanyarazi bishyirwaho kugira ngo bijyane n'ikiguzi cyo kuyatanga.

Yasabye ubufatanye mu mishinga y'amashanyarazi

Mu butumwa bwe, Dr. Nsengiyumva yasabye ibigo by'imari mpuzamahanga n'ibindi bigo by'iterambere gufasha u Rwanda kubona amafaranga yo gushyira mu bikorwa imishinga ine kugeza kuri itandatu y'ingenzi yo kwagura imiyoboro y'amashanyarazi no kuyihuza n'iy'ibindi bihugu.

Yasabye kandi Umuryango w'Abibumbye n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga guhuza inkunga ya tekiniki n'iy'inzego z'ubuyobozi mu gushyigikira gahunda z'ibihugu, by'umwihariko avuga ko u Rwanda ruteganya kuvugurura igenamigambi ry'igihe kirekire ry'imiyoboro y'amashanyarazi n'iry'iterambere ry'ingufu rishingiye ku kugabanya ikiguzi mu mwaka utaha wa 2027.

Yagaragaje ko abashoramari bigenga n'inzego z'ibihugu byo mu Karere na bo bakwiye kugira uruhare mu gushyiraho uburyo bushya bwo gushora imari no gucunga ibikorwa remezo by'amashanyarazi, by'umwihariko mu guteza imbere imiyoboro ihuza ibihugu no koroshya ubucuruzi bw'amashanyarazi.

Gahunda yo kwihutisha iterambere ry'ibikorwa remezo by'amashanyarazi yatangijwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, António Guterres muri Nzeri 2026, hagamijwe kwihutisha ishoramari mu bikorwa remezo by'amashanyarazi muri Afurika no mu Majyepfo y'Uburasirazuba bwa Aziya, ihuza ibihugu, ibigo by'imari n'abafatanyabikorwa mu gufasha imishinga y'ingufu kuva ku bitekerezo ikagera mu bikorwa.

Minisitiri w'Intebe yavuze ko u Rwanda rwifuza ko mu 2027 iyi gahunda izaba yarageze ku bikorwa bifatika muri Afurika, bihuza gahunda z'ibihugu, ibikorwa remezo bikenewe mu Karere n'inkunga y'amafaranga n'ubumenyi bya tekiniki.

Yasoje agaragaza ko u Rwanda rwiteguye gutanga ubunararibonye, gushyira imbere ibyihutirwa mu rwego rw'ingufu no gukomeza gushyira mu bikorwa amavugurura akenewe kugira ngo intego z'iterambere ry'amashanyarazi zigerweho.

Politekiniki y'u Rwanda igiye gutangiza amasomo y'ubukanishi bw'indege

TWAGIRA Wilson

Ubuyobozi bwa Politekiniki y'u Rwanda (Rwanda Polytechnic/RP) bwatangaje ko buteganya gutangiza amasomo y'ubukanishi bw'indege muri Nzeri 2027, mu rwego rwo kongera Abanyarwanda bafite ubumenyi n'ubushobozi bwo gukora no gusana indege.

Umuyobozi Mukuru wa RP, Dr. Mucyo Sylvie yavuze ko ku ikubitiro aya masomo azatangirwa ku banyeshuri bize amasomo yihariye arimo Siyansi, Imibare n'Ubugenge, kugira ngo babashe gukurikirana neza ubumenyi bujyanye n'ubukanishi bw'indege.

Yavuze ko ikigo kiri kugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye kugira ngo hategurwe integanyanyigisho zijyanye n'ibikenewe mu rwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere, ndetse hanashakwe inzobere zizigisha ayo masomo.

Ibi yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 10 Ugushyingo 2026, mu Karere ka Huye, nyuma yo gusura ishuri rya Rwanda Politekiniki Koleji ya Huye, aherekejwe n'intumwa za Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC).

Muri urwo ruzinduko, beretswe ikoranabuhanga n'ibikorwa remezo byifashishwa mu kwigisha abanyeshuri, birimo laboratwari zigezweho zifasha mu masomo ya tekiniki, ubuhinzi n'ubworozi, ndetse n'ubumenyi bujyanye no gukoresha imodoka zikoresha amashanyarazi.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Dr. Mucyo Sylvie yavuze ko mu bafatanyabikorwa RP iri kuganira na bo ku itangizwa ry'aya masomo harimo Ikigo cy'Igihugu cy'Indege, RwandAir, n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibibuga by'Indege, ndetse n'abandi bo mu rwego

KOMEZA KU RUP.17

Politekiniki y'u Rwanda igiye gutangiza amasomo y'ubukanishi bw'indege

IBIKURIKIRA URUP.16

rw'abikorera.

Yagize ati: "Mu bafatanyabikorwa twatangiye kuganira na bo hagamijwe kuvugurura integanyanyigisho z'aya masomo harimo RwandAir n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibibuga by'Indege (Rwanda Airports Company), ndetse n'abandi bari mu nzego z'abikorera. Ibi bizadufasha gushyira mu bikorwa iyi gahunda igamije gutuma u Rwanda rubona Abanyarwanda bafite ubumenyi n'ubushobozi mu gukanika indege."

Hazifashishwa inzobere zo mu mahanga

Koleji ya Huye yaguye ibikorwa byayo

Umuyobozi wa Rwanda Politekiniki Koleji ya Huye, Lt. Col. Twabagira Barnaba, yavuze ko ikigo ayobora kimaze gutera imbere mu gutanga ubumenyi n'ubumenyingiro bifasha abanyeshuri kwitegura neza isoko ry'umurimo.

Yagaragaje ko abanyeshuri baharangiza bafite ubushobozi bwo gukorana n'ibigo by'abikorera, harimo n'ibyo mu mahanga, mu gihe abandi bihangira imirimo bakoresheje ubumenyi baherewe muri iryo shuri.

Yongeyeho ko iri shuri rifite gahunda yo kugeza ubumenyi ku baturage batuye mu nken-



Umuyobozi Mukuru wa RP, Dr. Mucyo Sylvie yavuze ko bitegura kwigisha amasomo yo gukanika indege

Ku bijyanye n'abarimu bazigisha aya masomo, Dr. Mucyo yavuze ko mu ntangiriro bazifashisha inzobere ziturutse mu bihugu bitandukanye birimo Ethiopia na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, mu gihe hazaba hakomeje gutegurwa Abanyarwanda bazasimbura abo barimu.

Yasobanuye ko Leta yatangiye kohereza Abanyarwanda kwiga amasomo ajyanye n'ubukanishi bw'indege mu mahanga, kugira ngo nibagaruka bazabashe kugira uruhare mu gutanga ayo masomo no guteza imbere uru rwego mu Rwanda.

Iyi gahunda izafasha u Rwanda kubona inzobere z'Abanyarwanda mu bijyanye no gusana no gufata neza indege, bikagabanya icyuho cy'ubumenyi n'abakozi bakenewe muri uru rwego rw'ubwikorezi.

gero zaryo, izwi nka 'Community Outreach', aho abanyeshuri basangiza abaturage ubumenyi bujyanye n'ibyo bakora buri munsi, birimo ubuhinzi, ubworozi n'ubwubatsi.

Iyi gahunda igamije gutuma ubumenyi butangirwa mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro bugera no mu baturage, bukabafasha kunoza imikorere yabo no kwiteza imbere.

Itangizwa ry'amasomo y'ubukanishi bw'indege muri Rwanda Politekiniki ritegerejweho kongera ubushobozi bw'u Rwanda mu gutegura abakozi b'inzobere mu rwego rw'ubwikorezi bwo mu kirere, ndetse no guha urubyiruko amahirwe mashya yo kwiga imyuga ikenewe ku isoko mpuzamahanga ry'umurimo.

Mu 2026/2027 u Rwanda ruzatera ingemwe z'ikawa miliyoni 24

ZIGAMA Theoneste

URwanda rurateganya gutera ingemwe z'ikawa miliyoni 24 mu mwaka wa 2026/2027, mu rwego rwo kongera umusaruro w'iki gihingwa no kugera ku ntego yo kohereza mu mahanga toni ibihumbi 32 ku mwaka mu mpera za 2029.



Ubuhinzi bw'ikawa bukomeje gushyirwamo imbaraga kuko yinjiriza Igihugu amadovize

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) gitangaza ko muri izo ngemwe, miliyoni 20 zizakoreshwa mu kwagura ubuso buhinzeho ikawa, mu gihe izindi miliyoni enye zizakoreshwa mu gusimbuza ibiti bishaje bizaba byaranduwe.

Iyi gahunda ya Leta yatangiye mu 2024, ikubiyemo gusimbuza ibiti by'ikawa bimaze imyaka isaga 30 no gutera ibindi bishya, hagamijwe kongera umusaruro w'ikawa haba mu bwinshi no mu bwiza.

Ni muri urwo rwego mu Karere ka Gisagara, tariki ya 12 Ugushyingo 2026, hatewe ingemwe z'ikawa ibihumbi 25 ku buso bwa hegitari 10.

Ku wa Gatatu kandi, mu Murenge wa Kinazi mu Karere ka Ruhango, Diyosezi ya Shyogwe mu Itorero Angilikani mu Rwanda (EAR) yateye ingemwe z'ikawa ibihumbi 12 500 zihanganira imihindagurikire y'ibihe.

Umwepisikopi akaba n'Umuvugizi wa Diyosezi ya Shyogwe, Musenyeri Kabayiza Louis Pasteur, yavuze ko igitekerezo cyo guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa muri Diyosezi cyaturutse ku igenamigambi bakoze ubwo yajyaga mu nshingano mu 2025.

Yagize ati: "Twashyizeho igenamigambi rya Diyosezi ya Shyogwe, dusuzuma ubushobozi bwa Diyosezi n'ubw'abakirisitu bacu dusanga 85% bakora ubuhinzi."

Yakomeje avuga ko basanze abakirisitu bahura n'ibibazo bitandukanye birimo ubukene, bituma biyemeza kubafasha kubwikuramo binyuze mu bikorwa by'iterambere.

Ati: "Ni inshingano zacu nk'abakirisitu kubwiriza ijambo ry'Imana ariko ukabwiriza umuntu wariye, umeze neza, wabayeho, ni yo mpamvu twaje gutekereza iki gihingwa cy'ikawa".

Yunzemo ati: "Ni uguteza imbere imibereho myiza y'umukirisitu ari we muturage, ariko n'Abanyarwanda muri rusange. Muri iki gihembwe cy'ihinga twahumbitse ingemwe hagati y'ibihumbi 800 na miliyoni."

Musenyeri Kabayiza yakomeje avuga ko babonye ko ikawa ari igihingwa ngengabukungu gishobora gufasha abaturage kwikura mu bukene. Yavuze ko Diyosezi iteganya gutera ingemwe z'ikawa ibihumbi 200 ku butaka bwayo, ku buso bwa hegitari 80 mu Turere dutandukanye tw'igihugu, mu gihe izindi ngemwe ziri hagati y'ibihumbi 600 na 800 zizahabwa abaturage.

Yavuze ko bakomeje ubukangurambaga mu bahinzi, ndetse hashyizweho komite izafasha abaturage kumenya uburyo bwo gutera no kwita ku ikawa kugira ngo babone umusaruro mwiza.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe guteza imbere ibihingwa gakondo birimo ikawa muri NAEB, Nkurunziza Alexis, yavuze ko gahunda yo kongera ubuso buhingwaho ikawa no gusimbuza ibiti bishaje ikomeje gushyirwamo imbaraga kugira ngo umusaruro wiyongere haba mu bwinshi no mu bwiza.

Yagize ati: "Turimo kongerera ubumenyi abahinzi, harimo gushyiraho amashuri yo mu mirima no kubaha ibikoresho, tubigisha no mu bitangazamakuru kugira ngo abaturage bamenye kuzitera neza."

Yakomeje avuga ko imbaraga Leta ikomeje gushyira mu guteza imbere ubuhinzi bw'ikawa, kongera ibikorwa remezo, kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga y'ubuziranenge no kwaguka kw'amasoko mpuzamahanga bitanga icyizere ko intego u Rwanda rwihaye zizagerwaho.

Ati: "Iyo turebye uko abantu b'ingeri zitandukanye barimo abahinzi n'abashoramari bari gutera no kwita ku ikawa, imbaraga Guverinoma y'u Rwanda binyuze muri NAEB ikomeje gushyira mu bikorwa remezo na gahunda zo kwita ku bwiza ndetse no kubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge mpuzamahanga n'uko amasoko mpuzamahanga y'ikawa akomeje kwaguka; biratanga icyizere ko intego igihugu cyihaye mu mpera za NST2 izagerwaho. Icyo dusaba abari mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa ni ugukomeza kongera umusaruro ndetse n'ubwiza bwayo."

Ingemwe z'ikawa zitewe muri iyi gahunda ni iz'ubwoko bwa RAB C-15, bwihanganira imihindagurikire y'ibihe kandi bukagira umusaruro mwiza iyo bwitaweho neza. Igiti kimwe gishobora gusaruro ibilo bitanu by'ikawa.

Ubushakashatsi buheruka gukorwa mu 2015 bugaragaza ko mu Rwanda hari hegitari ibihumbi 42 zihingwaho ikawa. Kuri ubu hakomeje ibarura kugira ngo hamenyekane ubuso nyakuri buhingwaho iki gihingwa.

Intego ni uko mu mpera za Gahunda ya Kabiri yo Kwihutisha Iterambere (NST2), y'imyaka itanu kuva mu 2024 kugeza mu 2029, ubuso buhingwaho ikawa buzaba bugeze kuri hegitari ibihumbi 52.

Ikawa ni kimwe mu bihingwa byinjiriza u Rwanda amadovize menshi. Mu mwaka ushize, yinjije miliyoni 139 z'amadolari ya Amerika, avuye muri toni ibihumbi 29 zoherejwe ku isoko mpuzamahanga.

NAEB iteganya ko mu 2029 ikawa izaba yinjiriza igihugu miliyoni 192 z'amadolari ya Amerika.

Iki kigo kandi gisaba abahinzi kwita ku buryo batera ikawa kugira ngo ingemwe zikure neza. Kibagira inama yo kubanza kuvanga ifumbire y'imborera n'itaka mu myobo bazateramo, nibura hasigaye ibyumweru bibiri ngo batere ingemwe.

Mu gihe cyo gutera, urugemwe rushyirwa hagati mu mwobo, hagakurwamo ishashi yarimo kugira ngo imizi ibashe gukura neza.

Kayonza: Abatowe mu byiciro byihariye basezeranyije kurinda icyizere bagiriwe



Abagore bitabiriye gutora abayobozi babo

HITIMANA Servand

Abayobozi batorewe guhagararira ibyiciro byihariye mu Karere ka Kayonza bikanabaha amahirwe yo kujya mu Nama Njyanama y'ako Karere bavuga ko icyizere bagiriwe n'ababatoye bazakirinda bakora inshingano zabo neza bagafasha mu iterambere ry'imibereho n'ubukungu.

Byatangajwe n'abatorewe guhagararira Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'iy'Abafite Ubumuga. Abatorowe kwinjira muri iyi myanya baseranyije ababagiriye icyizere ko batazabatenguha, aho bazarinda icyizere babagiriye bagakora ibiri mu nyungu rusange z'abaturage hagamijwe kugera ku mibereho myiza ndetse n'iterambere ryifuzwa.

Uwatowe ahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore Batamuliza Rose yagize ati: "Izi nshingano duhawe twiteguye kuzikora neza tukitura abaturage icyizere batugiriye, kugira ngo tugire aho tuva tugire n'aho tugera kandi tuzabigeraho dufatanyije. Twiteguye guhagararira neza abaturage tugakora ubuvugizi ku bibazo bitandukanye bihari tunatanga inama y'uburyo byabonerwa ibisubizo."

Yakomeje agira ati: "Mu byo tuzashyira imbere harimo kurwanya amakimbirane yo mu muryango kugira ngo abantu bagire ituze bityo bibafashe gukora imirimo yabo ibinjiriza inyungu nta ntugunda. Ibi kandi byanatuma barushaho kugira imibereho myiza ndetse bakanatera imbere."

Sesonga Ferdinand we watowe nk'uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga yavuze ko urwego ahagarariye bashima uburyo Leta ibitaho ishyiraho ibyangombwa bibafasha, akazakoresha umwanya abonye mu gukomeza kugaragaza ibitarageerwaho kugira ngo nabyo bikorwe.

Ati: "Dushima gahunda nziza y'ubuyobozi budaheza. Hari byinshi dufashwa nk'abafite ubumuga, aho tuzakomeza kugira umusanzu dutanga mu byubaka igihugu. Ubumuga ntibutubuza ubushobozi bwo gutekereza ndetse no gukora mu buryo butandukanye bitewe n'ubumuga bwa buri umwe. Nzakomeza kandi ubuvugizi ku mbogamizi zigihari zirimo kugera mu buryo bworoshye ku buvuzi bwihariye, kongera ibikorwa remezo bifasha abafite ubumuga butandukanye n'ibikoresho bibafasha."

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko yo yatoye Rukondo Thomas ngo ayihagararire mu Karere ka Kayonza. Nyuma yo gutorwa yagize ati: "Niteguye kurangaza imbere bagenzi banjye nk'imbaraga z'igihugu zubaka kandi vuba, tukagira umuco wo gukurikira ibikorerwa mu gihugu no kubishyigikira, kumenya icyerekezo cy'Igihugu, kurinda ibyagezweho no kudapfumbata amaboko ahubwo tugakora kugira ngo Igihugu abatubanjirije bazaturaga tugire uruhare mu kukiyubakira."

Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka Kayonza Niyitanga J Damascene avuga ko abatorewe kujya mu nshingano z'ubujyana no guhagararira abandi ari imbaraga zigiye kubafasha mu gukemura ibibazo by'abaturage.

Ati: "Abagize izi nzego zitorwa baba bahagarariye abaturage bakanabareberera, aho abatorewe muri izi nshingano tubategerejeho umusanzu ukomeye mu gutuma tugira aho dukura umuturage tukagira n'aho tumugeza. Tubategerejeho gufata ibyemezo mu gukemura ibibazo by'abaturage birimo n'amakimbirane mu miryango, bakagira inama ubuyobozi bwite bwa Leta ku buryo bwo kunoza imikorere no kwita ku nshingano."

Aya matora yabaye kuri uyu wa 14 Ugushyingo asize habonetse Abajyana 4 mu Nama Njyanama y'Akarere barimo batatu batowe uyu munsi ndetse n'umwe usanzwe agifite manda ariwe uhagarariye urugaga rw'abikorera mu Karere.

Abandi bajyanama bazamenyekana mu matora yo ku wa 21 uku kwezi ubwo hazaba hatorwa Abajyanama rusange ndetse na Biro y'Inama Njyanama, hakanakurikiraho gutora mu batowe Komite Nyobozi y'Akarere.

Burera: Baranenga abagabo bishora mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge

NGABOYABAHIZI Protais

Abagabo bo mu Karere ka Burera banenze bagenzi babo bishora mu gutunda no gucuruza ibiyobyabwenge bagamije kubona amafaranga mu gihe gito, bavuga ko baba bashyira mu kaga ubuzima bwabo, umudendezo n'imibereho y'imiryango yabo, kandi bafite ubushobozi bwo gukora ibindi bibateza imbere.

Ibi babitangaje nyuma y'igikorwa Polisi y'u Rwanda yakoreye mu Mirenge ya Gatebe na Kivuye mu Karere ka Burera mu ijoro ryo ku wa 12 Ugushyingo 2026, ku bufatanye n'izindi nzego no ku makuru yatanzwe n'abaturage, hagafatwa abantu 30 bakekwaho kugira uruhare mu gutunda no gukwirakwiza ibiyobyabwenge.

Muri icyo gikorwa hafashwe ibiro 30 by'urumogi na litiro zisaga 700 za kanyanga. Abafashwe bose ni abagabo, barimo abakekwaho gutunda ibyo biyobyabwenge, ababashakira inzira n'abandi bakekwaho kubafasha cyangwa kubakingira ikibaba.

Abaturage bavuga ko bamwe mu bishora muri ubwo bucuruzi baba bashukishwa n'amafaranga bumva ko bashobora kubona mu gihe gito, ariko ntibazirikane ko ibyo bishobora kubakururira ibihano birimo igifungo n'amande, bityo imiryango yabo ikabigenderamo.

Mudenge Donatien, utuye mu Murenge wa Gatebe, avuga ko bibabaje kubona abagabo bafite imbaraga n'ubushobozi bwo gukora imirimo ibyara inyungu bahitamo kubikoresha mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge.

Yagize ati: "Birababaje kandi biteye isoni kubona umugabo agikoresha imbaraga afite mu gutunda no gucuruza ibiyobyabwenge. Umugabo aba akwiye gukoresha amaboko ye agashaka icyamuteza imbere n'umuryango we, aho gushaka amafaranga mu nzira zitemewe. Ibyo bikorwa bishobora kumugeza mu gihombo gikomeye, agafungwa agasiga umuryango nta muntu uwitaho."

Akomeza avuga ko abajya muri ubwo bucuruzi bashobora kuba bibwira ko babona amafaranga menshi mu gihe gito, ariko ntibateganya ko iyo bafashwe batakaza umudendezo, bakurikiranywa n'ubutabera ndetse amafaranga bashakaga ashobora kurangirira mu manza no mu bihano.



Bamwe mu bagabo bo mu Karere ka Burera baranengwa kwikorera no gucuruza ibiyobyabwenge bagashyira imiryango yabo n'Igihugu mu kaga

KOMEZA KU RUP.19

Burera: Baranenga abagabo bishora mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge

IBIKURIKIRA URUP.18

Mpabwanayo Eliab, na we utuye mu Murenge wa Kivuye, avuga ko ubucuruzi bwa kanyanga n'urumogi bukwiye kwamaganwa kuko ingaruka zabwo ziruta kure inyungu ababukora baba biteze.

Yagize ati: "Ntabwo byumvikana ukuntu umugabo ashobora guhitamo gutunda ibiyobyabwenge kandi azi neza ko ari icyaha. Iyo afashwe agafungwa, agacibwa n'ihazabu, umuryango we ni wo ubigenderamo. Niba ari we wari utunze urugo, umugore n'abana basigara mu bibazo, kandi amafaranga yashakaga kubona vuba akaba ari yo amubera intandaro yo gutakaza byinshi."

Avuga ko bamwe bashobora kwishora mu bucuruzi bwa kanyanga babona ko ari uburyo bwo kubona amafaranga mu ibanga, cyane cyane mu gihe ingamba zo kurwanya inzoga z'inkorano n'ibindi bicuruzwa bitemewe zikomeje gukazwa. Icyakora, asanga ibyo ari ukwibeshya kuko bishobora kubaviramo ibihombo bikomeye.

Aba bagabo banenga kandi abazana urumogi mu gihugu bakarukwirakwiza mu rubyiruko, kuko bishobora kurushora mu biyobyabwenge, bikangiza ubuzima bwarwo ndetse n'amahirwe yarwo yo kwiteza imbere.

Urubyiruko rusaba abakuze kuba intangarugero

Urubyiruko rwo mu Karere ka Burera na rwo rugaragaza ko rutishimira kubona abantu bakuru, bakagombye kurubera urugero, bishora mu bikorwa bishobora kurwangiriza ahazaza.

Sindayiheba Eugène, umwe mu rubyiruko rwo muri aka Karere, avuga ko ababyeyi n'abandi bantu bakuru bakwiye kugaragaza imyitwarire myiza, aho kwereka urubyiruko ko umuntu ashobora kubona amafaranga binyuze mu bikorwa bitemewe.

Yagize ati: "Ababyeyi n'abagabo bakwiye kuba intangarugero ku rubyiruko. Iyo tubona umuntu mukuru yishora mu gutunda no gucuruza ibiyobyabwenge, ashobora gutuma urubyiruko rwibwira ko ari uburyo bworoshye bwo kubona amafaranga. Nyamara birangira afashwe agafungwa, akangiza ubuzima bwe n'ubw'umuryango we. Turashimira Polisi ikomeje gufata abishora muri ibyo bikorwa n'ababikoresha, kuko bifasha kurinda urubyiruko."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyaruguru, CIP Ignace Ngirabakunzi avuga ko Polisi izakomeza ibikorwa byo gukangurira abaturage kwirinda ibiyobyabwenge, ariko abatazabyumva bagafatwa bagashyikirizwa inzego z'ubutabera.

Yagize ati: "Tuzakomeza kwigisha abaturage ingaruka z'ibiyobyabwenge ndetse tunabashishikarize kubigendera kure, ariko abazinangira bazajya bafatwa bakurikiranwe. Icyo dusaba abantu ni ukuzibukira ibiyobyabwenge, bagasobanukirwa ko byica, bigwingiza kandi bigira uruhare mu guhungabanya umutekano n'ituze rusange."

Polisi y'u Rwanda isaba abaturage kugira uruhare mu kurwanya ibiyobyabwenge batanga amakuru ku babitunda, ababicuruza n'ababikwirakwiza, kugira ngo inzego zibishinzwe zibakurikirane.

Abantu 30 bafashwe bakekwaho kugira uruhare muri ibyo bikorwa, hamwe n'ibiyobyabwenge byafashwe, bashyikirijwe Sitasiyo ya Polisi ya Bungwe mu Karere ka Burera kugira ngo hakomeze iperereza n'ibindi bikorwa byo kubakurikirana hakurikijwe amategeko.



Abagabo akenshi batunda ibiyobyabwenge baba bafite ingufu bakoresha indi mirimo itabateza ibibazo

Abanyarwanda 477 batahutse bavuye muri RDC



Abanyarwanda 477 batahutse bavuye muri RDC mu cyumweru gishize

NDOLI Sitio

Abanyarwanda 477 batahutse bavuye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), batahutse mu Rwanda banyuze ku mipaka ya Rusizi na Rubavu, nyuma yo kuvuga ko bari bamaze igihe bahura n'ibibazo bitandukanye birimo umutekano muke, kwamburwa ibyabo no kubuzwa amahwemo n'intambara ziri mu Burasirazuba bw'icyo gihugu.

Abo Banyarwanda bageze mu Rwanda ku itariki ya 12 Ugushyingo 2026. Bavuze ko ubuzima babagamo muri RDC bwari bwarabaye bubi, ku buryo bamwe batashoboraga gutaha kubera ubwoba bw'intambara n'iterabwoba by'imitwe yitwaje intwaro irimo n'uwa FDLR.

Nyiransengiyumva Victoria yavuze ko we n'abandi Banyarwanda bari babayeho mu buzima bugoye, aho bamburwaga ibyabo kandi bakabuzwa gutaha.

Yagize ati: "Twabayeho mu buzima bubi igihe cyose. Aba FDLR baratwirukanaga, bakanga ko dutaha, bakavuga ko umuntu wese wageraga gutaha bazamwica. Twari tubayeho nabi muri za burende. FDLR ni abantu babi cyane, birirwa bambura abantu."

Yakomeje avuga ko yishimiye uko yakiriwe mu Rwanda, ashimangira ko yasanze Igihugu gifite umutekano n'ubuzima butandukanye n'ibyo yari yarumvise akiri muri RDC.

Ati: "Ubu mbona ari byiza kuko uko baruvugaga si ko ndusanze. Batwakiriye neza cyane, naho aho twari turi nta muntu wakwifuza gusubirayo. Icyo nifuza ni uko data na we yazataha, ndetse n'abandi bakiri yo bagataha, kuko hano dusanze ari amahoro masa."

Niyitegeka Alfred na we yavuze ko intambara z'urudaca n'ibura rya serivisi z'ubuvuzi byari mu bibazo bikomeye yahuye na byo muri RDC, aho yagerageje gutaha inshuro zitandukanye bikanga kubera umutekano muke.

Yagize ati: "Ni intambara z'urudaca, kurwara ukabura aho wivuriza. Nashatse gutaha biranga kubera intambara. Bahora barwana, ariko ubwo tugize amahirwe tugataha tugiye gufatanya n'abandi kubaka Igihugu cyacu. Abasigaye nabashishikariza gutaha. Umugore wanjye n'abana barasigaye, icyo nababwira ni uko ndi ku mupaka mu Rwanda kandi ari amahoro."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rusizi, Rwiririza Fred, wakiriye bamwe muri abo Banyarwanda ku mupaka wa Rusizi ya Mbere, yabasabye kwita ku burezi bw'abana babo, anashishikariza abandi Banyarwanda bakiri muri RDC gutaha bagafatanya n'abandi mu iterambere ry'igihugu.

Yavuze ko amakuru atari yo ari mu bituma bamwe batinya gutaha, kandi ko hari n'abagabo bagikomeje kuba mu mashyamba bari mu mitwe y'abarwanyi itandukanye.

Ati: "Iyo muganira bavuga ko ikibabuza gutaha ari ibihuha, bigatuma bagira ubwoba bwo gutaha. Abenshi mu bagabo baba bakiri mu mashyamba mu mitwe y'abarwanyi itandukanye. Turabasaba kubwira abandi gutaha mu gihugu cyabo, ntabwo bakwiye kuguma mu mashyamba. Twabanje kubahumuriza, tunabakangurira ko nibava mu nkambi bakwiye kujyana abana ku ishuri, kuko hano hari uburezi kuri bose."

Mu Banyarwanda 477 batahutse, 341 banyuze ku mupaka wa Grande Barrière mu Karere ka Rubavu, mu gihe abandi 136 banyuze ku mupaka wa Rusizi ya Mbere mu Karere ka Rusizi.

Bose bajyanywe mu Nkambi y'Agateganyo ya Kijote ihereereye mu Karere ka Nyabihu, aho bagiye kwakirwa no gufashwa mu gihe bitegura gutangira ubuzima bushya mu Rwanda.

Nyabihu: Umuhanda wa kilometero 24 ugiye gukura abaturage mu bwigunge



Umuhanda Rwankeri - Nyakiriba watanze akazi

NGABOYABAHIZI Protais

Abaturage bo mu bice bitandukanye by'Akarere ka Nyabihu bavuga ko umuhanda Nkuri – Rurembo – Rwankeri – Kintobo – Nyakiriba – Nyakinama uri kubakwa ugiye kubakura mu bwigunge, ukoroshya ingendo, ubafashe kugeza umusaruro w'ubuhinzi ku masoko kandi ubongerere amahirwe yo kwiteza imbere.

Ni umuhanda watangiye kubakwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubwikorezi (RTDA), ku ntera y'ibilometero 24, uzatwara amafaranga y'u Rwanda 8 067 310. Ukaba uzatwara umwaka n'amezi 3 kugira ngo ube wuzuye neza.

Uyu muhanda uzaba ari uw'igitaka utsindagiye (laterite), ku buryo uzajya unyurwamo n'ibinyabiziga bitandukanye mu buryo bworoshye kurusha uko byari bisanzwe.

Abaturage bavuga ko mbere y'uko utangira gukorwa, bawugenderagamo bibagoye kubera amabuye n'ibinogo byawurangaga. Ibyo byatumaga ibiciro by'ingendo bizamuka, imodoka zikabura uko zigerayo, ndetse n'abahinzi bakagorwa no kugeza umusaruro wabo ku masoko.

Umuhoza Consolee, utuye mu Kagari ka Rurengeri, Umurenge wa Mukamira, avuga ko uyu muhanda bawitezeho impinduka zikomeye, cyane cyane kugabanya amafaranga bakoreshaga mu ngendo.

Yagize ati: "Mbere uyu muhanda wari wuzuyemo amabuye n'ibinogo byinshi, ku buryo ingendo zatugoraga kandi zikaduhenda. Nko kuva aho ntuye njya kuri kaburimbo ahitwa i Rwankeri, moto yantwaraga amafaranga ibihumbi bitatu. Turizera ko nibamara kuwutunganya, bagatsindagira igitaka ukoroshya kugeza serivisi zitandukanye aho bazikeneye.

Yagize ati: "Uriya muhanda ni ingirakamaro cyane, kuko kugera nko ku bigo nderabuzima byo muri kariya gace byatumaga serivisi zitangwa nabi bitewe n'uko ingendo zitari zoroshye, nko mu gihe imbangukiragutaba yabaga igiye kuzana umurwayi. Ikindi, iyo ubuyobozi bwashakaga kujya gusura abaturage bo mu bice bya Shyira, twabanzaga kuzenguruka. Uyu muhanda rero ugiye gukura abaturage mu bwigunge."

Yakomeje avuga ko uyu mushinga utazafasha abaturage mu ngendo gusa, ahubwo uzanabaha akazi kabafasha kwizigamira no kwiteganyiriza ejo hazaza.

Yagize ati: "Akarere na ko karungukira muri uyu mushinga, kuko abaturage bacu babonye akazi bakaba bashobora kwizigamira muri Ejo Heza no gutanga ubwisungane mu kwivuza. Nanone



Abakora mu muhanda Rwankeri - Nyakiriba bavuga ko batangiye kubona inyungu zawo

ndetse bagashyiraho n'ibikoresho biwukomeza, ibiciro by'ingendo bizagabanyuka, ubuzima bwacu burusheho kuba bwiza."

Ku rundi ruhande, abaturage bakora ubuhinzi bavuga ko kuba umuhanda uzaba nyabagendwa bizabafasha kubona isoko ry'umusaruro wabo, aho kuwugurisha bahenzwe kubera ibibazo byo kuwugeza ku bawugura.

Igirubuntu Revine, wo mu Kagari ka Gatovu, Umurenge wa Kintobo, avuga ko umuhanda mubi watumaga abaguzi n'abatwara umusaruro batinya kugera aho bahinze, bityo abahinzi bakabura uko bawugeza ku isoko.

Yagize ati: "Iyo twasaruraga ibirayi, imodoka zatinyaga kuza kubitwara kubera ko umuhanda wari mubi. Hari ababyikorera ku mutwe, abandi bakabishyira ku magare bakabisunika kugeza mu Rwankeri. Twageragayo tunaniwe, ariko n'amafaranga baduhaga ku kilo akaba make. Uyu muhanda numara kuzura, imodoka zizajya zitugeraho, umusaruro wacu ubone isoko kandi ugire agaciro."

Akomeza avuga ko uyu muhanda uzanafasha kunoza imigenderanire hagati y'abaturage bo muri Nyabihu n'abo mu Karere ka Musanze, kuko ugera mu Murenge wa Muko, ahitwa i Nyakinama.

Ikorwa ry'umuhanda ryatanze akazi

Uretse inyungu abatuye muri aka gace biteze ku ngendo n'ubuhinzi, bamwe mu bakozi bahawe imirimo mu iyubakwa ry'uyu muhanda bavuga ko watangiye kubahindurira imibereho, kuko babonye akazi kabafasha kwiteza imbere no kwizigamira.

Uwamungu Aphrodis, ukora akazi k'ubufundi muri uyu mushinga, avuga ko mbere kubona akazi byamugoraga, ariko kuva yatangira gukorera kuri uyu muhanda amaze kubona amafaranga amufasha kunoza imibereho ye.

Yagize ati: "Uyu muhanda twatangiye kuwubonamo inyungu. Nkanjye ndi umufundi, najyaga mbyukira ahitwa ku ndege nshaka akazi, nkirirwa ku muhanda ariko ngataha saa saba ntacyo nkora. Icyo gihe nahitaga njya guhingira abaturage cyangwa ngashaka uko nakwikorera imitwaro n'umusaruro wabo, cyane cyane ibirayi."

Yakomeje agira ati: "Mu mezi atatu maze nkora hano, maze kuvugurura inzu yanjye, ngura amabati kubera kwizigamira amafaranga mpembwa. Ibi byatumye ubushomeri bugabanyuka, kuko urubyiruko n'abantu bakuru twabonye akazi. Uretse kuba ndi umufundi hano, ndi n'umuturage wo muri aka gace, ku buryo uyu muhanda numara kuzura nzagira uruhare mu kuwufata neza."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu w'agateganyo, Mugiraneza David, avuga ko uyu muhanda uzagira uruhare mu gukemura ibibazo by'ingendo byari bimaze igihe bibangamiye abaturage, ndetse rwiyemezamirimo iyo aguze ibikoresho n'ibindi akoresha, hari imisoro Akarere kinjiza, nko mu birombe n'ahandi."

Mugiraneza yasabye abaturage kuzakomeza kugira uruhare mu gufata neza uyu muhanda n'umara kuzura, birinda ibikorwa bishobora kuwusenya.

Yagize ati: "Turabasaba ko uyu muhanda n'umara kubakwa bazawufata neza, birinda gutengura inkengero zawo kandi bagakomeza kurwanya isuri, kugira ngo amazi atazawusenya."

Uyu muhanda w'ibilometero 24 ni umwe mu mishinga yitezweho kunoza ibikorwa by'ubuhahirane n'imibereho y'abaturage bo muri aka gace. Ku bawukoresha, icyizere si ukubona umuhanda gusa, ahubwo ni ukugera ku isoko bitagoranye, kugabanya amafaranga y'ingendo, kubona akazi no kurushaho kugera kuri serivisi z'ibanze.

Gatsibo: Yeza ibilo 60 ku giti cy'umwumbati, akinjiza miliyoni 1,5 Frw ku mwaka



Mukamazimpaka Gaudance agaragaza ko ageze ku rwego rwo kweza ibilo 60 ku giti kimwe cy'umwumbati

HITIMANA Servand

Mukamazimpaka Gaudence, umugore w'umuhinzi mworozi wo mu Murenge wa Rugarama, mu Karere ka Gatsibo, wiyegurije guhinga imyumbati kijyambere yishimira ko ubu ashobora gusarura ibilo biri hagati ya 60 na 80 ku giti kimwe cy'umwumbati. Ni ubuhinzi avuga ko yasanze bushobora guteza imbere ubukora abakunze aho yavuye ku guhingira kurya nkuko yahoze abikora agakomereza ku guhingira isoko.

Yagize ati: "Ubuhinzi bw'imyumbati nabutangiye kera ariko nahingaga mu buryo bwa gakondo nkuko abantu benshi babikora. Nabikoraga nkuko nabisanze bikorwa n'umuryango navukiyemo ndetse n'uwo nashatsemo. Aho haziye amavugurura ku buhinzi nagize igitekerezo cyo kuvugurura ubuhinzi bw'imyumbati nakoraga nkabuhindura ubuhinzi bw'umwuga bwanyinjiriza amafaranga kandi menshi."

Mukamazimpaka avuga ko yabanje kumenya amakuru ku bijyanye n'ivugururabuhinzi ku gihingwa cy'imyumbati, ahabwa amasomo n'inzego z'ubuhinzi hanyuma na we atangira kubishyira mu bikorwa.

Ati: "Nize uko bahinga umwumbati ukava ku bilo bitanu twezaga ukaba wagera ku bilo 60. Nshukura umwobo mugari wa santimetero 40 z'ubujyakuzimu na metero hagati ya 2 na 3 z'ubugari, ngashyiramo ingeri y'umwumbati ku buryo ubona aho ushorera mu itaka ryoroshye. Nkurikirana imikurire yawo nkawicira nkuraho ibyonnyi ku buryo udatinda kwera kandi ugatanga umusaruro mwinshi."

Nyuma y'imyaka itatu atangiye gukora ubu buhinzi mu buryo bwa kinyamwuga uyu muhinzi avuga ko bumaze kumuha cyizere cy'ishoramari.

Ati: "Ubu mu mibereho yanjye nakoreye Leta ndetse nkorera n'imiryango itegamiye kuri Leta. Uyu munsi nabonye ubu buhinzi ari bwo bushobora kumbera ishoramari nkora mu myaka yanjye y'izabukuru kandi ndabona birimo igisubizo. Ubu buhinzi bushobora kunyinjiriza miliyoni 1,5 y'amafaranga y'u Rwanda ku mwaka nakuyemo ibishoro byose. Ni amafaranga atari make ntakuraga mu bindi bihingwa byose nahinze.

Yakomeje avuga ko amafaranga yinjiza amufasha gukemura ibikenera amafaranga mu murygango we, bikamurinda gutega amaboko ku bana cyangwa ku wundi muntu yakabaye ategerezaho ubufasha.

Akomeza agira ati: "Imyumbati ni igihingwa kera twitaga nganduraru go. Uyu munsi gifashe impu ebyiri kuko ni nganduraru go kikanaba ngengabukungu kuko ubu kigezwa ku masoko kikinjiriza amafaranga umuhinzi kinagurishwa abakeneye amafunguro aho gishobora kubanza kunyuzwa mu nganda."

Uyu muhinzi asoza asaba abakora ubuhinzi kubiha agaciro bakava ku guhingira inkono ahubwo bagahingira isoko kuko bizatuma biteza imbere ariko bakanafasha igihugu kikihaza mu biribwa. Minisiteri y'Ubuhinzi y'Ubworozi ishimira abahinzi babukora nk'ishoramari bakurikiza inama z'ubuhinzi bagatanga umusanzu muri gahunda ya Leta yo kwihaza mu biribwa bagasagurira n'amasoko.

Minisitiri Dr. Ndabamenye Telesphore yagize ati: "Ubuhinzi bukozwe neza buzatubera umusingi wo kwihaza ndetse binateze imbere abaturage n'igihugu muri rusange. Ababitangiye batugaragariza ko bishoboka ko ubuhinzi bwagirwa ishoramari ryungura ubukora. Inzego zishinzwe guteza imbere ubuhinzi mu Rwanda zizakomeza kwegera abahinzi no kubaha ubufasha bukenewe mu kunoza uyu mwuga, bityo buri gihingwa gikorwe kinyamwuga bidufashe kwihaza no gusagurira amasoko."

Mu Karere ka Gatsibo ubuhinzi bw'imyumati bukorerwa kuri hegitari 720 aho butanga umusaruro ungana na toni ugera kuri 18 kuri hegitari imwe.

Musanze: Amaterasi y'indinganire yitezweho kongera umusaruro bakiteza imbere

NGABOYABAHIZI Protais

Abahinzi bo mu Murenge wa Gacaca, mu Karere ka Musanze, bafite icyizere ko amaterasi y'indinganire ari kubakirwa ku butaka bwabo azabafasha kongera umusaruro, nyuma y'igihe kinini bahanganye n'isuri yatwaraga ubutaka bwera n'ifumbire bashyiraga mu mirima yabo.

Abo bahinzi bavuga ko mbere yo gutunganyirizwa amaterasi y'indinganire, imvura yatwaraga ubutaka n'ifumbire, bikajya mu mibande, bigatuma ubutaka busigara budafite intungamubiri zikenewe kugira ngo imyaka itange umusaruro ushimishije.

Nzigira Oswald na Mukampabuka Josephine, bari mu bahinzi bafite ubutaka buri gutunganywa, bavuga ko amaterasi y'indinganire azabafasha guhangana n'iki kibazo, bityo ubutaka bwabo bukarushaho kubungabungwa.

Bavuga ko kuyakorerwa bizatuma ifumbire bashyira mu mirima itongera gutwarwa n'amazi y'imvura, ahubwo ikaguma mu butaka, ikabufasha gukomeza kugira intungamubiri zituma imyaka ikura neza.

Bashimangira ko biteze umusaruro urenze uwo basaruraga mbere, kuko ubutaka buzaba burinzwe isuri kandi bukagumana ifumbire n'izindi ntungamubiri zikenewe mu buhinzi.

Abo bahinzi bavuga kandi ko bazatera ibiti ndumburabutaka ku materasi kugira ngo bifashe gufata ubutaka, bikazaboneraho no kubaha ibiti byo gushingirira ibishyimbo.

Bazahabona umwanya wo gutera urubingo n'indi myaka y'ubwatsi bw'amatungo, kuko uretse gufasha mu kurinda ubutaka gutwarwa n'isuri, ruzajya runakoreshwa mu kugaburira amatungo.

Ibi bituma babona ko amaterasi y'indinganire atazabafasha gusa kongera umusaruro w'imyaka, ahubwo azanagira uruhare mu guteza imbere ubworozi, binyuze mu kubona ubwatsi bw'amatungo no kunoza imikoreshereze y'ubutaka.

Akazi k'amaterasi gafasha abaturage kwikenura

Uretse abahinzi bafite ubutaka buri gutunganywa, iki gikorwa cyanahaye akazi abandi baturage, bavuga ko amafaranga bakuramo yabafashije kwita ku miryango yabo no gutangira ibikorwa bibateza imbere.

Kabandana Oreste, umaze amezi abiri akora muri iki gikorwa, avuga ko amafaranga amaze kukuramo yamufashije kwita ku bana be, kugura intebe zo kwicaraho ndetse no gutangira kwizigamira.

Yagize ati: "Aka kazi kamfashije kubona amafaranga yo gutunga abana banjye no gukemura ibindi bibazo by'urugo. Ndetse nabashije no kugura ingurube ifite agaciro k'ibihumbi 80 Frw, ari na byo bituma numva ko aka kazi hari icyo kamaze kungezaho mu mibereho n'iterambere."

Kabaraza Euphrasie na we avuga ko mbere yo kubona aka kazi yajyaga guca inshuro, ariko amafaranga ahembwa akaba make ugereranyije n'imbaraga yashyiragamo.

Yagize ati: "Mbere najyaga guca inshuro, nkamara umunsi wose nkora, nkataha naniwe kandi n'ayo bampembaga akaba make. Ubu nkora amasaha atandatu, nkabona amafaranga y'umubyizi angana na 3 000 Frw, kandi nkabona umwanya wo gukomeza kwita ku bindi bikorwa byanjye."

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubuhinzi, Ubworozi n'umutungo Kamere mu Karere ka Musanze, Ngendahayo Jean, avuga ko amaterasi y'indinganire ari gukorwa agamije ahanini kurwanya isuri, kubungabunga ubutaka

KOMEZA KU RUP.22

Musanze: Amaterasi y'indinganire yitezweho kongera umusaruro bakiteza imbere

IBIKURIKIRA URUP.21

no kongera umusaruro w'ubuhinzi.

Yagize ati: "Ikiba kigamijwe ni ukurwanya isuri ku misozi, kuko kano gace kagizwe n'imisozi miremire kandi byorohera isuri gutwara ubutaka bwera, bigatuma umusaruro dusarura utaba uwo twifuza. Ikigamijwe ni ukongera umusaruro, kubungabunga ubutaka no kubufata neza."

Akomeza avuga ko amaterasi azanakoreshwa mu gutera ubwatsi bw'amatungo n'ibiti bifasha gufata ubutaka, kugira ngo ubutaka bukoreshwe neza kandi buvemo umusaruro urambye.



Umurenge wa Gacaca ni Umurenge ugizwe n'imisozi miremire bari gukoraho amaterasi y'indinganire

Yongeyeho ko iki gikorwa gifite n'uruhare mu kuzamura imibereho y'abaturage, kuko abahabwa akazi bakuramo amafaranga abafasha kwikenura.

Yagize ati: "Bakuramo amafaranga abatunga mu buzima bwabo bwa buri munsi, harimo amafaranga y'ishuri y'abana babo, bakabasha no kwizigamira kugira ngo bazagire icyo bageraho mu gihe kiri imbere. Muri rusange, bituma bagira ubuzima n'imibereho myiza."

Ngendahayo avuga ko mu Murenge wa Gacaca no mu yindi Mirenge ihana imbibi na wo mu Karere ka Musanze, abaturage basaga 1 200 bamaze kubona akazi binyuze muri gahunda ya VUP.

Amasomo ntabangikanywa n'ubusinzi n'ubwomanzi - Lt. Col. Mwanafunzi

Lt. col. Mwanafunzi Fabien yakebuye urubyiruko rwo muri kaminuza, arukangurira guharanira kugera ku ntego

HITIMANA Servand

Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere ka Ngoma Lt. Col. Fabien Mwanafunzi yasabye abasore n'inkumi binjiye muri kaminuza kwirinda ibiyobyabwenge, inzoga zitujuje ubuziranenge, ubusinzi n'ubwomanzi kuko izi ngeso zitabangikanywa n'amasomo baje gushaka muri kaminuza.

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 10 Ugushyingo ubwo yagiranaga ibiganiro n'abanyeshuri baje gutangira mu Ishuri Rikuru rya Politekiniki, Koleji ya Ngoma, hagamijwe kubashishikariza kugira intego mu masomo no mu buzima bwabo muri rusange, kwirinda ibiyobyabwenge n'ubusinzi, kubumbatira ubumwe n'ubudaheranwa no guharanira kugira indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Lt. Col. Mwanafunzi yagize ati: "Ubu mwatangiye ikindi cyiciro mutari mufite mu buzima bwanyu. Ni icyiciro cyo gukarishya ubumenyi no kuba inzobere mu myuga itandukanye. Ibi ntekereza ko biba ari ibyifuzo bya buri mwana wifuza kugera kure mu buzima. Ibi ni nabyo ababyeyi banyu baba babifuriza ndetse n'Igihugu kibategerejeho kuba abantu bakomeye bagiteza imbere."

Yakomeje agira ati: "Ibi rero kugira ngo mubigereho muhamye ku ntego murasabwa kwirinda ubusinzi n'ubwomanzi. Ntabwo mwagera ku byo mwifuza mubibangikanya no kwirirwa mu mayoga cyangwa ibiyobyabwenge. Turabakebura tubibutsa ko uko mujijuka mukwiye no kuba urumuri mu kubaka indangagaciro z'umuco nyarwanda, mukaba ba bandebereho. Umunyeshuri mwiza akwiye kugira intego, kurangwa n'imyitwarire myiza kandi akagira uruhare mu iterambere ry'umuryango n'Igihugu yitabira gahunda zose za Leta."

Abanyeshuri bashya binjiye muri kaminuza ya IPRC bashima impanuro bahawe bakavuga ko biteguye kuba umusembiro w'impinduka. Uwineza Celine wiga mu mwaka wa mbere wa Information Technology yashimye ikiganiro bagiranye n'ubuyobozi , avuga ko ubutumwa bahawe bubibukije ko kugira intego no kwirinda ibiyobyabwenge ari ingenzi mu rugendo rwabo rw'amasomo no mu buzima bwabo.

Yagize ati: "Iki kiganiro kitweretse ko kugira ngo tugere ku ntego twihaye, tugomba kwirinda ibiyobyabwenge n'ubusinzi, tugakoresha neza amahirwe yo kwiga dufite. Ku bwanjye ngiye gushyira imbaraga mu masomo yanjye kugira ngo nzashobore gusoza niteze imbere."

Tuyizere Jackson wiga mu mwaka wa mbere Mechanical Engineering yavuze ko ikiganiro cyabafashije kurushaho gusobanukirwa inshingano bafite nk'urubyiruko mu kubumbatira ubumwe, kurangwa n'indangagaciro nziza no guhitamo ubuzima butarangwamo ibiyobyabwenge.

Ati: "Twishimiye ubu butumwa twahawe kuko butwibukije ko ejo hazaza hacu ari twe tugomba kuhategura. Nk'urubyiruko twiyemeje kwirinda ibiyobyabwenge, gukunda amasomo yacu tugaharanira kuba Sober mu buzima bwacu bwa buri munsi aho kugira ngo aka buruse nikaza umuntu ajye kurara mu nzoga."

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Ngoma, Ingabire Benoit yahaye ikaze abanyeshuri boherejwe kwiga muri iyi kaminuza na we abasaba gukomeza kuzirikana impanuro zo kwiyubakamo abanyagihugu b'inyangamugayo kandi bashoboye.

Yagize ati: "Muje kwiga kugira ngo muzagire icyo mwimarira ndetse munashyire mu bikorwa ya mvugo y'urubyiruko yuko muri imbaraga z'igihugu zubaka kandi vuba. Mwitegure kubaka Igihugu muhereye muri iyi kaminuza mwinjiyemo. Tubategerejeho imyitwarire myiza nk'Akarere kabakiriye ndetse n'umusanzu wanyu mu mpinduka zishingiye ku bumenyi muzasangiza abaturage bacu."

ITANGAZO RY'ISOKO

RAB
Rwanda Agriculture & Animal Resources Development Board

On.....10/.....11...../2026
Ref:SPIU/11/26/RS/Coord/SPIU/CDAT

NOTICE

Employer: ***Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU)***
Project: ***Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT)***
Contract title: ***Rehabilitation works of Bugarama marshland***
Country: ***Rwanda***
Loan No. ***A: 7084-RW and B: 7085-RW*** and Grant No.: ***EO17-RW***
RFB No: ***RW-RAB-317599-CW-RFB***

1. The *Government of Rwanda (GOR) has received* financing from the World Bank toward the cost of the Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT) and intends to apply part of the proceeds toward payments under the contract for ***Rehabilitation works of Bugarama marshland.*** For this contract the Borrower shall process the payments using the Direct Payment disbursement method, as defined in the World Bank's Disbursement Guidelines for Investment Project Financing.
2. The Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU) through Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT) now invites sealed Bids from eligible Bidders for ***Rehabilitation works of Bugarama marshland for a period of 30 months (three (3) months for design review, fifteen (15) months for construction works, and 12 months Defects Liability Period).***
3. Bidding will be conducted through international competitive procurement using Request for Bids (RFB) as specified in the World Bank's "Procurement Regulations for IPF Borrowers-" seventh edition dated September 2025 ("Procurement Regulations") and is open to all eligible Bidders as defined in the Procurement Regulations.
4. Bids will be evaluated in accordance with the evaluation process set out in the bidding documents. The following weightings shall apply for Rated Criteria (including technical and non-price factors): *40%* and for the Bid cost: *60%*.
5. Interested eligible Bidders may obtain further information from Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU) through Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT), infospiu@rab.gov.rw and inspect the bidding document during office hours from 09:00 a.m., local time (GMT 07:00 a.m) to 05:00 p.m., local time (GMT 03:00 p.m) at the address given below.
6. The bidding document in ***English*** may be purchased by interested eligible Bidders upon payment of a nonrefundable fee of ***ten thousand Rwandan Francs only (10,000 FRW) or in a freely convertible currency.*** The method of payment will be by depositing such an amount in a Rwanda Revenue Authority (RRA) Account opened in any commercial bank in Rwanda or, alternatively, in the account N° 1000007737 of RRA opened at National Bank of Rwanda. A single-stage, two envelope bidding document process will be used, and the bidding document will consist of (i) the Technical Part, without any reference to prices; and (ii) the Financial Part, as detailed in the bidding document. The Technical and Financial

P.O BOX 5016 Kigali ▮ Email: infospiu@rab.gov.rw ▮ Website: www.rab.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

RAB
Rwanda Agriculture & Animal Resources Development Board

On.....10/.....11...../2026
Ref:SPIU/11/26/RS/Coord/SPIU/CDAT

NOTICE

Employer: Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU)
Project: Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT)
Contract title: Rehabilitation works of Nasho scheme
Country: Rwanda
Loan No. /Credit No. / Grant No.: A: 7084-RW and B: 7085-RW and Grant No.: EO17-RW
RFB No: RW-RAB-508669-CW-RFB

1. The *Government of Rwanda (GOR) has received* financing from the World Bank toward the cost of the Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT) and intends to apply part of the proceeds toward payments under the contract for ***Rehabilitation works of Nasho scheme.*** "For this contract, the Borrower shall process the payments using the Direct Payment disbursement method, as defined in the World Bank's Disbursement Guidelines for Investment Project Financing."
2. The Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU) through the Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT) now invites sealed Bids from eligible Bidders for ***Rehabilitation works of Nasho scheme for a period of 27 months (three (3) months for design review, twelve (12) months for construction works, and 12 months Defects Liability Period), with margin of preference of 7.5%.***
3. Bidding will be conducted through international competitive procurement using Request for Bids (RFB) as specified in the World Bank's "Procurement Regulations for IPF Borrowers- Procurement in Investment Projects Financing" seventh edition dated September 2025 ("Procurement Regulations"), and is open to all eligible Bidders as defined in the Procurement Regulations.
4. Bids will be evaluated in accordance with the evaluation process set out in the bidding documents. The following weightings shall apply for Rated Criteria (including technical and non-price factors): *40%* and for the Bid cost: *60%*.
5. Interested eligible Bidders may obtain further information from Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU) through the Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT), infospiu@rab.gov.rw, and inspect the Bidding document during office hours 09:00 a.m., local time (GMT 07:00) to 17:00 a.m., local time (GMT 15:00) at the address given below.
6. The Bidding document in ***English*** may be purchased by interested eligible Bidders upon the submission of a written application to the address below and upon payment of a nonrefundable fee of ***ten thousand Rwandan Francs only (10,000 FRW) or in a convertible currency.*** The method of payment will be by depositing such an amount in a Rwanda Revenue Authority (RRA) Account opened in any commercial bank in Rwanda or, alternatively, in the account N° 1000007737 of RRA opened at National Bank of Rwanda. The document will be sent by e-mail. A single-stage, two envelope bidding document process will be used, and the bidding document will consist of (i) the Technical Part, without any reference to prices; and (ii) the

P.O BOX 5016 Kigali ▮ Email: infospiu@rab.gov.rw ▮ Website: www.rab.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

Parts of the bidding document shall be submitted simultaneously in two separate sealed envelopes, both put in the outer sealed envelope.

7. Bids must be delivered to the address below on or before **05/01/2027** ***at 10:00 a.m., local time (GMT 08:00).*** Electronic Bidding will not be permitted. Late Bids will be rejected. The outer Bid envelopes marked "ORIGINAL BID" containing the inner envelopes marked "TECHNICAL PART" and "FINANCIAL PART". The envelopes marked "TECHNICAL PART" will be publicly opened in the presence of the Bidders' designated representatives and anyone who chooses to attend, at the address below on **05/01/2027** ***at 10:00 a.m., local time (GMT 8:00).*** All envelopes marked "FINANCIAL PART" shall remain unopened and will be held in safe custody of the Employer until the second public Bid opening.
8. All Bids must be accompanied by a: (i) Bid Security of ***19,000,000 FRW or its equivalent in a freely convertible currency.***
   (ii) Sexual Exploitation and Abuse (SEA) and/or Sexual Harassment (SH) Declaration; and (iii) Local Labour Method Statement.
9. Attention is drawn to the Procurement Regulations requiring the Borrower to disclose information on the successful bidder's beneficial ownership, as part of the Contract Award Notice, using the Beneficial Ownership Disclosure Form as included in the bidding document.

The address (es) referred to above is (are):

Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU) through Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT)

Attention: RWAMULANGWA Stephen

RAB-SPIU Coordinator

35 KG 7 Avenue, Procurement office at 2nd floor, Blue Star house located in Kacyiru Sector, Gasabo District, Kigali City, Rwanda

P.O. Box 5016 Kigali - Rwanda

E-mail: infospiu@rab.gov.rw

Done at Kigali, on .....10/11/2026.....

RWAMULANGWA Stephen
Coordinator, SPIU- RAB

P.O BOX 5016 Kigali ▮ Email: infospiu@rab.gov.rw ▮ Website: www.rab.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

Financial Part, as detailed in the bidding document. The Technical and Financial Parts of the bidding document shall be submitted simultaneously in two separate sealed envelopes.

7. Bids must be delivered to the address below on or before ***29/12/2026 at 10:00 a.m., local time (GMT 08:00).*** Electronic bidding will not be permitted. Late Bids will be rejected. The outer Bid envelopes marked "ORIGINAL BID," and the inner envelopes marked "TECHNICAL PART" will be publicly opened in the presence of the Bidders' designated representatives and anyone who chooses to attend, at the address below on ***29/12/2026 at 10:00 a.m., local time (GMT 8:00).*** All envelopes marked "FINANCIAL PART" shall remain unopened and will be held in safe custody of the Employer until the second public Bid opening.
8. All Bids must be accompanied by a: (i) *"Bid Security"* of **17,000,000 FRW** ***or its equivalent in a freely convertible currency.***
   ; (ii) Sexual Exploitation and Abuse (SEA) and/or Sexual Harassment (SH) Declaration; and (iii) Local Labour Method Statement.
9. Attention is drawn to the Procurement Regulations requiring the Borrower to disclose information on the successful bidder's beneficial ownership, as part of the Contract Award Notice, using the Beneficial Ownership Disclosure Form as included in the bidding document.

The address (es) referred to above is (are):

Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB) / Single Project Implementation Unit (SPIU) through Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT)

35 KG 7 Avenue, Procurement office at 2nd floor, Blue Star house located in Kacyiru Sector, Gasabo District, Kigali City, Rwanda

P.O. Box 5016 Kigali - Rwanda

E-mail : infospiu@rab.gov.rw

Done at Kigali, on .....10/11/2026.....

RWAMULANGWA Stephen
Coordinator, SPIU- RAB

P.O BOX 5016 Kigali ▮ Email: infospiu@rab.gov.rw ▮ Website: www.rab.gov.rw

ITANGAZO RY'ISOKO

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS

TENDER NOTICE

The National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) hereby invites all eligible bidders to submit their bids for the following tenders:

Nº	Title of Tenders	Tender reference	Contract Period	Type of documents and its availability	Submission Deadline
1	Tender for Hotel Services in Southern Province	006/NFPO/NCB/SM/2026-2027	One year renewable twice	Bidding document 10/11/2026	18/11/2026

The Tender Documents can be obtained from the Executive Secretariat of the National Consultative Forum of Political Organizations, located at Kigali, KG 563st Kacyiru, Golf View Rise Building, Ground Floor ; Tel: 0788431448 by presenting a prepaid bank slip of a non-refundable ten theusand Rwandan Francs (10,000Rfws) for one each Tender Document paid to the account nº 1000017945 of National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) opened at the National Bank of Rwanda (BNR), from 10th November, 2026, on any working days from 9:00 AM to 5:00 PM.

Bid documents (two separate envelops each marked accordingly to what it contains, presented in four (4) copies one of which is the original) must be submitted to the Executive Secretary of the National Consultative Forum of Political Organizations on the above-mentioned address not later than 18th November 2026 at 10:00 AM prompt, local time.

The opening ceremony of the submitted bids will be held at 10: 10AM in the conference room of the National Consultative Forum of Political Organizations on 18th November 2026.

Done at Kigali, on November 9th 2026.

GISAGARA Theoneste
Executive Secretary

N.F.P.O
B.P. 7455 KIGALI

ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
City of Kigali
Nyarugenge District
Kimisagara Sector

ITANGAZO RIHAMAGARIRA IPIGANWA RY'AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kimisagara burahamagarira ba rwiyemezamirimo, koperative n'abantu ku giti cyabo babyifuza, banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko akurikira:

Nº	Inyito y'isoko
02/KIMIS/2026-2027	Isoko ryo gutanga ibikoresho byo mu biro mu Murenge wa Kimisagara.
06/KIMIS/2026-2027	Isoko ryo gutwara abantu n'ibintu mu Mujyi wa Kigali no hanze yawo.

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu banyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kimisagara guhera tariki ya 12/11/2026, herekanywe urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 FRW) yishyurwa ku konti ya Rwanda revenue. Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro, inyandiko y'ipiganwa imwe y'umwimerere na kopi eshatu (3) zayo bizatangwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Kimisagara bitarenze tariki ya 02/12/2026 saa yine za mu gitondo (10h00). Gufungura amabahasha arimo inyandiko z'ipiganwa ni kuri iyo tariki saa yine n'iminota mirongo itatu (10h30) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimisagara.

Bikorewe Kimisagara, ku wa 10 Ugushyingo 2026

NIYONKURU Emmanuel
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimisagara

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RY' AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kicukiro bunejejwe no kumenyesha ba Rwiyemezamirimo, Amakoperative yujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira Isoko rikurikira

no	Izina ry ' isoko	Nimero y'Isoko	Agaciro k'Inyandiko y'ipiganwa (Frw)	Itariki n'isaha ntarengwa yo kurangiza kwakira inyandiko z'ipiganwa	Itariki n'isaha yo gufungura inyandiko z'ipiganwa
2	ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO GUKORA IMIRIMO YO GUSANA INYUBAKO Z'UMURENGE (supply of materials for sector offices rehabilitation)	KIC.SECT/T03 /2026-2027	10,000	27/11/2026 10:00 AM	27/11/2026 10:30AM

Inyandiko z'amabwiriza y'ipiganwa zibereka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kicukiro mu minsi n'amasaha yose y'akazi guhera **09/11/2026** nyuma yo kuguragiza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi **10,000 Frw** adasubizwa yishyurwa ubanje gukora imenyekanisha ku kigo gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (RRA)/KICUKIRO SECTOR.

Kwakira inyandiko z'abapiganwa bitarangira kandi zifungurwe ku matariki n'amasaha yagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kicukiro.

Bikorewe Kicukiro, kuwa 02/11/2026.

KAVUTSE Epiphanie
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kicukiro

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO Y'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2026-2027 MU MURENGE WA NDERA

Ubuyobozi bw'Umurenge wa NDERA buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza, bujuje ibisabwa kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko atandukanye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026-2027.

S/N	Izina ry'igikorwa	Igihe cyo gufata igitabo gikubiyemo ibisabwa	Igihe ntarengwa cyo gutanga dossier	Igihe cyo gufungura amabaruwa
02	Isoko ryo gusana no gukora imodoka z'Umurenge wa Ndera	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera
03	Isoko ryo gutanga serivisi zo kwakira abashyitsi ku rwego rwa Hotel b'Umurenge wa Ndera.	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera
08	Isoko ryo kurimbisha no gutegura ahabereye ibirori n'iminsi mikuru mu Murenge wa Ndera	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tato n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera
09	Isoko ryo gusana inyubako za biro z'utugari n'Umurenge wa Ndera	Guhera taliki ya 18/11/2026 saatatu kugeza saakumi n'imwe (9h00-17h00)	Itariki ya 16/12/2026 saa tatu n'igice (9h30) mubunyamabanga bw'Umurenge wa Ndera	Itariki ya 16/12/2026 saa ine (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Ndera

Abifuza gupiganira ayo masoko bishyura amafaranga 10,000frs binyuze muri serivise y'irembo yo kugura ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa . Abishyuye ibitabo bashobora kuza kubifata guhera tariki ya **18/11/2026** mu biro bya **Administrative assistant** w'Umurenge wa Ndera. Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro byanditse n'imashini n'ibyangombwa byasabwe bigizwe n'inyandiko y'umwimerere n'amakopi abiri bigomba kuba byageze ku biro by'Umurenge wa Ndera bitarenze tariki ya **16/12/2026** saa tatu n'igice (9h30) za mugitondo gufungura amabahasha y'ipiganwa ni saa yine za mu gitondo (10h00) kuri iyo tariki.

Icyitonderwa : Abazatanga inyandiko z'ipiganwa, bazasurwa mu minsi yo gukora isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa mu rwego rwo kwegeranya amakuru y'ingenzi akenewe ku masoko ajyanye naho serivisi itangirwa.

Bikorewe i Ndera kuwa 12/11/2026.

MUGISHA Emmanuel
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ndera

ITANGAZO RY'ISOKO

ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L

SINELAC
Société Internationale D'Electricité des Pays des Grands Lacs

Bukavu, le 12/11/2026
Nº 878/2026

AVIS D'APPEL D'OFFRES *Nº SINELAC /003/2026*

TITRE : TRAVAUX D'AMELIORATION DE L'ADDUCTION EN EAU POTABLE DE LA CITE DES CADRES DE MUMOSHO

FINANCEMENT **: *SINELAC***
MAITRE DE L'OUVRAGE **: SINELAC**
Date de publication **: *13/11 /2026***
Date limite de dépôt des offres **: *07/12/2026 à10h00***
Date d'ouverture des offres techniques **: *07/12/2026 à 10h30***

1. La Société Internationale d'Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC » lance un avis d'appel d'offres pour les travaux ci-dessus mentionnés.

2. La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toutes les entreprises spécialisées dans le domaine, ressortissantes des pays de la CEPGL.

3. Le dossier d'appel d'offres peut être obtenu par mail : info@sinelac.org par les candidats, à partir du **06/11/2026**, sur présentation d'un Bordereau de versement de **Cent Dollars Américains (100 USD)**, non remboursables au compte ouvert au nom de la SINELAC :
   - Compte N°05170-01034144401-66 USD Ouvert à RAWBANK en RDC
   - Compte N°054-6031290-54 USD Ouvert à la Banque de KIGALI

4. Une visite obligatoire des lieux est prévue le **26/11/2026.** Le rendez-vous est fixé à la cité des cadres de Mumosho à **10h00**. La SINELAC répondra à toutes les demandes d'éclaircissements des soumissionnaires jusqu'au **02/12/2026. Les demandes d'éclaircissements doivent être adressées par écrit à l'adresse info@sinelac.org.**

5. Les offres bien dactylographiées rédigées en français accompagnées d'une garantie de soumission d'un montant égal à trois mille Dollars Américains (3000 USD) doivent être envoyées électroniquement à l'adresse mail cipm@sinelac.org au plus tard **le 07/12/2026 à 10h00**. La garantie de soumission doit être émise uniquement par une banque ou le bordereau de versement de ce montant dans l'un des comptes de la SINELAC mentionnés ci-

BURUNDI R.D.CONGO RWANDA
Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org

6. Les offres resteront valides pendant une période de **90 jours** à partir de la date limite de dépôt des offres. L'ouverture des offres aura lieu le 07/12/2026 à 10h30. L'ouverture des offres financières aura lieu à une date communiquée ultérieurement aux seuls soumissionnaires dont l'offre technique aura été jugée conforme.

12/11/2026 14:08
BUNANI MUZIBANYI Richard
Directeur Administratif et Financier

12/11/2026 13:32
NDAYISABA Fidèle
Directeur Général

ITANGAZO RY'ISOKO

ORGANISME SPECIALISE DE LA C.E.P.G.L

SINELAC
Société Internationale D'Electricité des Pays des Grands Lacs

Bukavu, le 12/11/2026
Nº 877/2026

AVIS D'APPEL D'OFFRES N° SINELAC/002/T/2027

Titre : TRAVAUX DE CONSTRUCTION DES CANIVEAUX DES EAUX DE PLUIE A LA CITE DES CADRES DE MUMOSHO, CONSTRUCTION D'UNE GUERITE A LA CENTRALE HYDROELECTRIQUE RUZIZI II ET FIXATION D'UN PORTAIL AVEC GRILLAGE A LA PRISE D'EAU ; ET CONSTRUCTION D'UN FILET D'EAU SUR LA ROUTE ALLANT A LA CENTRALE HYDROELECTRIQUE RUZIZI II PHASE 2

FINANCEMENT **: *SINELAC***
MAITRE DE L'OUVRAGE **: SINELAC**
Date de publication **: *13/11 /2026***
Date limite de dépôt des offres **: *07/12/2026***
Date d'ouverture des offres techniques **: *07/12/2026***

1. La Société Internationale d'Electricité des Pays des Grands Lacs, en abrégé « SINELAC » lance un avis d'appel d'offres pour les travaux ci-dessus mentionnés. Le marché est divisé en trois (3) lots : Lot 1 : Travaux de construction des caniveaux des eaux de pluie à la Cité des cadres de Mumosho ; Lot 2 : Travaux de construction d'une guérite à la Centrale hydroélectrique Ruzizi II et fixation d'un portail avec grillage à la prise d'eau ; Lot 3 : Travaux de construction d'un filet d'eau sur la route allant à la Centrale hydroélectrique Ruzizi II Phase 2. Les soumissionnaires peuvent soumissionner pour un ou plusieurs lots ; chaque lot fait l'objet d'une offre et d'un contrat distincts.

2. La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toutes les entreprises spécialisées dans le domaine, ressortissantes des pays de la CEPGL.

3. Le dossier d'appel d'offres peut être obtenu par mail : info@sinelac.org par les candidats, à partir du **13/11/2026**, sur présentation d'un Bordereau de versement de **Cent Dollars Américains (100 USD)**, non remboursables au compte ouvert au nom de la SINELAC :
   - Compte N°05170-01034144401-66 USD Ouvert à RAWBANK en RDC
   - Compte N°054-6031290-54 USD Ouvert à la Banque de KIGALI

4. Une visite obligatoire des lieux est prévue le **26/11/2026.** Le rendez-vous est fixé à la cité des cadres de Mumosho à 12h00. La SINELAC répondra par écrit à toutes les demandes d'éclaircissements des soumissionnaires reçues par écrit jusqu'au **02/12/2026.**

5. Les offres bien dactylographiées rédigées en français accompagnées d'une garantie de soumission d'un montant égal à mille cinq cents Dollars Américains (1

BURUNDI R.D.CONGO RWANDA
Tél : + 250 788500415 E-mail : info@sinelac.org Website:www.sinelac.org

offres financières. .

6. Les offres resteront valides pendant une période de **90 jours** à partir de la date limite de dépôt des offres. L'ouverture des offres techniques aura lieu **le 07/12/2026 à 11h30** ; la date d'ouverture des offres financières sera communiquée ultérieurement aux seuls soumissionnaires dont l'offre technique aura été jugée conforme.

12/11/2026 14:11
BUNANI MUZIBANYI Richard
Directeur Administratif et Financier

NDAYISABA Fidèle
Directeur Général

ITANGAZO RY'ISOKO

HUYE TRADING COMPANY Ltd
NGOMA SECTOR, HUYE DISTRICT
TIN:120201735
CONTACTS: 0793039320
E-mail:huyetradingcompanyltd@gmail.com

ITANGAZO RY'ISOKO

Huye Trading Company Ltd ikorera mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Huye, Umurenge wa Ngoma, Akagari ka Kabutare, Umudugudu wa Gasoro; irashaka gutanga isok kuri ba Rwiyemezamirimo bo mu Rwanda nabo mu mahanga bashoboye kandi bujuje ibyangombwa, bafite uburambe.

Iryo soko ni iri rikurikira:

1. Isoko ryo kugura no gukora "installation" ya "lifts" ebyiri na "Escalator" imwe mu nzu iri kubakwa yitwa"**Huye Business Mall**".

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iri soko cyishyurwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (**Frw 10,000**) kuri konti nomero **20089736001** ya **HUYE TRADING COMPANY LTD** iri muri **I&M Bank.**

Abifuza gupiganira iri soko bazaza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iri soko guhera ku wa 17/11/2026 kugeza ku wa 23/11/2026 i saa tanu (11:00 am) kandi bakaza bitwaje bordereau yishyuriweho amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (**Frw 10,000**) yo kugura igitabo.

Abashaka gupiganira iri soko bazaza gusura ahazakorerwa imirimo ku wa kabiri, tariki ya 17/11/2026 i saa munani (14:00 pm) zuzuye. Abatazasura ntibemerewe kuzaza mu ipiganwa. Abujuje ibisabwa bazazana ibyangombwa n'ibiciro byabo ku wa 23/11/2026 i saa saba (13:00 pm) zuzuye ku biro bya Huye Trading Company Ltd.

Bikorewe i Huye, ku wa 10/11/2026

NIYONZIMA Albert
Umuyobozi Mukuru wa " Huye Trading Company Ltd"

TIN: 120201735 CONTACTS: 0793039320 E-mail:huyetradingcompany@gmail.com

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA GISAGARA
UMURENGE WA MUSHA
MUSHA ADVENTIST TECHNICAL SECONDARY SCHOOL
TEL.: 0788674542/0728674542
Email:mushadventcollage@gmail.com

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

IZINA RY'ISOKO : Kugemura ibikoresho bishira (consomables) bikoreshwa mu masomo y'ubumenyingiro mu mashami akurikira :

- **Ishami ry'ubwubatsi,**
- **Ishami ry'amashanyarazi**

Ubuyobozi bw'Ishuri rya Musha Adventist Technical Secondary School (MATSS) ribereyeye mu Murenge wa Musha, Akarere ka Gisagara, Intara y'Amajyepfo burahamagarira abantu bose, Amasosiyete, Amakoperative n'Amashyirahamwe bifuza gupiganira isoko ryo :

- **Kugemura ibikoresho bishira mu ishami ry'ubwubatsi,**
- **Kugemura ibikoresho bishira mu ishami ry'amashanyarazi.**

Bizakoreshwa mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027 kuva mu ntango z'igihembwe cya kabiri kugeza umwaka w'amashuri 2026-2027 urangiye.
Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera taliki ya 13/11/2026 saa tatu za mu gitondo kugeza taliki ya 20/11/2026 saa kumi n'imwe za nimugoroba, bamaze kwerekana inyemeza bwishyu y'amafaranga ibihumbi bitanu by'amanyarwanda (5,000 Frw) adasubizwa, ashyirwa kuri konti Nº 120900 iri mu Umwalimu Sacco.
Amabahasha akubiyemo ibiciro kandi afunze neza, arimo ibitabo bitatu (umwimerere na kopi 2), bifungiye mu bihasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'iryo shuri taliki ya **04/12/2026 saa yine zuzuye (10H00')** za mu gitondo.
Gufungura ayo mabahasha bizakorwa kuri uwo munsi, taliki ya **04/12/2026** Saa tanu zuzuye **(11H00')** z'amanywa ku kicaro cy'iryo shuri.

Bikorewe i Musha, ku wa 09/11/2026
Umuyobozi w'Ishuri
SEHIGIRI Jackson

SEVENTH-DAY ADVENTIST CHURCH M.A.T.S P.O Box 279 BUTARE

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIKA Y'U RWANDA Kabuye ,kuwa 13/11/2026

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
IKIGONDERABUZIMA CYA KABUYE
Email:kabuyehealthcenter@gmail.com

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO No:001/KABHC/HYG/2026-2027

Ikigonderabuzima cya Kabuye kirahamagarira ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira **ISOKO RY'ISUKU.**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iri soko kizaboneka muri bureau y'umuyobozi w'ikigonderabuzima guhera ku itariki ya 20/11/2026 habanje gutangwa urupapuro rwishyuriweho amafaranga adasubizwa ibihumbi icumi(10.000) kuri compte No:**425251065710184** iri muri banki y'abaturage yitwa **centre de sante kabuye/Fonctionnement**.

Gusura Ikigonderabuzima bizakorwa kuri iyo tariki ya 20/11/2026 saa 14h00-14h30. italiki n'isaha byo gufungura ibitabo ni 04/12/2026 sa 14h00 zuzuye,abazakererwa ibitabo byabo ntibizakirwa.

Bikorewe I Kabuye kuwa 13/11/2026

Umuyobozi w'Ikigonderabuzima cya Kabuye.

MAGERA Delphine

ITANGAZO RY'ISOKO

Republika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

UMURENGE WA NYARUBAKA

ITANGAZO RY'ISOKO Nº 01/WNYRBK/11/2026 , RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA ISOKO RYO" GUSANA INYUBAKO Y'IBIRO BY'AKAGARI KA NYAGISHUBI, MU MURENGE WA NYARUBAKA"

UMUTERANKUNGA: AKARERE KA KAMONYI

UBUYOBOZI BW'UMURENGE WA NYARUBAKA MU KARERE KA KAMONYI, BURAHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABISHOBOYE GUPIGANIRWA ISOKO RYO **"GUSANA INYUBAKO Y'IBIRO BY'AKAGARI KA NYAGISHUBI"**

IMIRIMO IZAKORWA BIBONEKA MU GITABO CYATEGUWE N'UMURENGE WA NYARUBAKA MU BUNYAMABANGA BW'UMURENGE HAMAZE KWISHYURWA AMAFARANGA IBIHUMBI ICUMI (**10,000F**) ADASUBIZWA KURI KONTI Y'AKARERE KA KAMONYI, UNYUZE KU IREMBO.

AMABAHASHA AFUNZE NEZA Y'ABAPIGANWE AZAGEZWA MU BIRO BY'UBUNYAMABANGA BW'UMURENGE BITARENZE KUWA MBERE TARIKI YA 23/11/2026 SAA YINE ZUZUYE (10H00). UZAZA NYUMA Y'IYI SAHA NTAZAKIRWA.

AMABAHASHA AZAFUNGURIRWA MU RUHAME KURI UWO MUNSI WO KUWA 23/11/2026 SAA YINE N'IMINOTA MIRONGO ITATU ZUZUYE (10H30) MU CYUMBA CY'INAMA CY'UMURENGE WA NYARUBAKA.

BIKOREWE I NYARUBAKA KUWA 11/11/2026
MINANI JEAN PAUL
UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'UMURENGE WA NYARUBAKA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Sosiyete ishamikiye kuri Kaminuza y' u Rwanda; **UR-HOLDINGS GROUP LTD,** iramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko ishaka kugurisha mu cyamunara ibikoresho bitagikoreshwa bigizwe ahanini n'ibikoresho byo mu biro no mu mashuri bigizwe n'intebe, ameza n'utubati, (**Chairs, sofas, tables and filling cabinets**), Ibitanda bikoze mu byuma (**metal beds**), Inzugi zikoze mu mbaho (**Wooden Doors**), ibyuma bishaje (**Metallic Scraps**), Imbaho zishaje (**Wooden Scraps**), Purasitike zishaje (**Plastic Scraps**), Ibikoresho by'ubwubatsi bitandukanye (**Assorted construction materials**), Ibikoresho bya polomberi byakoreshejwe (**Used plumbing appliances and accessories**), Imashini zitanga amashanyarazi (**Power Generators**), Matela zakoreshejwe (**Used mattresses**), Amapine y'imodoka (**Vehicle tyres**), Bateri zakoreshejwe (**Used batteries**), Ibikoresho byifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro (**Fire extinguishers**), Ibikoresho bikoreshwa kwa muganga (**Medical equipment**), Imashini zimesa (**Washing Machine**), '**Air compressors**', **Amagare akorehwa n'abafite ubumuga (Wheelchairs)**, n'ibindi bikoresho bitandukanye.

Urutonde rurambuye rw'ibikoresho byose bigurishwa muri icyi cyamunara, aho bihereyeye n'ingano yabyo biboneka ku rubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website).

Ibyo bikoresho bihereyeye ku **mashami ya Kaminuza y'u Rwanda ariyo: UR Huye Campus, UR Busogo Campus, UR Nyarugenge Campus, UR Gikondo Campus ndetse no ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group LTD**

Cyamunara (Public Auction) izakorwa biciye mu buryo bw'ipiganwa bukoresheje amabahasha afunze (Bidding through sealed envelopes).

Gusura ibyo bikoresho aho bihereyeye biteganyijwe mu minsi y'akazi guhera kuwa **Mbere, taliki ya 16 Ugushyingo 2026** kugeza kuwa **Mbere, taliki ya 23 Ugushyingo 2026**, **guhera saa yine za mugitondo (10:00AM) kugeza saa saa kumi za nimugoroba (16:00).**

Gusoza gutanga amabahasha afunze neza, akubiyemo ingwate y'ipiganwa biteganyijwe kuwa Mbere, taliki ya 23 Ugushyingo 2026 saa 17:00, ku isaha yo mu Rwanda. Amabahasha afunze neza, agaragaza site (s) upigana yapiganiye azatangwa ku cyicaro gikuru cya UR HOLDINGS GROUP LTD, gihereyeye mu ishami rya Kaminuza y'u Rwanda, rya Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus), mu nyubako ya Ikaze (Ikaze Building), etaji ya mbere (1st floor), umuryango wa 105 (Logistics Office).

Ibiciro bya buri site bitangwa mw'ibahasha yabyo yihariye, bivuze ko site 1 igira ibahasha 1.

Cyamunara iteganyijwe ku matariki akurikira:

- **Taliki ya 24 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihereyeye ku ishami rya UR Huye (UR Huye Campus).
- **Taliki ya 25 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihereyeye ku ishami rya UR Busogo (UR Busogo Campus)

P.O. Box 7575 Kigali Rwanda. Tel: (250)786689121/ 0782021417/0788317400
Email fm.urhg@gmail.com /ceo.urholdings@gmail.com , RDB company Code: 102450793

- **Taliki ya 26 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihereyeye ku ishami rya UR Nyarugenge (UR Nyarugenge Campus) hamwe n'ibikoresho bihereyeye ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group Ltd.
- **Taliki ya 27 Ugushyingo guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM)**: Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihereyeye ku ishami rya UR Gikondo (UR Gikondo Campus).
- **Taliki ya 30 Ugushyingo 2026 guhera saa yine za mugitondo (10:00 AM):** Hazagurishwa mu cyamunara ibikoresho bihereyeye ku cyicaro gikuru cya UR-Holdings Group Ltd.

Icyitonderwa: Cyamunara yose izabera ku cyicaro gikuru cya Kaminuza y'u Rwanda (UR Head Office) gihereyeye I Nyarugenge (KN 75 Street)

Abifuza ibindi bisobanuro ndetse n'amabwiriza bigendanye n'icyi cyamunara, barasabwa gusura urubuga rwa Kaminuza y'u Rwanda (UR Website) arirwo: https://ur.ac.rw banyuze ahanditse "Announcements".

Murakoze

Bikorewe I Kigali kuwa 12 Ugushyingo 2026

Nzgisse MUGESERA
Umuyobozi Mukuru (CEO)
UR Holdings Group Ltd

P.O. Box 7575 Kigali Rwanda. Tel: (250)786689121/ 0782021417/0788317400
Email fm.urhg@gmail.com /ceo.urholdings@gmail.com , RDB company Code: 102450793

ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Me Kamali Jean Paul

INYANDIKO MVUGO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA

Umwaka wa 2026, ukwezi kwa 11, umunsi wa 10

Twebwe Me KAMALI Jean Paul, umuhesha w'inkiko w'umwuga, ukorera mu karere ka Gasabo,

Tubisabwe na MUKOMBOZI Emmy,

Nshingiye ku Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Mu ngingo yaryo ya 148,

Nshingiye ku rubanza rubanza RC 00387/2024/TGI/NYGE rwaciwe n'urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge kuwa 27/07/2026,

Menyesheje NYIRABIZEYIMANA Olive imikirize y'urubanza RC 00387/2024/TGI/NYGE rwaciwe n'urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge kuwa 27/07/2026, yarezerwemo na NGENDAHIMANA George Prince na NGENDAHIMANA Erneste.

NB : Imikirize y'urubanza twavuze haruguru murayisanga muri kopi y'arwo iri ku mugereka wiyi nyandiko.

Me KAMALI Jean Paul
Umuhesha w'inkiko w'umwuga

Umunyeshejwe :

- **NYIRABIZEYIMANA Olive**

ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Republika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

URUKIKO RW'UBUJURIRE

ITEGEKO Nº...../2026/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KWITABIRA INAMA NTEGURARUBANZA

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itandatu **(2026),** umunsi wa **10** w'ukwezi k'**Ugushyingo**;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA François Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko urubanza **Nº RCOMAA 00037/2026/CA**, haburana GAKWAYA Aloys na EQUITY BANK RWANDA Plc, NDATINYA Vedaste n'Ikigo cyIgihugu Gishinzwe Ubutaka ruzakorerwa inama ntegurarubanza ku wa **17/01/2027** saa yine **(10H00);**

Tumaze kubona ko **NDATINYA Vedaste** adafite aho abarizwa hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

Dushingiye ku ngingo za **26 ibika bya1-3,45,46,** n'iya **49 igika cya 2** z'Itegeko **N° 22/2018** ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko ihamagara rya **NDATINYA Vedaste** rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ubujurire.

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Digitally signed by COA(President of COA)
Date: 2026.11.11 14:16:05 +02'00'

Date: 2026.11.11 15:19:22 +02'00'

RUKUNDAKUVUGA Francois Régis
Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire

UWANTEGE Yvette
Umwanditsi Mukuru

ITANGAZO RY'AKAZI

RAB
Rwanda Agriculture & Animal Resources Development Board

On...03.../...11.../2026
Ref:.153.../11/26/RS/Coord/SPIU/CDAT

NOTICE

Request for Expression of Interest (REOI) for Hiring a Service Provider to Design, Supply and Install Small-Scale Irrigation Systems under the Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project (CDAT).

Government of Rwanda has received a credit from the International Development Association (IDA) to implement the **Commercialization and De-risking for Agricultural Transformation Project** (CDAT) and intends to use a portion of this credit to finance the design, supply and installation of Small-Scale Irrigation systems, as well as Gravity-Fed Irrigation systems.

The Rwanda Agriculture and Animal Resources Development Board (RAB), through its Single Project Implementation Unit (SPIU) and the CDAT Project, invites eligible and qualified Small-Scale Irrigation Technology (SSIT) Service Providers capable of effectively designing, supplying, installing and supporting irrigation systems for end users to submit Expressions of Interest.

The minimum eligibility criteria include:

Section I - Mandatory Eligibility (Pass/Fail)

No.	Requirement	Submitted (Yes/No)	Pass/Fail
i.	Expression of Interest (EoI) letter submitted by the Bidder in its capacity as a company. In the case of a Joint Venture (JV), the EoI shall be submitted in the name of the Joint Venture and accompanied by a Power of Attorney and a Joint Venture Agreement, both duly signed and notarized by the competent authority responsible for company registration.		
ii.	Certificate of domestic company registration for local company or Trade license/certificate of incorporation for international company (in case of Joint venture, each partner shall be providing this document) in similar/specific activities		
iii.	No Debarment by Government and World Bank		

Section II - Technical Capacity

No.	Criterion	Score	Comments
i.	Manufacturer Authorization for key equipment including Irrigation pumps, solar panels, dam sheets, pipes, and fittings.		
ii.	Warranty Commitment for 12 months		
iii.	Standards & Certifications for irrigation equipment confirmed by an inspection report issued by RICA		
iv.	Spare Parts Availability commitment		
v.	Commitment to not subcontract any of his assignment		
vi.	Commitment to support beneficiary in conducting the field reconnaissance, topo survey, design and preparation of the bill of quantity estimation. The BoQ must be verified and approved by the CDAT Project Engineer and the beneficiary.		
vii.	Specific experience in supply and installation of SSIT equipment proven by certificate of good completion and their contracts.		

Section III - Financial Capacity

No.	Criterion	Score	Comments
i.	Commitment to provide the performance security of 10% of the contract amount but not less than 20,000,000 FRW to the beneficiary before contract signature.		

Section IV - After-Sales Service, Training & Environmental, Social and Governance

No.	Criterion	Score	Comments
i.	Commitment of After-Sales Service		
ii.	Training Plan		
iii.	Commitment to adhere to Environmental & Social Practices		

Interested SSIT Service Providers are requested to submit available documentation/proof in line with the above described requirements.

The technical specifications may be obtained online on the http://www.fwh-rssp.minagri.gov.rw/ and http://www.rab.gov.rw/

All Expression of Interests (EOI) will be submitted at SPIU-RAB Head Office located at Kigali-City, Gasabo District, Kacyiru Sector, Blue Star House, 35KG 7 Ave Kigali. The deadline for submission is scheduled on **19th November 2026** at **4:00 pm local time.** All interested Service Providers may obtain any other complementary information in writing using email: infospiu@rab.gov.rw or contact 0788433311 or 0788407891, before the fixed deadline for the submission of EOI.

Done at Kigali, on ....03. | November. | 2026

RWAMULANGWA Stephen
Coordinator, SPIU- RAB

ITANGAZO RY'ISOKO

AKARERE KANYANZA
UMURENGE WA MUYIRA
P.O.BOX:43 NYANZA
Tel: 0788923931 /0788503510

ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA ISOKO Nº2/2026-2027

IZINA RY'ISOKO : KUGEMURA IBIRIBWA BIRAMBA, IBIKORESHO BYO MU BIRO N'IBY'ISUKU N'IBIKORESHO BYO GUSANA INYUBAKO Z'ISHULI MU ISHULI RYA E.A.V MAYAGA IGIHEMBWE CYA KABIRI UMWAKA W'AMASHULI WA 2026-2027.

Ubuyobozi bwa **E.A.V Mayaga** burahamagarira abacuruzi, amasosiyeti n'amakoperative babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko ryo << **Kugemura ibiribwa biramba, ibikoresho byo mu biro n'iby'isuku n'ibikoresho byo gusana inyubako z'ishuli bizakenerwa n'ishuli rya E.A.V Mayaga mu gihembwe cya kabiri umwaka w'amashuli wa 2026-2027. Iryo shuli rikorera mu kagari ka Nyundo, Umurenge wa Muyira ,Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo. Ibitabo by'isoko bizaboneka mu bunyamabanga bw'iryo shuli guhera taliki ya 09/11/2026 kugeza taliki ya 08/12/2026 Saa yine (10h00), hishyuwe amafaranga ibihumbi bitanu (5000) adasubizwa kuri konti Nº 100000462197 iri muri BK. Gufungura amabahasha mu ruhame ni taliki ya 08/12/2026 Saa 10h30 mu cyumba cy'inama cy'ishuli.**

Bikorewe i Muyira, ku wa 09/11/2026.

Padiri Emmanuel NIKOMEZE
Umuyobozi w'ishuli rya E.A.V Mayaga

ITANGAZO RY'ISOKO

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA KIREHE
UMURENGE WA GATORE
GS RWANTONDE TSS

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri rya GS RWANTONDE TSS rihereyeye mu Karere ka Kirehe, Umurenge wa Gatore, Akagari ka Rwantonde, umuduguda wa Mitoyi, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babishoboye kandi babifitiye ibyangombwa, ko bwifuza gutanga isoko mu buryo bukurikira:

- Isoko **No: 001/GS RWANTONDE TSS G/S 2026** ryo kugemura ibikoresho bishira byifshishwa muri pratique ku banyeshuri bo mu myuga n'ubumenyingiro (Training Consumables).

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kuri iri soko kiraboneka mu bunyamabanga rusange bw'ishuri rya GS RWANTONDE TSS kuva kuwa 11/11/2026 mu masaha y'akazi. Ugihabwa abanza kwishyura amafaranga adasubizwa **(10,000 Frw)** ashyirwa kuri compte **No: 90000-96697-00** ya GS RWANTONDE TSS ibarizwa mu **UMWALIMU SACCO**. Amabahasha afungiyemo ibisabwa mu ipiganwa, agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga rusange bw'ishuri rya GS RWANTONDE TSS bitarenze kuwa 02/12/2026 saa tanu zuzuye (11h00'). Amabahasha azazanwa nyuma y'iyo saha yavuzwe ntazakirwa. Umuhango wo gufungura amabahasha uzaba saa sita zuzuye (12h00') mu ruhame rwa bose kuri iyo tariki yavuzwe haruguru.

Ubuyobozi bw'ishuri rya GS RWANTONDE TSS buboneyeho kumenyesha ba Rwiyemezamirimo ko kuri iyo tariki y'ipiganwa hazabaho igikorwa cyo kwiyandikisha ku rutonde rwa ba Rwiyemezamirimo bazajya basabwa ibiciro mu gihe hatanzwe amasoko atanyuze mu ipiganwa risesuye.

Bikorewe i Gatore kuwa 11/11/2026

Umuyobozi w'ishuri

HARERIMANA Gaspard

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

BPIL Law Firm
Professional Bailiff Office
E-mail: bpil.nedi@gmail.com; Phone: +250 788 465 853; KIGALI-RWANDA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA PLOT 9650

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA Nº : PMT -2026-976892 CYO KU WA 06/10/2026 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA URWEGO FINANCE C ;

HASHINGIWE KU MABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU Nº 001/2020/ORG YO KU WA 12/06/2025 AGENGA IBYEREKEYE GUKODESHA KUGURA MU CYAMUNARA NDETSE NO KWEGUKANA INGWATE NK'UKO BYAVUGURUWE KUGEZA UBU ;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me CLAUDINE BANKUNDIYE** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO

HAZAGURISHWA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UBARUYE KURI UPI : **UPI:1/02/10/03/9650**

UHEREREYE MU MUDUGUDU WA GIHEKA, AKAGARI KA KAGUGU , UMURENGE WA KINYINYA, AKARERE KA GASABO , UMUJYI WA KIGALI ;

UWO MUTUNGO IKIBANZA GIFITE UBUSO BW'UBUTAKA BUNGANA NA **478 SQM,** AGACIRO FATIZO KANGANA **14,300,000 FRW**

IPIGANWA MU CYAMUNARA RITEYE KU BURYO BUKURIKIRA :

INCURO/ ROUNDS	ITARIKI CYAMUNARA ITANGIRIRAHO	ITARIKI CYAMUNARA IRANGIRIRAHO	ISAHA
Round 2	12/11/2026	19/11/2026	11H00'
Round 3	21/11/2026	28/11/2026	11H00'

IPIGANWA RIKORWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA , KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO MUZASANGA IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO.
UPIGANWA MURI CYAMUNARA AGOMBA KUBANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** Y'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA ANGANA NA **715,000 FRW,** YISHYURWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA URUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO HAKOMOKA KODE YO KWISHYURIRAHO.
UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AMAFARANGA YISHYURWA KURI KONTI **Nº 100250096687** IFUNGUYE MURI BANKI YA KIGALI **(BK)** MU MAZINA YA **P&A/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA**
GUSURA UWO MUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.
KUBINDI BISOBANURO MWABARIZA KURI NIMERO YA TELEPHONE:**0788469853**
BIKOREWE I KIGALI KUWA 11/11/2026

Me CLAUDINE BANKUNDIYE
USHINZWE KUGURISHA INGWATE

RECEIVER Me BANKUNDIYE Claudine

TIN: 119771564 Kigali – Rwanda -Nyarugenge -Nyamirambo

Abarenga 500 bapfuye, barabitswe hategerejwe kuba bazazurwa n'ikoranabuhanga ry'ahazaza



Cyronics ni uburyo umubiri w'umuntu ukonjeshwa kuri dogere Selisiyusi -196 biwurinda kwangirika hategerejwe ko ikoranabuhanga ry'ahazaza rizamuzura

MICOMYIZA BARINDA Fidele

Uko ibinyejana bisimburana ni ko ikoranabuhanga rikomeza gutera imbere, abantu bakarushaho gushaka ibisubizo ku bibazo byagiye bibahangayikisha kuva kera, birimo n'urupfu. Kugeza ubu nta buryo buraboneka bushobora gusubiza ubuzima umuntu wapfuye, hari abahitamo ko imibiri yabo ibikwa mu bukonje bukabije, bizeye ko ikoranabuhanga ry'ahazaza rizabasha kubazura.

Ubu buryo buzwi nka Cryonics, aho abarenga 500 babitse nyuma yo gupfa mu bigo byabugenewe hirya no hino ku Isi.

Cryonics ni uburyo bwo kubika umubiri w'umuntu cyangwa ubwonko bwe mu bukonje bukabije nyuma yo gutangazwa ko yapfuye mu buryo bwemewe n'amategeko, hagamijwe kurinda uturemangingo tw'umubiri kwangirika cyane, mu gihe hategerejwe ko ubuvuzi bw'ahazaza buzashobora kumusubiza mu buzima.

Igitekerezo cyo kubika abantu bapfuye bizeye kuzazurwa cyamamajwe cyane n'Umunyamerika Robert Ettinger, wari umwarimu w'Ubugenge. Mu 1962, yasohoye igitabo yise "The Prospect of Immortality", agaragazamo igitekerezo cy'uko abantu bashobora kubikwa mu bukonje bukabije, bakazongera kubaho igihe siyansi izaba imaze gutera imbere.

Ettinger yatekerezaga ko nubwo ubuvuzi bw'icyo gihe butashoboraga gukiza indwara zimwe na zimwe, ikoranabuhanga ry'ahazaza rishobora kuzabasha kuvura izo ndwara no gusana ibice by'umubiri byangiritse, bigatuma umuntu wapfuye agarurwa mu buzima.

Umuntu wa mbere wabitswe muri ubu buryo ni James Hiram Bedford, umwarimu w'imitekerereze n'imikorere y'ubwonko, wo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, wapfuye ku wa 12 Mutarama 1967 azize kanseri. Icyo gihe yari afite imyaka 73.

Bedford yari yarasomye igitabo cya Ettinger, yiyemeza ko nyuma y'urupfu rwe umubiri we uzabikwa mu bukonje bukabije, kugira ngo uzazurwe igihe siyansi izaba imaze kuvumbura uburyo bwo gukiza indwara zari zamwishe.

Nyuma yo gutangazwa ko yapfuye, itsinda ry'abaganga n'abandi bari bashinzwe icyo gikorwa batangiye kumukonjesha, nyuma umubiri we ubikwa muri Nitrogen iri mu miterere y'amazi, mu bukonje bwa dogire Selisiyusi -196.

Kugeza ubu, Bedford aracyabarirwa mu bantu babitswe muri ubwo buryo, kandi ni we ufatwa nk'umuntu wa mbere wigeze gukorerwa icyo gikorwa hagamijwe kuzazurwa mu gihe kizaza.

Ibyibanze ngo umuntu abikwe

Kugira ngo umuntu abikwe muri ubu buryo, agomba kubitegura akiri muzima, akiyandikisha mu kigo gitanga izo serivisi, agasinyana na cyo amasezerano agaragaza ubushake bwe, ndetse akanategura uburyo bwo kwishyura.

Iyo apfuye, urupfu rwe rubanza kwemezwa n'abaganga mu buryo bwemewe n'amategeko, hanyuma itsinda ry'ababishinzwe rigatangira kumukonjesha vuba bishoboka kugira ngo rigabanye kwangirika kw'ubwonko n'utundi turemangingo.

Mu kubika umubiri, hakoreshwa imiti yihariye yitwa Cryoprotectants, isimbura amwe mu mazi ari mu mubiri, hagamijwe kugabanya kwangirika kw'uturemangingo guterwa n'ubukonje bukabije cyangwa urubura.

Nyuma y'ibyo, umubiri ukomeza gukonjeshwa kugeza ugeze ku bukonje bwa dogere Selisiyusi -196, ukabikwa mu bikoresho byabugenewe bizwi nka Dewars, birimo Nitrogen iri mu miterere y'amazi.

Ibyo bikoresho bisaba gukurikiranwa no kongererwa Nitrogen kugira ngo ubukonje bukomeze kuba ku rwego rukenewe.

Nubwo bisa n'igitekerezo kiri kure y'ubushobozi bw'abantu benshi, Cryonics imaze kugira ibigo biyitanga, birimo Alcor Life Extension Foundation na Cryonics Institute, bihereyeye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Imibare bitangaza igaragaza ko Alcor ifite abantu 263 bamaze kubikwa muri ubu buryo, mu gihe Cryonics Institute ivuga ko ifite abarenga 250. Ibyo bigaragaza ko ibyo bigo byombi byonyine bifite abantu nibura 513 babitswe mu bukonje bukabije.

Kubika umuntu muri ubu buryo bisaba amafaranga menshi, bitewe n'ikigo yahisemo n'igice cy'umubiri ashaka ko kibikwa.

Bisaba angahe ngo umubiri w'umuntu ubikwe?

Cryonics Institute itangaza ko kubika umubiri wose bisaba amadolari ya Amerika 28 000 ku banyamuryango bishyuye ifatabuguzi ry'igihe cyose, mu gihe Alcor itangaza ko kubika ubwonko n'umutwe gusa bisaba amadolari ya Amerika 80 000, naho kubika umubiri wose bigasaba amadolari ya Amerika 220 000.

Abantu benshi bakoresha ubwishingizi bw'ubuzima kugira ngo ayo mafaranga azishyurwe nyuma y'urupfu rwabo, aho kuyishyura yose bakiri bazima.

Abahisemo ubu buryo baba bizeye ko ikoranabuhanga rizakomeza gutera imbere, rikazashobora gusana ubwonko n'utundi turemangingo tw'umubiri byangiritse, kuvura indwara zabahitanye ndetse rikongera gusubizaho imikorere y'umubiri.

Bamwe mu bashyigikiye Cryonics bemeza ko icy'ingenzi ari ukubungabunga ubwonko, kuko ari bwo bubitse amakuru ajyanye n'ibyo umuntu yibuka, ibitekerezo bye n'imiterere ye. Bityo, icyifuzo cyabo si ukongera guhumeka gusa, ahubwo ni ukugaruka mu buzima bakiri abantu bari bo mbere.

Icyakora, kugeza ubu nta muntu wari warapfuye, akabikwa muri Cryonics, ngo nyuma azurwe agaruke mu buzima. Nta bushakashatsi buragaragaza ko kubika umubiri w'umuntu wose ku bukonje bwa dogere Selisiyusi -196 bishobora gutuma uzongera gukora nk'uko byari bimeze mbere.

Nubwo siyansi imaze gutera intambwe mu kubika no kongera gukoresha uturemangingo, intanga ngore, intanga ngabo n'ingingo zimwe na zimwe z'ibinyabuzima, gusubiza umuntu wapfuye mu buzima biracyari imbogamizi ikomeye.

Uretse ibyo, hari n'ibindi bibazo bitarabonerwa ibisubizo birimo kumenya niba ibigo bibika abo bantu bizakomeza gukora mu myaka amagana iri imbere, niba bizashobora gukomeza kubungabunga imibiri yabo ndetse n'icyo bizasaba ikoranabuhanga kugira ngo rishobore kubazura.

Cryonics ikomeje kuba imwe mu ngero zigaragaza uko ikiremwamuntu gikomeje kugerageza kwagura imipaka y'ubushobozi bwa siyansi.

Abayihisemo bayifata nk'amahirwe ashobora kuzabaha ubundi buzima, mu gihe ku rundi ruhande nta gihamya kiraboneka ko ibyo byiringiro bizagerwaho.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

Active Again igiye kongera gusu-surutsa abakunzi bayo muri BK Arena



Abahanzi bagize itsinda Active Again

MUTETERAZINA Shifah

Itsinda rya Active Again rigizwe n'abarimo Derek Sano, Tizzo Prem na Olvis Mugabo ryashyizwe ku rutonde rw'abahanzi bazataramira Abanyarwanda mu gitaramo cyo kwizihiza imyaka 60 Banki ya Kigali imaze ikorera mu Rwanda cyiswe BK60, kizabera muri BK Arena ku wa 5 Ukuboza 2026.

Amakuru y'uko iri tsinda rizagaruka ku rubyiniro yatangajwe n'abari gutegura icyo gitaramo babinyujije ku mbuga nkoranyambaga kuri uyu wa 11 Ugushyingo 2026, bagaragaza ko batifuza ko abakunzi b'umuziki bibagirwa aba basore n'indirimbo zabo zakunzwe.

Mu butumwa bashyize hanze ku wa Kane tariki 11 Ugushyingo 2026, banditse bati: "Active Again! Ntitwatuma mwibagirwa aba basore n'indirimbo zabo nziza mwakunze!"

Iri tsinda ryiyongereye ku bandi bahanzi bari bamaze gutangazwa bazataramira muri iki gitaramo barimo Bruce Melodie na Tuff Gang. Active yatangiye urugendo rw'umuziki mu 2013, igizwe na Derek Sano, Tizzo Prem na Olvis Mugabo. Mu myaka yakurikiyeho, yigaruriye imitima y'abakunzi b'umuziki nyarwanda, by'umwihariko urubyiruko, binyuze mu ndirimbo zibyinitse zarangaga ibitaramo byayo.

Mu ndirimbo zatumye imenyekana harimo 'Udukoryo Twinshi', 'Waga Waga' yakoranye na Vampino, 'Amafiyeri' yakoranye na Barnaba Classic, 'Go Mama' yakoranye na Mwana FA, 'Lift', 'Active Love' na 'Online Love'.

Mu 2018, ibikorwa by'itsinda byatangiye kugenda bigabanyuka nyuma y'uko Derek Sano yari agiye kwiga umuziki mu Ishuri rya Nyundo, mu gihe abandi na bo bakomezaga kwiyungura ubumenyi mu bikorwa bitandukanye.

Mu 2021, abagize Active bongeye guhurira hamwe, basohora umuzingo mugufi w'indirimbo (Extended Play [EP]) bise 'Activity' yari igizwe n'indirimbo eshatu zirimo 'Amabara', 'Madamazela' na 'Tequiero'. Icyo gihe banatangaje ko ibihuha by'uko batandukanye bitari ukuri, ahubwo ko bari bafashe akaruhuko kugira ngo bongere gutegura neza ibikorwa byabo.

Nyuma y'aho bashyize hanze ndirimbo bise 'DADA' bashyize hanze ku wa 21 Kamena 2024. Nubwo buri wese mu bagize iri tsinda yagiye akora ibikorwa bye bwite, ntibigeze batangaza ko batandukanye burundu. Mu kiganiro Olvis Mugabo yagiranye n'itangazamakuru mu 2026, yavuze ko nta kibazo bafitanye.

Biteganyijwe ko icyo gitaramo kizasiga abakunzi b'ibihangano byabo basore bizihiwe.

King James agiye gutaramira abakunzi be bo muri Amerika na Canada

MUTETERAZINA Shifah

Umuhanzi King James agiye gukomereza ibitaramo byo kwizihiza imyaka 20 amaze mu muziki muri Amerika na Canada muri gahunda yo kubikomereza hiya no hino ku Isi nk'uko yabisezeranyije abakunzi be.

Uyu muhanzi uri mu bakunzwe n'ingeri zose yahagurutse i Kigali mu ijoro ryo ku wa 11 Ugushyingo 2026, yerekeza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, aho afite igitaramo kizabera muri Celebrity Theatre, mu Mujyi wa Phoenix muri Leta ya Arizona, ku wa 28 Ugushyingo 2026 mu gihe azakomereza mu cyo azakorera muri Canada.

Uru rugendo rw'ibitaramo Ibyo bitaramo byabaye umwanya wo kongera guhura n'abafana be no kubagezaho zimwe mu ndirimbo zamamaye mu rugendo rwe rw'ubuhanzi zaba inshya n'izo yatangiriyeho ibihe bizahora byibukwa ku bakunzi be.

King James yinjiye mu muziki mu 2006, amenyekana binyuze mu ndirimbo z'urukundo zirimo Naratomboye, Nta Mahitamo, Ndakwizera, Yaciye ibintu na Naramukundaga. Mu 2010 yashyize hanze alubumu ye ya mbere yise Umugisha, ayikurikiza Umuvandimwe yo mu 2011 n'iyo yise Ntibisanzwe mu 2014.

Mu 2012, yegukanye irushanwa rya 'Primus Guma Guma Super Star', intsinzi yamufashije kurushaho gutera imbere no kumenyekanisha umuziki we. Nyuma yongeyeho izindi



King James agiye gutaramira muri Amerika, nyuma akazakomereza muri Canada

King James yarutangiriye mu Rwanda, aho ku wa 1 n'uwa 2 Kanama 2026 yakoreye ibitaramo bibiri muri BK Arena, byitabirwa n'abakunzi be bari baje kwifatanya na we kwizihiza imyaka 20 amaze mu muziki.

alubumu zirimo Meze Neza yo mu 2016 na Ubushobozi yo mu 2021 n'iyo aheruka gushyira hanze mu Ukwakira 2026, yise Nakwibeshyeho.

Biteganyijwe ko nyuma yo gutaramira muri Amerika King James azataramira muri Canada mu Ukuboza 2026 ku matariki

Amavubi yatsinzwe na Mali mu guhatanira kujya muri CAN 2027



Ikipe y'u Rwanda, Amavubi, yatsinzwe n'iya Mali ibitego 3-2

SHEMA Ivan

Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda, Amavubi, yatsinzwe n'iya Mali ibitego 3-2, mu mukino w'umunsi wa gatatu, uba uwa mbere itakaje mu rugendo rwo gushaka itike y'Igikombe cya Afurika cya 2027.

Uyu mukino w'ishiraniro wo mu Itsinda K wabaye mu ijoro ryo ku wa Gatanu, tariki ya 13 Ugushyingo 2026, kuri Stade du 26 Mars y'i Bamako yari yuzuye abafana barenga ibihumbi 50.

Les Aigles du Mali yari imbere y'abafana bayo ni yo yatangiye neza umukino igerageza kurema uburyo bwo gutsinda igitego hakiri kare.

Mu minota 20, iyi kipe yakomereje muri uwo mujyo, ariko ubwugarizi n'umunyezamu b'Amavubi bakomeza guhagarara neza.

Ku munota wa 29, Kwizera Jojea yatsindiye Amavubi igitego cya mbere ku mupira mwiza Iradukunda Elie yahinduye imbere y'izamu ahita awushyira mu rushundura.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Mali yongereye imbaraga



Amavubi yageregeje kwihagararaho muri Mali

isatira izamu ry'Amavubi harimo coup-franc yatewe na Dorgeles Nene, ariko umunyezamu Ntwali Fiarce ashyira umupira muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 43, Mali yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira wavuye kuri coup franc yatewe na Dorgeles Nene, umupira usanga Amadou Haidara wahise awushyira ku mutwe awohererezа Kamory Doumbia yishyura igitego. Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1.

Mu igice cya kabiri, Mali yatangiranye impinduka Hamari Traore asimburwa na Fode Doucoure.

Les Aigles du Mali yakomeje gukina neza muri iki gice ishaka igitego cya kabiri harimo ishoti rikomeye ryatewe na rutahizamu Lassine Sinayoko umupira ukubita igiti cy'izamu.

Ku munota 54, Amavubi yabonye igitego cya kabiri ku mupira Kwizera Jojea yahinduye imbere y'izamu, usanga myugariro Phanuel Kavita wari uhagaze neza awushyira mu izamu n'umutwe.

Ku munota wa 61, Amavubi yashoboraga kubona igitego cya gatatu ku ishoti rikomeye ryatewe na Iradukunda Elie Tatou yatereye hanze y'urubuga rw'amahina, umupira ukurwamo neza n'umunyezamu Djigui Diarra.

Ku munota wa 63, Mousa Kounfolo Yeo yishyuriye Les Aigles du Mali igitego cya kabiri ku mupira Lassine Sinayoko yahinduye imbere y'izamu ubwugarizi b'Amavubi bunanirwa kuwukuraho usanga Moussa Kounfolo Yeoawushyira mu rushundura.

Ku munota wa 67, umutoza w'Amavubi Stephen Constantine yakoze impinduka ebyiri Kwizera Jojea na Darrly Nkulikiyimana basimburwa na Ruboneka Jean Bosco na Mugisha Gilbert.

Ku munota wa 69, umunyezamu Ntwali Fiarce yatabaye Amavubi akuramo ishoti rikomeye ryatewe na Lassine Sinayoko, umupira awushyira muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 82, Iradukunda Elie Tatou yahushije uburyo bw'igitego bwabazwe ku ishoti rikomeye yateye umupira ukurwamo neza n'umunyezamu Djigui Diarra.

Ku munota wa 84, Mamadou Camara yatsindiye Les Aigles du Mali igitego cya gatatu n'umutwe ku mupira wari uvuye muri koruneri Daouda Guindo.

Ntakindi gitego cyabonetse kugeza umukino urangiye Amavubi y'u Rwanda yatsinzwe na Les Aigles du Mali ibitego 3-2, itakaza umukino wa mbere mu rugendo rwo gushaka itike y'Igikombe cya Afurika cya 2027.

Undi mukino wabaye wo mu Itsinda K Cape-Vert yatsinze Liberia ibitego 4-2.

Kugeza ubu iri tsinda riyobowe na Mali iyobora itsinda K n'amanota icyenda ikurikiwe n'u Rwanda n'amanota atandatu, Cape-Vert n'iya gatatu n'amanota atatu mu gihe Liberia ari iya nyuma n'ubusa.

Biteganyijwe ko Amavubi ahita agaruka i Kigali aho azakirira Les Aigles du Mali mu mukino w'Umunsi wa kane uzabera muri Stade Amahoro ku wa Kabiri, tariki ya 13 Ugushyingo 2026 guhera saa tatu z'ijoro.



Kwizera Jojea yishimira igitego yatsindiye Amavubi

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. E-80 TARIKI 10-16 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

Cristiano Ronaldo yinjiye muri sinema

MICOMYIZA BARINDA Fidele

Umunyabigwi muri ruhago Cristiano Ronaldo yatangiye urugendo rushya mu ruganda rwa sinema, aho yifatanyije n'umukinnyi wa filimi akaba n'umuyobozi wazo Matthew Vaughn ukomoka mu Bwongereza, bagashinga ikigo cyigenga kizajya gikora filimi.

Iki kigo cyiswe UR•MARV, cyatangaje ko kizibanda ku gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu gukora filimi, ariko kikazaba kinazirikana uburyo gakondo bwo kuzitunganya ku buryo kitazatakaza umwimerere wazo.

Ronaldo yatangaje ko yishimiye gutangira uyu mushinga, avuga ko yiteguye kugeza ku bakunzi be amakuru ya filimi ya mbere bazakorana.

Mu butumwa yashyize kuri Instagram yagize ati: "Nishimiye kubamenyesha UR•MARV, ikigo cyanjye hamwe na Matthew Vaughn cya sinema. Ndumva mfite amatsiko yo kubagezaho filimi yacu ya mbere, vuba aha!"



Cristiano Ronaldo yerekeje muri sinema

Mu itangazo ryashyizwe ku rubuga rwa X rwa Ronaldo, iki kigo cyavuze ko bombi bahuriye ku rukundo bafitiye filimi n'imikino, ndetse no gukunda inkuru nziza.

Matthew Vaughn w'imyaka 54, azwi cyane muri sinema kubera uruhare yagize mu gukora filimi zirimo "Lock, Stock and Two Smoking Barrels" na "Snatch". Azwi kandi mu kuyobora, gutunganya no kwandika zimwe mu nkuru z'uruhererekane rwa "Kingsman".

Vaughn yavuze ko Ronaldo afite ubushobozi bwo gukora ibintu bitangaje mu kibuga, ku buryo na we atatekereza ko yabasha kubyandika muri filimi.

Yagize ati: "Cristiano yakoze inkuru mu kibuga ntashobora kuba naranditse. Ntegerezanyije amatsiko gukorana na we mu gukora filimi zitera abantu imbaraga. Ni intwari mu buzima busanzwe."

Ronaldo, akiri kapiteni w'Ikipe y'Igihugu ya Portugal, yayiyoboye mu kwegukana ibikombe bitandukanye birimo Euro 2016, ndetse yegukana ibihembo bitanu bya Ballon d'Or bihabwa umukinnyi mwiza ku Isi.

Yavuze ko uyu mushinga ari indi ntambwe nshya mu rugendo rwe rw'ishoramari, mu gihe akomeza gushakisha andi mahirwe hanze y'umupira w'amaguru.

Ronaldo na Vaughn bamaze gufatanya gutunganya no gutera inkunga filimi ebyiri z'ibikorwa by'ubutwari, ndetse bari kwitegura gutangira iya gatatu iri muri uru ruhererekane.

Iri tangazo ryavuze ko bazatangaza igihe filimi yabo ya mbere izasohokera mu gihe kiri imbere.

Ronaldo wavutse ku wa 5 Gashyantare 1985, yagiye arushaho kwagura ibikorwa bye mu bucuruzi no mu itangazamakuru. Mu 2023, yabaye umwe mu banyamigabane b'ikigo gikomeye cy'itangazamakuru cyo muri Portugal, Medialivre.

Uretse ibyo, ni umwe mu bantu bakurikirwa cyane ku mbuga nkoranyambaga ku Isi, aho afite abayoboke barenga miliyari ku mbuga zitandukanye.

Kuri Instagram afite abamukurikira miliyoni 681, kuri Facebook afite miliyoni 171, kuri X afite miliyoni 115,2 naho kuri YouTube afite miliyoni 83,7.

Muri Kanama 2024, yatangije umuyoboro wa YouTube witwa UR Cristiano, uhita uba uwa mbere wageze ku bafatabuguzi miliyoni imwe mu gihe gito cyane.

Ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cya Portugal gishinzwe Ubushakashatsi n'Iterambere mu Bucuruzi (IPAM), bwagaragaje ko agaciro k'ikirango cye bwite, CR7, mu 2025 kageraga kuri miliyoni 850 z'amayero.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko ako gaciro kiyongereyeho 325% ugereranyije n'umwaka wa 2020, bikaba bigaragaza ubushobozi bwa Ronaldo bwo kuba umwe mu bantu bafite ibirango by'ubucuruzi bwite bifite agaciro kanini ku Isi.

Arsène Wenger yanze guhatanira kuyobora FIFA

SHEMA Ivan

Arsène Wenger wahoze atoza Arsenal, yafashe icyemezo cyo kutiyamamariza kuyobora Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA) nyuma yo gushishikarizwa n'abayobozi bakomeye b'umupira w'amaguru mu Burayi.

Hari hashize ibyumweru byinshi UEFA imusaba kuba umukandida wahangana na Gianni Infantino mu matora ya Perezida wa FIFA, ariko amakuru atangazwa n'ibinyamakuru binyuranye avuga ko uyu mugabo w'imyaka 77 yafashe icyemezo cyo kurekaguhatanira uyu mwanya.

Wenger asanzwe akora muri FIFA kuva mu Ugushyingo 2019, aho ashinzwe iterambere ry'umupira w'amaguru ku Isi.

Ubu UEFA isigaje iminsi ine ngo itange umukandida mushya, mbere y'uko igihe ntarengwa cyo gutanga kandidatire kirangira ku wa 18 Ugushyingo 2026

Umubano wa UEFA n'ubuyobozi bwa Infantino umaze iminsi urimo agatotsi nyuma y'impaka zavutse ku mushinga wa FIFA Forward Enterprise (FFE), wari ugamije guha abashoramari bigenga imigabane mu bikorwa by'ubucuruzi bya FIFA, birimo n'ibifitanye isano n'Igikombe cy'Isi.

Uyu mushinga waje guhagarikwa nyuma yo kunengwa n'abayobozi bamwe na bamwe, cyane cyane abo muri UEFA, bagaragaje impungenge ku mikorere yawo.

Kugira ngo bemererwe kwiyamamaza kuyobora FIFA, ugomba gushyigikirwa nibura n'amashyirahamwe atanu y'ibihugu bigize FIFA, akanuzuza ibisabwa n'amategeko agenga amatora y'uyu muryango

Amatora ya Perezida wa FIFA ateganyijwe ku wa 18 Werurwe 2027, mu nama y'iri shyirahamwe izabera i Rabat muri Maroc.



Arsène Wenger yafashe icyemezo cyo kutiyamamariza kuyobora FIFA